**KOLEJI Y'UBUREZI**

**ISHURI RY'UBUREZI**

**ISHAMI RY'IKINYARWANDA N'UBUREZI**

# IHUSHANOZA MU ITANGAZAMAKURU RYO MU RWANDA: IMPAMVU, INGARUKA N'UMUTI WABYO. URUGERO RW'IBIGANIRO BY'IMYIDAGADURO BY'IKIGO K'IGIHUGU K'ITANGAMAZAKURU.

Inyandiko y'ubushakashatsi imuritswe mu rwego rwo guhesha

nyirayoImpamyabumenyi Ubuzobere, mu Ishuri ry'Uburezi, Koleji y'Uburezi,

Agashami k'Ikinyarwanda n'Uburezi

Yakozwe na:

**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**

Numero iranga umunyeshuri: **220017837**

Umuyobozi: **Mwarimu NIYOMUGABO Cyprien**

Umuyobozi wungirije: **Dogiteri UWIZEYIMANA Valentin**

Kigali, Kamena 2022

## UBUHAMYA BW'UMUNYESHURI

Ngewe, SEKAMANA Abdoul-Khaliq, ndemeza ko ubu bushakashatsi bufite umutwe " Ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro by'Ikigo k'Igihugu k'Itangamazakuru (RBA)" ari umurimo wange w'umwimerere kandi ko utigeze ugira ahandi utangwa, haba muri za Kaminuza cyangwa mu zindi nzego hagamijwe impamyabumenyi iyo ari yo yose. Aho twifashishije inyandiko z'abandi twarabigaragaje nk'uko biteganywa mu nyandiko za gihanga, tukaba twemeza ko uyu murimo wujuje ibisabwa kandi ko wagenzuwe hifashishijwe ikoranabunga rya anti-plagiarism.

Amazina, umukono by'umunyeshuri

**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**

Numero y'umunyeshuri: **220017837**

Umukono:

Itariki: 2 Gicurasi 2022

## IKEMEZO CY'UMUYOBOZI W'UBUSHAKASHATSI

Ngewe, Prof. Niyomugabo Cyprien, ndahamya ko ubu bushakashatsi bufite umutwe "Ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro by'Ikigo k'Igihugu k'Itangamazakuru (RBA)" bwakozwe na Sekamana Abdoul-Khaliq ari umwimerere kandi ko ari nge wabuyoboye, nkaba ntanze uburenganzira bwo kuwumurika.

Ku wa 13 Gicurasi 2022

Amazina n'umukono by'uwayoboye ubushakashatsi:

**Prof. NIYOMUGABO Cyprien**

## ABATUWE UYU MURIMO

*Umufasha wange; Umutoni*

*Abana bange; Ineza, Ituze na Iganze*

*Ababyeyi mwanyibarutse; Nkanga na Mujawase*

*Ababyeyi mwandeze; Hagumagatsi na Nyiradende*

*Abavandimwe bange mwese*

*Inshuti mwese mwanyereye ubuvandimwe*

***Mbatuye ubu bushakashatsi***

# GUSHIMIRA

Nyuma yo gushimira Imana yo yadushoboje muri byose, dufashe umwanya w'imbere dushimira by'umwihariko Mwarimu Niyomugabo Cyprien. We; wemeye atajuyaje kuyobora ubu bushakashatsi, akemera kububangikanya n'izindi nshingano asanganywe kandi zitoroshye. Ibitekerezo bye, inyunganizi ndetse no kuturemamo ikizere byabaye impamvu ikomeye yo kugera ku musaruro ufatika w'ubu bushakashatsi. Ubwitange watugaragarije muri uyu murimo uzabishimirwe n'Uhoraho.

Turashimira kandi Dogiteri UWIZEYIMANA Valentin nk'umuyobozi wungirije w'uyu murimo dushoje n'abarimu bose batwunguye ubumenyi muri Kaminuza y'u Rwanda, mu Ishuri ry'Uburezi, by'umwihariko abatwigishije mu gashami k'Ikinyarwanda n'Uburezi.

Turashimira nanone Dogiteri NGARAMBE Telesphore, Dogiteri RUDACOGORA Augustin; Mwarimu NTAKIRUTIMANA Evariste na Bwana UWIRINGIYIMANA J. Claude na Dogiteri BUHIGIRO J. Leonard uburyo badufashije kugira ngo tubashe kugera ku ntego zacu.

Turashimira abarimu bose bo mu Ishuri ry'Ubugeni n'Indimi ba Kaminuza y'u Rwanda ku nkunga ikomeye baduteye; by'umwihariko turashimira Mwarimu NKEJABAHIZI J. Chrysostome, Dogiteri RUTERANA Pierre Canisius, Dogiteri MFURANKUNDA Pravda, Dogiteri MUTWARASIBO Faustin na Dogiteri RUSANGANWA Joseph.

Dushimiye byimazeyo abantu bose bagize imbonwa z'ubu bushakashatsi barimo: abanyeshuri biga itangazamakuru, abakozi b'Ikigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA) n'abanyarwanda batandukanye ku nkunga ikomeye bateye uyu murimo dushoje.

Turashimira abanyeshuri bose twiganye mu Ishuri ry'Uburezi; bo twafatanyije uru rugamba ; k'ubujyanama, inyunganizi n'ubufatanye batweretse igihe cyose twari kumwe ku ntebe y'ishuri.

Ntiwabura gushimira ababyeyi, inshuti n'abavandimwe batubaye hafi igihe cyose k'ishuri.

Mwese uko tubarondoye nimuhabwe umugisha n'Uhoraho.

**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**

# IMPINE ZAKORESHEJWE

HEC: Higher Education Council

MHC: Media High Council

Ikiny.: Ikinyarwanda

MINEDUC: Ministry of Education

MYCULTURE: Ministry of Youth and Culture

Nb: N'ibindi

ORINFOR: Office Rwandais d'information

RBA: Rwanda Broadcasting Agency

RCHA: Rwanda Cultural Heritage Academy

SJC: School of Journalism and Communication

UNESCO: United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization

UR: University of Rwanda

## INSHAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi ku ngingo ivuga ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda bwakozwe hagamijwe kugaragaza no gusesengura byimbitse ibibazo by'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Ubu bushakashatsi bwubakiye ku ntego eshatu zihariye: Kugaragaza impamvu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza; kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda; no kugaragaza ingamba zafatwa mu rwego rwo gusigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Imiterere y'uyu murimo, ishingiye ku nyigo icukumbuye ku kintu. Ikusanyamakuru ry'ubu bushakashatsi ryifashishije itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku guhitamo; aho abakeshwamakuru b'ubu bushakashatsi batoranyijwe hagendewe ku ihitamo rishingiye ku mpamvu. Ikusanyamakuru ry'ubu bushakashatsi kandi ryifashishije uburyo bw'ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo n'iganirabaza. isesenguramakuru ry'uyu murimo ryakoresheje uburyo rukomatanyo. Ubu bushakashatsi bwasesenguye ubwoko bubiri bw'imbonwa: Imbonwa z'ibanze n'imbonwa nyunganizi; buyoborwa n'amahange nyobozi abiri mu isesenguramakuru: Ihange ry'ubwumvane n'ihange ry'isasu ry'amayobera. Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko hari impamvu nyinshi kandi zitandukanye itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza. Ubushakashatsi kandi bwagaragaje ko hari ingaruka nanone zitandukanye ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda. Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje ko hari ingamba zitandukanye zafatwa kugira ngo hasigasirwe Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

**Amagambo ngenderwaho**: Ihushanoza, Ikinyarwanda, itangazamakuru ryo mu Rwanda. Ikigo k'igihugu k'Itangazamakuru n'ibiganiro by'imyidagaduro

## ABSTRACT

The study was entitled “The use of Kinyarwanda in the Rwandan media”. It intended to identify and analyse problems related to inappropriate use of Kinyarwanda in the Rwandan media. The study had three research objectives: to identify the causes of inappropriate use of Kinyarwanda in the Rwandan media; identify the effects of hiring journalists with a low proficiency level in Kinyarwanda in the Rwandan entertainment programs and propose solutions to enhance the use of Kinyarwanda in the Rwandan media. This is a case study research. In order to collect data, respondents were selected using the Purposive sampling technique. In addition, a questionnaire and interviews were used to collect data from respondents. As far as data analysis is concerned, the study used a mixed approach. In fact, the study analysed two types of data: primary and secondary data. The data analysis was done under mixed method. This research was underpinned by two theories: the communicative theory and magic bullet theory. Findings from the study revealed that there are many and different factors that cause hypocorrection of Kinyarwanda in the Rwandan media. This study also indicates that there are different consequences caused by employment of journalists unskilled in Kinyarwanda in the Rwandan media. Besides, this research revealed that there can be strategies to be taken in a way of safeguarding standard Kinyarwanda in Rwandan media.

**Key words:** Hypocorrection, Kinyarwanda, Rwandan media, Rwanda Broadcasting Agency and entertainment programs

# ISHAKIRO

Ubuhamya bw'umunyeshuri ........ i

Ikemezo cy'umuyobozi w'ubushakashatsi ........ ii

Abatuwe uyu murimo ........ iii

Gushimira ........ iv

Impine zakoreshejwe ........ vi

Inshamake y'ubushakashatsi ........ vii

Urutonde rw'imbonerahamwe ........ xvi

UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE ........ 1

1.1 Impamvu z'ubu bushakashatsi ........ 1

1.2 Imiterere y'ikibazo ........ 4

1.4 Inkeko z'ubu bushakashatsi ........ 12

1.5 Intego z'ubu bushakashatsi ........ 13

1.5.1 Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ........ 13

1.5.2 Intego zihariye z'ubu bushakashatsi ........ 13

1.6 Ibibazo by'ubushakashatsi ........ 14

1.7 Akamaro k'ubushakashatsi ........ 14

UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA RY'IBYANDITSWE MBERE N'AMAHANGE NYOBOZI Y'UMURIMO ........ 17

2.1 Intangiriro ..... 17

2.1 Inozamvugo n'ihushanoza ..... 18

2.2 Inozamvugo mu Banyarwanda bo ha mbere ..... 22

2.4 Uturango tw'imvugo z'itangazamakuru ..... 31

2.5 Impamvu, ingaruka n'umuti by'ihushanoza mu bitangazamakuru byo mu Rwanda ..... 33

2.6 Umwihariko w'ubu bushakashatsi ..... 35

2.7 Amahange nyobozi azifashishwa ..... 36

2.7.1 Ihange ry'ubwumvane ..... 37

2.7.2 Ihange ry'isasu ry'amayobera ..... 40

2.8 Umwanzuro ..... 41

UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE ..... 42

3.1 Intangiriro ..... 42

3.2 Imiterere y'ubushakashatsi ..... 43

3.3 Aho ubushakashatsi bwakorewe ..... 44

3.4 Guhitamo itsinda nkeshwamakuru ..... 45

3.5 Ubwoko bw'imbonwa ..... 47

3.5.1 Imbonwa z'ibanze ..... 47

3.5.2 Imbonwa nyunganizi ..... 48

3.6 Ikusanyamakuru ........ 49

3.6.1 Ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo ........ 51

3.6.2 Iganirabaza ........ 52

3.7 Isesenguramakuru ........ 53

3.8 Amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi ........ 54

3.9 Umwanzuro ........ 55

UMUTWE WA KANE: ISESENGURAMAKURU ........ 56

4.1 Intangiriro ........ 56

4.2 Impamvu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza ........ 57

4.2.1 Kutiga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze mu mashuri yisumbuye ku banyamakuru benshi bo mu Rwanda ........ 59

4.2.2 Kutagira umukozi ushinzwe kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro ........ 61

4.2.3 Imyigishirize y'Ikinyarwanda iri ku rwego rwo hasi muri kaminuza no mu mashuri makuru ........ 62

4.2.4 Kuba uburyo abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro bahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye ........ 64

4.2.5 Uburyo abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo zikoreshwa muri ibyo biganiro ........ 66

4.2.6 Uburyo abanyamakuru bakunda uruzungu ntibahe agaciro Ikinyarwanda ........................................................................................................69

4.2.7 Kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru..........................................................................71

4.3 Ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda ....................................73

4.3.1 Kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda......................74

4.3.2 Gutuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye...........................................................................................76

4.3.3 Gutesha agaciro Ikinyarwanda ku buryo hazagera igihe ababyiruka ntibagikunde........................................................................................78

4.4 Ingamba zafatwa mu rwego rwo gisigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ...................................................................80

4.4.1 Kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ............81

4.4.2 Kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye ................83

4.4.3 Guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda .........................................................................85

4.4.4 Abayobozi b'ibitangazamakuru gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda....................................................87

4.4.5 Minisiteri ifite umuco mu nshingano gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame..................................................89

4.4.6 Gushyiraho ibwiriza ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ..... 91

4.5 Umwanzuro ..... 93

UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE ..... 94

5.1 Intangiriro ..... 94

5.2 Ibyagezweho mu bushakashatsi ..... 94

5.3 Inama n'ibyifuzo by'umushakashatsi ..... 98

5.3.1 Ibyifuzo n'inama kuri Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo ..... 99

5.3.2 Ibyifuzo n'inama kuri Minisiteri ifite amashuri abanza mu nshingano 100

5.3.3 Ibyifuzo byacu ku Nteko y'Umuco ..... 102

5.3.4 Ibyifuzo n'inama kuri ba nyir'ibitangazamakuru byo mu Rwanda ..... 103

5.3.5 Ibyifuzo n'inama ku banyamakuru bakora ibiganiro by'imyidagaduro 104

5.3.6 Ibyifuzo n'inama ku mashuri yigisha itangazamakuru ..... 105

5.4 Umwanzuro ..... 106

INDANGASOKO ..... 107

IMIGEREKA ..... 111

Umugereka wa 1 ..... 111

Umugereka wa 2 ..... 113

Umugereka wa 3 ..... 115

Umugereka wa 4 ........................................................................................117

Umugereka wa 5 ........................................................................................120

Umugereka wa 6 ........................................................................................122

Umugereka wa 7 ........................................................................................124

Umugereka wa 8 ........................................................................................126

Umugereka wa 9 ........................................................................................135

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

**Imbonerahamwe 1**: Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona impamvu z'ihushanoza zishingiye ku myigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye ....... 59

**Imbonerahamwe 2:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru babona impamvu z'ihushanoza ziterwa no kutagira umukozi ushinzwe kubungabunga Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro ....... 61

**Imbonerahamwe 3:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru bagaragaza impamvu z'ihushanoza ziterwa n'imyigishirize y'Ikinyarwanda iri hasi muri kaminuza no mu mashuri makuru ....... 62

**Imbonerahamwe 4:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru bagaragaza impamvu z'ihushanoza ziterwa n'itangwa ry'akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye ....... 64

**Imbonerahamwe 5:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru bagaragaje impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo zikoreshwa muri ibyo biganiro ....... 66

**Imbonerahamwe 6:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru bagaragaza impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo abanyamakuru bakunda uruzungu ntibahe agaciro Ikinyarwanda ....... 69

**Imbonerahamwe 7:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru bagaragaza impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo imvugo zikoreshwa ntawe zibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru ....... 71

**Imbonerahamwe 8:** Ikegeranyo kigaragaza uko ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatera kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda ......74

**Imbonerahamwe 9:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru bagaragaza uburyo ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye......76

**Imbonerahamwe 10:** Ikegeranyo kigaragaza uko ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatesha Ikinyarwanda agaciro mu babyiruka......78

**Imbonerahamwe 11:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona umuti ushingiye ku kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda......81

**Imbonerahamwe 12:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona umuti ushingiye ku kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye......83

**Imbonerahamwe 13:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona umuti wo guha agaciro kisumbuyeho isomo ry'Ikinyarwanda mu burezi bwo mu Rwanda muri rusange......85

**Imbonerahamwe 14:** Ikegeranyo kigaragaza uburyo abakeshwamakuru babona umuti w'uko abayobozi b'ibitangazamakuru bagomba gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda......87

**Imbonerahamwe 15:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona umuti w'uko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame......89

**Imbonerahamwe 16:** Ikegeranyo kigaragaza uko abakeshwamakuru babona umuti wo gushyiraho ibwiriza ryo kurinda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ........................................................................................91

# UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1.1 Impamvu z'ubu bushakashatsi

Hatagendewe ku kuba umunyeshuri usoza amasomo y'ikiciro cya gatatu cya Kaminuza agomba gukora umurimo w'ubushakashatsi no kuwumurika hagamijwe kugira ngo abe asoje amasomo ye yo muri icyo kiciro; uyu murimo watekerejwe nanone mu rwego rwo kurushaho gukangurira rubanda gusigasira ururimi rwabo, rwo pfundo rihuje Abanyarwanda nk'uko umwanzuro wa karindwi w'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15 yo ku wa 18 na 19 Ukuboza 2017; ubishimangira, aho ushishikariza Abanyarwanda "Gukomeza gushimangira ubufatanye hagati y'inzego za Leta, ababyeyi, sosiyete sivile n'imiryango ishingiye ku madini n'amatorero mu kurushaho kwigisha ururimi rw'Ikinyarwanda bihereye mu muryango, mu mashuri, mu biganiro bitangwa mu bitangazamakuru, kandi Abanyarwanda b'ingeri zose bagahugukira kwiga, kumenya no gukoresha neza Ikinyarwanda" Guverinoma y'u Rwanda (2017, p. 31)

Gukora ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru, twumva ari umuganda, nk'umunyarwanda wize Ikinyarwanda by'umwihariko muri Koleji y'Uburezi yatanga hagamijwe kugaragaza niba hariho impamvu zihariye zitera imivugire idahwitse y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Ibi kandi bikaduha n'uburyo bwo kureba niba koko izo mpamvu ziriho nta kibazo zateza ku iterambere n'ubusugire bw'Ikinyarwanda ndetse kandi tukaba twashakisha umuti wafasha gukemura Ikibazo cyaba cyagaragajwe mu bushakashatsi.

Tujya gukora kuri iyi ngingo rero habayeho kwibaza cyane niba koko abanyamakuru bo mu Rwanda bahusha inozamvugo ku bwende cyangwa se bahusha inozamvugo kubera ko hari izindi mpamvu zitandukanye. Twageze n'aho twibaza niba kuvuga uko ushatse ururimi mu biganiro by'imyidagaduro, itangazamakuru muri rusange ribyemera.

Kuba rero harabayeho inyigo zabashije kurondora amwe mu makosa akorwa n'abanyamakuru mu mvugo zabo ndetse na zimwe mu mpamvu zituma batavuga neza Ikinyarwanda ariko ntihagaragazwe mu buryo bwimbitse ingaruka iyo mivugire yazagira ku mwana w'umunyarwanda wakabaye yumva cyangwa yigira Ikinyarwanda ku banyamakuru bo mu Rwanda; dore ko usanga itangazamakuru cyane cyane iry'imyidagaduro ryihariye igice kitari gito mu buzima bw'urubyiruko, aho usanga rifata umwanya ukomeye mu myitwarire n'imibereho y'urubyiruko, byabaye impamvu ikomeye kuri twe yo kugaruka ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda

Kuba kandi imirimo yakozwe kuri iyi ngingo yaragaragaje ko hari ingamba zafatwa ariko mu by'ukuri tugasanga izo ngamba zitari zihagije mu rwego rwo guca burundu ihushanoza, na byo byaduhaye ubushake bwo gukora kuri iyi ngingo y'Imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

Ubushake bwo gukora kuri iyi ngingo y'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda yazimbuwe nanone n'uko twamenye neza ko itangazamakuru ku isi yose rigira mu nshingano zaryo kwigisha no guhugura rubanda, noneho twifuza ko izo nshingano zaba umwihariko ku gihugu cyacu; aho twumvaga ko itangazamakuru rigomba gufasha Abanyarwanda gukomeza gusigasira no gukungahaza ururimi rwabo rw'Ikinyarwanda.

Gukeka ko kandi abanyamakuru bakora mu ishami ry'ibiganiro by'imyidagaduro ahanini bashobora kuba batarahuguwe ku Kinyarwanda, ndetse n'abize itangazamakuru mu Rwanda ko bashobora kuba batarize byimbitse Ikinyarwanda, byatumye nanone twihatira kwiga kuri iyi ngingo. Bituma dushaka kumenya neza niba koko imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri y'itangazamakuru, itaba impamvu ikomeye ituma abanyamakuru benshi bagaragaraho ikibazo k'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda.

Kwibaza nanone niba itangwa ry'akazi ku banyamakuru b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda, cyanecyane abatanga ibiganiro by'imyidagaduro mu Kinyarwanda, ryaba rishingira ku gushaka umunyamakuru wakenetse ururimi rw'Ikinyarwanda, ku buryo umunyamakuru uhawe akazi aba ari intyoza mu rurimi yatsindiyemo akazi; na byo byabaye impamvu yo gushaka gukora kuri iyi ngingo, tugira ngo tumenye neza ko koko utsindira akazi aba afite ubumenyi ku Kinyarwanda, hanyuma ikiganiro akora akaba ari cyo kimutera kutanoza imvugo.

Uyu murimo by'umwihariko, twawukoze tugira ngo uzaheshe agaciro Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda hashingiwe ku kugaragaza ibyashingirwaho kugira ngo haboneke umunyamakuru wakenetse Ikinyarwanda, kuko nk'uko tubizi ururimi rukoreshejwe neza benerwo barwungukiramo kandi n'ururimi ubwarwo rugakungahara; Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (2018) bagaruka kuri uyu mumaro muri ubu buryo "ururimi rufite uruhare runini cyane. Ni rwo rutuma abiga bumvikana n'abigisha, bigatuma bumva neza ibyo biga. Ni na rwo rutuma ibyo bize bashobora kubyifashisha mu buzima bwa buri munsi no gufasha abandi kubyungukiramo, bagatera intambwe nk'iyabo cyangwa yisumbuyeho".

Zimwe mu nzira zo guteza imbere ururimi no kuruhesha agaciro muri benerwo ni ukuruvuga neza igihe uhawe ijambo mu bandi cyangwa uvuga mu ruhame; mu itangazamakuru hagatoranywa abanyamakuru b'intyoza mu Kinyarwanda, bashobora kuvuga Ikinyarwanda uko bikwiye mu biganiro binyuranye nkuko ari ihame no mu zindi ndimi.

## 1.2 Imiterere y'ikibazo

Ikinyarwanda ni Ururimi gakondo rw'Abanyarwanda, rukaba ari narwo rurimi rukumbi rwihariye ubushongore bwo kuba ururimi rw'igihugu mu ndimi enye zemewe mu butegetsi[1] Hamwe rero n'Ikerekezo uyu murimo uherereyemo k'iyigandimi nyamuryango ni ngombwa kugaragaza umwanya uru rurimi rufite mu ruhando rw'indimi enye zemewe kandi zikoreshwa mu butegetsi bw'igihugu, by'umwihariko ariko, umwanya Ikinyarwanda gifite mu itangazamakuru ryo mu Rwanda; bityo imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda akaba ari ingingo fatizo muri uyu murimo.

Ikinyarwanda nk'ururimi ruhuje Abanyarwanda aho bava bakagera, abato n'abakuru, kifitemo ubukungu ahanini bushingiye ku kibonezamvugo cyacyo aho imvugo ikoreshwa hamwe yumvwa na bose kandi hose nubwo tutirengagije ko mu Rwanda hari ibice bimwe bifite kandi bikoresha indimi shami z'Ikinyarwanda ariko ibi tukabitwara nk'ubukire bw'Ikinyarwanda. Ni na ngombwa kandi ko tuvuga ku iterambere ry'Indimi mvamahanga mu Rwanda aho Igiswahiri, Igifaransa n'Icyongereza ari indimi zemewe mu

[1] https://www.aripo.org/wp-content/uploads/2018/12/RWANDA_CONSTITUTION_NEW_2015_Official_Gazette_no_Special_of_24.12.2015.pdf Yasomwe ku wa 9/6/2021 saa mbiri na 20 z'ijoro

butegetsi kimwe n’Ikinyarwanda, ibi bikaduha kwemeza ko Ikinyarwanda kitakihariye imvugo mu Rwanda n’ubwo ari rwo rurimi ruhuriweho n’Abanyarwanda bose.

Ubukungu Ikinyarwanda kifitemo kandi bushingira ku kuba ari rwo rurimi rubumbatiye byinshi biranga umuco, imibereho, imitekerereze n’imyumvire by’Abanyarwanda, bityo kwita ku mivugire y’Ikinyarwanda bikaba bigomba kuraza inshinga buri munyarwanda; ibi bikaba ari byo umunyamakuru mu ishami ry’Ikinyarwanda ku gitangazamakuru cyose cyo mu Rwanda, agomba kwiyumvisha no gutora kuko u Rwanda rwubakiye kuri wa muco, imitekerereze n’imibereho by’Abanyarwanda.

Nta kabuza ko Abanyarwanda bakeneye kumva imvugo y’umunyamakuru wakenetse Ikinyarwanda cyuje inozamvugo n’ikeshamvugo. Kunoza inganzo yo kuvuga neza Ikinyarwanda ku munyamakuru wo mu Rwanda, by’umwihariko umunyamakuru wo mu ishami ry’ibiganiro by’imyidagaduro ni imwe mu nzira yo kwigisha rubanda imikoreshereze nyayo y’Ikinyarwanda, cyane cyane urubyiruko rw’u Rwanda. Bityo umunyamakuru ukora mu ishami ry’Ikinyarwanda akaza afite ubumenyi buhagije ku Kinyarwanda by’umwihariko ubumenyi bushingiye ku ngazo yo kuvuga neza mu ruhame; inganzo ahanini ishingiye ku ntego y’icyo uvuga, uko ukivuga, abo ukibwira n’aho ukivugira.

Mu Rwanda rwo hambere, Abanyarwanda bihatiraga kuvuga imvugo iboneye, y’umwimerere mbese yuje ikeshamvugo aho mu biganiro byabo, buri umwe yigengeseraga mu mvugo no mu migirire ye ngo atazavaho aba iciro ry’imigani mu bandi ko atazi kuvuga neza. Kumenya uko uyobora imvugo yawe mu bandi byari ihame. Kuvuga ku munyarwanda mu bandi byari

umwanya mwiza wo kugaragaza igitekerezo, gutanga ubutumwa, kwivuga no kwirata ibigwi.

Muri iki gihe Ikinyarwanda giharikanye n'indimi mvamahanga ndetse umuco nyarwanda ukaba warinjiriwe cyane n'imico yo hanze y'u Rwanda, aho kuvuga Ikinyarwanda neza mu bandi usanga bitakiri ishema, ahubwo usanga bigenda bifata isura y'umuntu wasigaye inyuma; aho usanga bwa buhanga bushingiye ku nganzo yo kuvuga imvugo iboneye yuje inozamvugo n'ikeshamvugo bigenda bimirwa n'imvugo idahwitse; imvugo y'uruvangitirane rw'indimi mvamahanga, kuvuga uburimi mu ruhame, imvugo ikocamye, igifefeko gikabije n'izindi mvugo. Ibi bikaba byigaragaza cyane mu biganiro by'imyidagaduro byo ku maradiyo na tereviziyo byo mu Rwanda ahanini byitabirwa bikanakurikiranwa n'urubyiruko ku bwinshi.

Imvugo iboneye; ya mvugo umunyarwanda wo ha mbere yiratiraga mu bandi yo gukeneka Ikinyarwanda, ntikiri intego, ahubwo usanga ihushanoza ari ryo ryimakajwe mu biganiro by'imyidagaduro byo mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Ku buryo ibiganiro bimwe byo mu Kinyarwanda usanga byarahariwe abantu batazi neza Ikinyarwanda ariko bafite ubuhanga mu gushyushya no kuryoshya ikiganiro.

Iyo uteze amatwi ibiganiro by'imyidagaduro bikorwa mu Kinyarwanda ku maradiyo, televiziyo zitandukanye n'imbuga nkoranyambaga, usanga Ikinyarwanda cyo mu myaka izaza gishobora kuzitiranwa n'indimi z'amahanga cyangwa se kikazaba ari ururimi rutira amwe mu magambo y'Ikinyarwanda. Ibi bikaba biterwa ahanini no imvugo y'umunyamakuru mu biganiro by'imyidagaduro by'Ikinyarwanda ku maradiyo, tereviziyo n'imbuga binyuranye usanga muri iki gihe bitita ku mvugo inoze y'Ikinyarwanda aho usanga imvugo ikoreshwa iba yiganjemo amakosa menshi y'imivugire,

imvugo ikocamye, ivangandimi ahatari ngombwa, uburimi n'izindi mvugo zibangamira imikoreshereze ikwiye y'Ikinyarwanda; ibi ugasanga bibangamira iterambere n'ubusugire bw'ururimi rw'igihugu.

Iyo mivugire idahwitse y'Ikinyarwanda mu banyamakuru b'imyidagaduro niyo ku bwacu tubona ko ishobora kuzateza akaga Ikinyarwanda cy'umwimerere kuko ibi biganiro by'imyidagaduro bikurikirwa n'Abanyarwanda benshi kandi bari mu byiciro bitandukanye ariko abiganje akaba ari urubyiruko. Bityo kuvuga ko ingaruka zazava mu mikoreshereze itanoze y'Ikinyarwanda gikoreshwa mu itangazamakuru ryo mu ishami ry'Ikinyarwanda cyane cyane iry'ibiganiro by'imyidagaduro muri iki gihe yazahenda u Rwanda n'Abanyarwanda muri rusange mu bihe bizaza niba ntagikozwebyaba bifite ishingiro.

Kugeza ubu umuntu ashobora kwibaza niba kutanoza imvugo byaba biterwa n'uko abiga itangazamakuru nta bumenyi buhagije ku Kinyarwanda bahabwa mu mashuri , niba se biterwa n'uko urubyiruko rwataye imvugo iboneye noneho n'umunyamakuru uzi kuvuga neza Ikinyarwanda agashaka kwisanisha n'urubyiruko rutagikunze Kuvuga Ikinyarwanda kiboneye. Nanone ukaba wakwibaza niba se bidaturuka ku kudaha agaciro Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. None se uru ruhurirane rw'ibibazo twibaza ntirwaba rufite aho ruhurira n'impamvu yo kutagira umunyamakuru uvuga Ikinyarwanda mu buryo buboneye.

Mu gusesengura neza ibyo bibazo ariko, twasanze tutagomba gushingira gusa ku munyamakuru uvuga; ahubwo tugomba no gusesengura neza inzira uyu munyamakuru acamo kugira ngo azitwe umunyamakuru w'umwuga mu ishami ry'Ikinyarwanda ku gitangazamakuru icyo ari cyo cyose ariko noneho by'umwihariko umunyamakuru mu ishami ry'Ikinyarwanda kuri radiyo na

tereviziyo by'igihugu (RBA); hagamijwe kureba uko ategurwa mu mashuri, uko ahabwa akazi n'ibigenderwaho kugeza ubwo agera ku rwego rwo gutangaza inkuru cyangwa gutanga ikiganiro ku gitangazamakuru cyo mu Rwanda by'umwihariko mu Kigo k'Igihugu cy'Itangazmakuru (RBA). Kubasha gusesengura neza izi mpamvu ni inzira yo kumurika ikibazo uko giteye, kuko uko gikomeza gukura bikomeza kugira ingaruka ku Kinyarwanda cyane cyane ku Kinyarwanda urubyiruko rw'u Rwanda rugomba guhitamo gukoresha.

## 1.3 Uruhando rw'inyigo

Nubwo hari abatsimbarara, bakemeza ko itumanaho ndetse n'itangazamakuru mu Rwanda byazanywe n'ubuhanga bushingiye ku ikoranabuhanga, twe dusanga ababigenderaho biyibagiza ko kuva kera na kare abakurambere bari bafite uburyo bwihariye batumanagaho kandi amakuru akagera kuri buri wese agenewe; aha ntitwabura kuvuga ku ruhare rukomeye rw'umurishyo w'ingoma n'ingoma ubwayo mu itumanaho ryo mu Rwanda rwo ha mbere, ikembe se cyangwa ihembe…, Kimwe kandi n'umwanya ukomeye umuvuzi w'amacumu yari afite mu kubara amakuru y'urugamba na byo byagaragazaga uburyo abakurambere bacu bakoraga itangazamakuru ku gice kimwe; gusa ntitwabura kugaragaza ko ikoranabuhanga ryoroheje uburyo bw'ihanahana ry'amakuru aho kuri ubu rubanda rwahagurukiye kwiga ibijyanye n'itangazamakuru hagamijwe gukora itangazamakuru kinyamwuga mu gihe tugezemo.

Itangazamakuru mu buryo bushya mu Rwanda ritangira, ryatangiranye n'ibitangazamakuru byandika aho ku ikubitiro Kinyamateka yabimburiye

ibindi. Iki kinyamakuru cyafashije rubanda ku bijyanye n'iterambere ndetse gifasha benshi kongera ubushobozi bwo gusoma. Nyuma haje kuza itangazamakuru rya radiyo aho Radiyo Rwanda yamaze igihe kinini ntayindi bihanganye mu Rwanda. Haje gutaho itangazamakuru rya televiziyo; naryo ku ikubitiro ryatangijwe n'Ikigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (ORINFOR). Nyuma haje itangazamakuru rishingiye ku miyoboro yifashisha ikoranabunga mu buryo butandukanye aho ubu usanga You tube, Twetter, Instegram, Facebook, Whatsapp n'iyindi, yaramaze gufata umwanya ukomeye mu mibereho y'abatuye isi, baba urubyiruko cyangwa abakuze. Imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ni ikibazo gifite ishingiro dore ko mu Rwanda ibitangazamakuru bimaze kuba byinshi.

Twashimye cyane imirimo inyuranye yakozwe ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru, nubwo ari mbarwa; yaduhaye ubushake bwo gushaka gukomeza gucukumbura iby'iyo mikoreshereze hagambiriwe gusesengura impamvu n'ingaruka by'amakosa ashingiye ku bibazo by'imvugo itaboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda cyane cyane mu biganiro by'imyidagaduro, ndetse no kugaragaza icyakorwa kugira ngo Ikinyarwanda gishobore gukoreshwa neza muri ibyo bitangazamakuru; gishimangira intego nyamukuru z'itangazamakuru,

Kugeza magingo aya, imirimo yakozwe ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru si myinshi, gusa hari iyakozwe. Twafata nk'urugero rwa raporo y'amahugurwa y'abanyamakuru ku mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru, yakozwe n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC) mu mwaka wa 2017. Hari kandi n'inyigo yihariye yakozwe na Mwarimu Niyomugabo Cyprien afatanyije na Twilingiyimana Chrysogone yiswe "Imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo

mu Rwanda" yo mu 2012. Uyu murimo witaye ku mvugo ivugwa n'abanyamakuru.

Mu kuri, iyi mirimo, dusanga yaratanze umusanzu ukomeye kuri iyi ngingo y'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda kuko nkuko dusanga amahugurwa avugwa muri raporo yakozwe n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru yari agamije ahanini kwibutsa umunyamakuru inshingano ze ku kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda, gusesengura impamvu Ikinyarwanda kitubahwa uko bikwiye mu bitangazamakuru, gushishikariza abanyamakuru gukoresha Ikinyarwanda kinoze kandi kiboneye mu mvugo no mu myandikire, kukimenya neza no kukirinda ibyonnyi bitandukanye birimo kukivangavanga n'izindi ndimi, guhwitura abanyamakuru ngo bashyire imbaraga mu kurinda ababakurikirana kumira bunguri amakosa agaragara mu mivugire no mu myandikire mu nkuru bahihitisha mu bitangazamakuru byabo ndetse no kongerera ubumenyi abanyamakuru mu gufata iya mbere bahindura imyumvire mibi ku Kinyarwanda igaragaza ko ari ururimi rukennye, rutagira amategeko arugenga; bityo, bakarurutisha indimi z'amahanga.

Ubushakashatsi bwakozwe na Mwarimu Niyomugabo na Twilingiyimana (2012) bwari bugamije kugaragaza imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda no gusesengura imvugo, amagambo n'amafoto bikoreshwa mu biganiro bigusha ku burere mbonezabitsina. Mu gihe umurimo wa Niyirora (Niyirora, 2010) wo wagarutse ku by'amakosa agaragara mu myandikire y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru.

Urebye muri rusange, wasanga izi nyigo arizo zabashije kunyura ibitekerezo byacu mu gihe cy'ubushakashatsi n'ubwo tudahakana ko hari n'izindi nyigo zaba zifitanye isano n'imvugo y'umunyamakuru ubereye umuryango abarizwamo; aha niho dusanga nk'umurimo wa Kanimba (2007) wakozwe

agamije impamyabumenyi ihanitse mu Ishuri ry'Itangazamakuru n' Itumanaho aho yavuze ku kibazo cy'ubwisanzure bw'itangazamakuru mu Rwanda. Mu bushakashatsi bwe n'ubwo aterura ngo agaragaze uko umunyamakuru mu rubumbambaga nyarwanda yagombye kuyobora imvugo iboneye ariko agaragaza indangagaciro n'imirongo nyobozi umunyamakuru agomba kugenderamo kugira ngo abashe kunoza umurimo we w'itangamakuru.

Inyandiko ya Gafaranga[2] "Code-switching / Code-mixing or Kinyarwanda for all practical purposes: The base language issue."Aho yatanze umuganda we mu gusobanura neza ikigenderewe, mu mikoreshereze y'ivangandimi ahari iyinjiranandimi.

Twashimye kandi umusanzu ukomeye watanzwe n'umunyamakuru Kalinda (1989) mu gitabo ke Rwanyeganyeze yanditse, wabashije guhanga amuga yifashishwa mu mupira w'amaguru kugeza magingo aya. Aya muga yabashije kuvanaho imikoreshereze y'amagambo amwe n'amwe yakoreshwaga mbere maze bifasha abanyamakuru ndetse n'abakurikirana iby'umupira w'amaguru gukoresha amagambo y'Ikinyarwanda igihe bavuga iby'umupira w'amaguru.

Ku rundi ruhande twavuga umuganda ukomeye watanzwe na Ntaganira (1987), aho yakoze ubushakashatsi ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu nzego nkuru z'ubutegetsi bwa leta; ubushakashatsi muri rusange bwigaga k'ubwihaze, ubugongane n'ubwunganirane bw'indimi. Uyu murimo nawo wabaye ingenzi mu kugaragaza intangiririro y'ibibazo Ikinyarwanda cyahuye nabyo n'uko Abanyarwanda babyitwayemo.

[2] http://ssl.webs.uvigo.es/actas1997/04/Gafaranga1.pdf yasomwe ku wa 3/7/2021 saa mbiri n'iminota 17 by'umugoroba

### 1.4 Inkeko z'ubu bushakashatsi

Uyu murimo w'ubushakashatsi tuwukora twawuhaye inkeko zikurikira:

1. Uburyo abanyamakuru barambagizwa mu kazi ni ryo pfundo nyamukuru ry'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

2. Porogaramu y'imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri y'itangazamakuri ifite ikibazo kihariye, ku buryo gikosowe cyakemura byinshi.

3. Abanyamakuru nta bumenyi bufatika babona butuma baba intyoza mu Kinyarwanda.

4. Ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ribangamiye iterambere n'ubusugire by'Ikinyarwanda.

5. Amakosa y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda nta rwego ruyafataho umwanzuro.

6. Imikoreshereze itaboneye y'Ikinyarwanda izamunga Ikinyarwanda kiboneye mu Banyarwanda babyiruka.

7. Hari uburyo n'inzira zafasha gukemura ikibazo k'ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro byo mu bitangazamakuru byo mu Rwanda.

### 1.5 Intego z'ubu bushakashatsi

Umurimo wose wo mu rwego rw'ubushakashatsi ni ihame ko ugendera ku ntego, akaba ari yo mpamvu uyu murimo wagendeye ku ntego nyamukuru imwe ndetse n'intego zihariye eshatu.

#### 1.5.1 Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi

Mu gukora uyu murimo twihaye intego nyamukuru yo kugaragaza no gusesengura ibibazo by'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda.

#### 1.5.2 Intego zihariye z'ubu bushakashatsi

Hashingiwe ku mpamvu zagaragajwe zatumye duhagurukira gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ndetse n'ingaruka ziterwa no kudakoresha neza Ikinyarwanda; Uyu murimo wubakiye ku ntego zihariye zikurikira:

1. Kugaragaza impamvu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza
2. Kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda
3. Gushyira ahagaragara ingamba zafatwa mu rwego rwo gusigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

### 1.6 Ibibazo by'ubushakashatsi

1. Ni izihe mpamvu zaba zitera ihushanoza mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda?
2. Ni izihe ngaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda?
3. Ni izihe ngamba zafatwa mu rwego rwo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda?

### 1.7 Akamaro k'ubushakashatsi

Dufatiye ku mpamvu z'umurimo twagaragaje hamwe n'intego twihaye, tugendeye nanone ku ntego nyamukuru buri gitangamakuru kigira yo guhugura rubanda no gusakaza amakuru muri rubanda; uyu murimo w'ubushakashatsi dutekereza ko uzagira akamaro kanini ku banyarwanda bose muri rusange, ariko by'umwihariko uyu murimo uje ukenewe cyane kuko uzafasha:

- Abayobozi b'ibitangazamakuru kwikebura bagakora ibikwiye kugira ngo Ikinyarwanda kigumane agaciro kacyo; bashyira mu myanya abanyamakuru bashoboye kandi b'intyoza mu kuvuga ururimi rw'Ikinyarwanda
- Abayobozi b'amashuri y'itangazamakuru bazabasha kumenya neza icyuho kiri muri porogaramu z'amasomo y'indimi cyane cyane Ikinyarwanda, bityo bibafashe kunoza porogarame zifasha abanyamakuru kwiga Ikinyarwanda neza hagamijwe kugikeneka yaba mu nyandiko no mu mvugo

- Uyu murimo uzanakebura abanyeshuri biga itangazamakuru, bityo bihatire kwiga gukoresha Ikinyarwanda mu buryo buboneye ku bitangazamakuru
- Itangazamakuru rizatanga umuganda wawo wo gukungahaza Ikinyarwanda binyuze mu biganiro bitandukanye; aho intego izaba ko urubyiruko rw'Abanyarwanda bazabasha kwigira imvugo iboneye ku banyamakuru batoranyijwe neza kandi b'intyoza.
- Nyuma yo kugaragaza uko Ikinyarwanda gihagaze mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, inzego zireberera Ikinyarwanda zirimo Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo, Minisiteri zifite mu nshingano amashuri, Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC), Inteko y'umuco, Kaminuza zigisha itangazamakuru mu Rwanda … zizafatira ku byagaragajwe muri ubu bushakashatsi bwacu maze zubake umurongo uzafasha Ikinyarwanda kwisanzura no gukoreshwa neza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.
- Uyu murimo uzunganira indi mirimo y'ubushakashatsi yakozwe mu rwego rw'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru

  Uyu murimo uzabera inyobozi n'ikerekezo ku bashakashatsi bose bazifuza gukomeza gukora ku ngingo y'imikoreshereze y'Ikinyarwanda binyuze mu itangazamakuru.

## 1.8 Imbata n'Imbago z'ubushakashatsi

Uyu murimo muri rusange ugizwe n'imitwe itanu: Intangiriro, isesengura ry'ibyanditswe mbere, iyoboramikorere, ibyagezweho n'ubushakashatsi n'isobanura bwite hamwe n'umwanzuro n'ibyifuzo.

Nkuko umutwe w'uyu murimo ubigaragaza, uyu murimo uri mu kererekezo k'iyigandimi nyamuryango, aho ugamije gusesengura ibibazo by'ihushanoza mu bitangazamakuru byo mu Rwanda muri iki gihe cya nyuma ya 1994. Twahisemo kwita ku biganiro by'imyidagaduro bya radiyo na tereviziyo by'igihugu (RBA) ariko tugamije ko byazafatwa nk'ikegeranyo k'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu ishami ry'Ikinyarwanda mu Rwanda.

Hashingiwe ku mpamvu nziganyo twahereyeho mu bushakashatsi bwacu, uyu murimo uzakorerwa ubushakashatsi ahantu hanyuranye harimo; Ikigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA), muri Kaminuza y'u Rwanda (UR), hamwe n'uko hazitabazwa abandi bakeshwamakuru barimo Abanyarwanda basanzwe bakurikirana ibiganiro by'imyidagaduro kuri radiyo na tereviziyo by'igihugu.

# UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA RY'IBYANDITSWE MBERE N'AMAHANGE NYOBOZI Y'UMURIMO

## 2.1 Intangiriro

Nkuko Saleh (2016) abigarukaho ubwo yasubiragamo imvugo ya Cozby na Bates mu bushakashatsi bwabo bemeza ko "isesengura ry'ibyanditswe mbere ari uburyo bwo gusubiramo ibyanditswe mbere bifitanye isano n'ubushakashatsi bugamijwe gukorwa; bukaba ari uburyo busesengura byimbitse ibyanditse hambere ku bumenyi runaka. Iyo mirimo yakozwe ishobora kuba ari ibitabo, inyandiko z'ubushakashatsi n'ibinyamakuru". Gusa Mukama na Nkusi (2019) bagaragaza ko na raporo zitarashyirwa ahagaragara zishobora kwifashishwa nkuko babyanditse muri aya magambo "Cyakora hari ubwo umushakashatsi ashobora kwifashisha raporo z'ubushakashatsi bwarangiye ariko zitarashyirwa ahagaragara iyo izo raporo zizewe rwose."

Mukama na Nkusi (bavuzweho) bavuga ku isesengura ry'ibyanditswe mbere, bashimangira umumaro w'iki gice muri ubu buryo "Iyo umushakashatsi adahereye ku by'abandi banditse, biragoye kugira ngo abone ifatiro ry'ubumenyi bushya. Ntashobora kumenya niba hari igishya azanye mu bisanzwe bizwi cyangwa se ngo amenye niba hari ibisobanuro by'inyongera ashyize ahagaragara kugira ngo ibyari bisanzwe bizwi birusheho kumvikana. Abasoma ibyo yanditse na bo ntibiborohera kumenya niba hari icyuho aje kuziba mu bumenyi busanzwe buzwi. Ni yo mpamvu iki gice cyo gusesengura ubushakashatsi bwakozwe mbere (literature review) ari ingenzi. Kigamije rero kwerekana imirongo migari ishobora gufasha umushakashatsi gusesengura no kujora ibyanditse mbere hifashishijwe ingero zifatika

Naho amahange mu rwego rw'ubushakashatsi busobanurwa nk'umuyoboro ufasha umushakashatsi gusesengura neza amakuru y'ubushakashatsi. Massamba (Massamba, 2004) asobanura ihange nk'"inzira, amahame cyangwa uburyo byubakiye ku mitekerereze igamije gukoreshwa nk'urugero rwo gusobanura ijambo."

Kwita ku byanditswe mbere ariko bifitanye isano n'ubushakashatsi buri gukorwa ndetse n'amahange azifashishwa muri uyu murimo ni ingenzi cyane kuko bituma hagaragara icyuho cyaba cyarasizwe n'ubushakashatsi bwakozwe mbere, cyangwa se uburi gukorwa bukaba bwafatira ku byakozwe mbere bugahanga udushya. Ni yo mpamvu iki gice k'isesengura ry'ibyanditse n'isobanura ry'amahange azifashishwa ari igice kigomba kwitabwaho n'umushashakashatsi, kugira ngo abashe guhamya umusanzu we mu ruhando rw'ubushakashatsi.

Muri uyu mutwe rero turibanda ku bice bitatu by'ingenzi: Igice cya mbere kiravuga ku mvano y'inoza mvugo ry'Ikinyarwanda. Igice cya kabiri kirita ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda muri iki gihe n'ibibazo byacyo naho igice cya gatatu kivuge ku byanditswe ku mpamvu, ingaruka n'umuti by'amakosa y'Ikinyarwanda kitanoze mu itangazamakuru ryo mu Rwanda

## 2.1 Inozamvugo n'ihushanoza

Wardhaugh (2006) avuga ko muri iki gihe, abahanga mu by'indimi bemeza ko kuba intyoza mu rurimi cyangwa indimi ari ubuhanga nyakuri. Ni ubumenyi bw'amategeko n'amahame y'uburyo bw'imivugire n'imikoreshereze y'amajwi, amagambo cyangwa interuro. Ni ubuhanga bushingiye ku kumenya ibya ngombwa mu rurimi n'ibitari ngombwa. Iyi mvugo igaragaza neza ko

kuvuga neza ururimi bisaba kuba uruzi neza, wararutojwe kandi uruzobereye kugira ngo ubone kuboneza imvugo. Kuboneza imvugo rero aha bishimangirwa n'uko ya mvugo uvuga akoresha inoze mu buryo bw'amategeko n'amahame agenga urwo rurimi.

Nkejabahizi (2018) asobanura uko watahura inozamvugo nubwo we aha yibandaga cyane ku inozamvugo ryo mu isesenguramyandiko, agira ati; "Bisa n'ibishingiye ku marangamutima, kuko usesengura nta kindi yibandaho uretse kureba uko umuhanzi yashoboye kuryoshya imvugo, kugira ngo inogere abumva cyangwa abasoma ibihangano bye. Abikora areba uko yahisemo amagambo aberanye n'ikivugwa, inshurango yayo, imizimizo yakoresheje n'uburyo yayikenetse." gusa akomeza agaragaza ko inozamvugo ari nk'agace k'iyimikabwiza aho yemeza ko ukurikira uvuga cyangwa se umusesenguzi w'imvugo atahura ubwiza bw'imvugo afatiye ku buryo yatoranyije amagambo, imikoreshereze y'Ikibonezamvugo, uburyo atondekanya amagambo agize interuro, umugendo cyangwa umwiyakuro (mouvement/movement), ibyo byose akagaragaza ko bigomba kuganisha ku gitekerezo rusange.

Larousse[3] yo ivuga ko inozamvugo ari uburyo bwose bugize inganzo yo kuvuga neza, bunogeje imvugo. Na Mukama na Nkusi (twabavuzeho) na bo bakagusha muri iyi njyana. Nkejabahizi (Twamuvuzeho) asubira mu mvugo ya Buffon (1753) agaruka ku bisobanuro by'inozamvugo muri aya magambo: "Imvugo y'umuntu rero ni ingenzi. Rwa rurimi yifashisha mu gutanga

3 https://www.larousse.fr/dictionnaires/francais/rh%C3%A9torique/69242#:~:text=2.,persuader%20%3B%20style%20emphatique%20et%20d%C3%A9clamatoire. Y asomwe ku wa 15/8/2021 saa moya za ninjoro

ibitekerezo rugizwe n'imisusire (igihe inshinga zitondaguwemo, ubwinshi cyangwa ubumwe bw'amagambo), imyubakire y'interuro (itebeza, gukurikiranya amagambo…).

Biragaragara neza ko ubuhanga bwo kuvuga neza hari iby'ingenzi bwitaho kugira ngo uvuga abashe gukoresha inozamvugo. Inozamvugo kandi dufatiye ku bisobanuro tumaze kubona, biragaragara ko ari ryo shingiro y'ubwumvane kuko rituma uvuga abasha kuneza nyakubwirwa kandi binyuze mu buryo yahisemo bwo kuvuga. Iyo rero ahisemo kugoreka cyangwa kuvuga ibitavugwa mu rurimi abishaka cyangwa atabisha, icyo gihe azaba atandukiriye imvugo iboneye ari yo twabonye ko ishingiye ku inozamvugo. Nkejabahizi (twamuvuzeho haruguru) avuga ko imvugo y'umuntu iba ikubiyemo ibintu bitatu by'ingenzi: Ikivugwa cyangwa icyo ihatse, uburyo ivuze n'icyo igamije cyangwa uko iryohera uyumva. Ibi bintu bitatu Nkejabahizi asobanura ko bigize imvugo kubyitabo usanga ari byo remezo ry'inozamvugo mu rurimi urwo ari rwo rwose. Ku rundi ruhande uwica amahame nyobozi yo kuvuga imvugo iboneye aba ahisemo gukoresha ihushanoza.

Yuen (1970) we avuga ko kuvuga neza ijambo ari ikintu k'ingenzi, ariko kandi ni na cyo kintu gikomeye. Kigira ireme ryo kuba ingenzi mu mivugire inoze kuko ijwi ari ryo shingiro mu rwego rwo kuvuga neza ururimi. Igihe ijwi ridahwitse; ikibonezamvugo n'inyunguramagambo bishobora na byo gukocama.

Karani (1979) asobanura inozamvugo n'ihushanoza afatira ku byo yise Ikinyarwanda cya kera n'icy'ubu, mu kubitandukanya agaragaza ko Ikinyarwanda cya kera ari igishamikiye ku mvugo yakoreshwaga mbere y'umwaduko w'abazungu. Rukaba rwari ururimi rw'umwimerere rwitaruye

cyane indimi nyaburayi; ururimi ubwaryo rwari rukungahaye binyuze mu buvanganzo bwarwo bwari bukize, ndetse rukaba ururimi ibwami baha agaciro karwo mbese muri make rukaba ururimi ruboneye mu muryango nyarwanda rwa kera.

Karani (yavuzweho) kandi akomeza yerekana ko Ikinyarwanda cy'ubu ari ururimi ruvugwa ubu rushingiye ku isizana ry'Ikinyarwanda n'indimi z'amahanga muri rusange ariko by'umwihariko Igifaransa. Iri yinjiranandimi rigaragarira cyane mu buryo Ikinyarwanda gitira amagambo menshi mu ndimi mvamahanga. Aho bikunze kuvugwa ko Ikinyarwanda cy'ubu ari ururimi rukennye, rutihagije rudafite ubuvanganzo ndetse nta n'aho ruhuriye n'imvugo iboneye. Bamwe ndetse ntibatinya no kwemeza ko Ikinyarwanda cy'ubu atari Ikinyarwanda bashakaga guhamya ko atari Ikinyarwanda kiboneye.

Munyakazi (1992) asobanura imvugo inoze cyangwa Ikinyarwanda kiboneye muri ubu buryo "Haba mu biganiro cyangwa munyandiko, uwo bavuga ko azi Ikinyarwanda ni ukoresha amagambo adakocamye, ahwanye mahwi n'ibitekerezo yifuza gushyikiriza abamuteze amatwi cyangwa abasoma inyandiko ze. Ni ukunda kujonyeka mu mvugo ye cyangwa mu nyandiko ze amabango atanaze ari yo Abanyarwanda bakunda kwita imigani y'imigenurano, inshaamarenga cyangwa inshoberamahanga. Imvugo itanaze ihesha nyirayo ishimwe kuko iba igaragaza ko azi Ikinyarwanda kinoze, ko yacengeye intekerezo z'ireme, zikubiye muri ayo mabango, ko adasobwa n'amateka y'u Rwanda kuko akenshi usanga ari yo myendezo y'amabango atanaze."

Nubwo Niyomugabo na Twilingiyimana (Twabavuzeho mbere) basobanura ihushanoza ko ari "uburyo bwo kutabasha kugera ku rurimi mbonera kandi ubyifuza." Twe tubona ko ihushanoza ari imikoreshereze idahwitse y'ururimi

waba ubikoze utabyifuza cyangwa se ubigambiriye. Muri rusange, ibisobanuro byagarutsweho by'inozamvugo biduha kumva neza Ikinyarwanda kinoze kuko kitaruye kimwe dukunze kumvana abanyamakuru b'iwacu, aho bo bafashe imvugo yuzuye ivangandimi bakayambika Ikinyarwanda. Abandi ariko bakumvikanisha imvugo wagereranya n'uburimi cyangwa gushyoma. Kuvuga Ikinyarwanda kinoze muri make nkuko bigaragazwa na Munyakazi (tumaze kuvugaho) ni ho hashingiye inganzo yo kuvuga neza ari byo twita inozamvugo.

## 2.2 Inozamvugo mu Banyarwanda bo ha mbere

Kuvuga imvugo iboneye mu Rwanda rwo ha mbere ntibyakoroha udasanishije imvugo, ururimi n'umuco by'Abanyarwanda muri rusange, ibi bishimangirwa n'imvugo ya Kamanzi (2007), aho ahamya isano riri hagati y'ururimi n'umuco muri aya magambo "imibereho y'abantu ya buri munsi igaragarira cyane cyane mu mvugo no mu ngiro byabo. Nk'uko umuco ari umurage w'uruhererekane rw'ibyo abakurambere bacu baturaze kugira ngo natwe tuzabisigire abana bacu, ururimi ni umuyoboro uwo muco unyuramo, muri rwa ruhererekane rw'urudaca, kugira ngo ugere kuri bene wo, bawusangire, ububahishe, ubumvikanishe mu busabane busesuye, buzira iherezo. Aha ni ho hagaragara isano iri hagari y'Ikinyarwanda cyacu n'umuco nyarwanda uturanga."

Twemeranya n'iyi mvugo ya Kamanzi kuko natwe twemera ko ururimi rw'abantu runaka ari rwo rubasha gusobanura neza imibereho, imyumvire, imitekerereze, imigirire, imigenzo, imyemererere n'ibindi biri mu ruhererekane rw'umuco wa muntu. Bityo kuvuga neza Ikinyarwanda bikaba

intwaro ikomeye yo kumenyekanisha ibyo byose bigize umuco w'Umunyarwanda. Akaba ari yo mpamvu imvugo y'Umunyarwanda yitabwagaho kuva umwana akiri muto kugeza akuze kandi nabwo yamara gukura akirinda kuvuga imvugo iyo ari yo yose abonye mu bantu. Ibi Sekamana (2021) abigarukaho aho yagiye yerekana uko buri kiciro umwana yageragamo yagombaga kugira uko atozwa imvugo iboneye biha Ikinyarwanda gukomeza gusigasirwa muri bene cyo. Muri iyo nyandiko hagaragazwamo ko kuva umwana avutse, umwana mu muryango yatangiraga gukurikiranwa n'umubyeyi we cyanecyane umubyeyi w'umugore, byagera mu kigero k'imyaka ibiri n'itatu akamutoza kubaha no kuvuga imvugo iboneye y'umwana wiga kuvuga. Yatangiraga kuyoborwa mu mivugire ye kandi abifashijwemo ku isonga n'umubyeyi umubyara.

Muri ubwo bushakashatsi kandi hagaragazwa ko "Mu kigero k'imyaka itatu kugera kuri itandatu, cya kigero bavugaga ko umwana akurikira abandi mu nyana, Umwana yatangiraga gusobanurirwa bimwe mu bintu, agatozwa kuvuga neza Ikinyarwanda. Agatangira kwita ku kumenya inyito z'imirimo imwe n'imwe. Birumvikana ko na none uruhare rukomeye rwari rukiri ku mubyeyi w'umugore. Muri iki kigero nyina w'umwana akarwana no kwigisha umwana amasano ya hafi y'abagize umuryango, agatozwa kubahaabakuru no kumenya uko abitwaramo. Agatozwa indamutso ikwiye buri kiciro nb.

Iyi nyandiko igaragaza ko mu kigero cy'imyaka 7 kugera kuri 11, umwana yashoboraga kuba yakwiragirira inyana wenyine. Aha noneho se yinjiraga mu burere agatangira gukurikirana umwana afatanyije na nyina umubyara. Iki gihe umwana yatangiraga kwakira imvugo zo hanze y'umuryango we, agatangira kumva ibivugwa n'abandi bana bo mu kigero ke. Ababyeyi bakarwana no kugorora rimwe na rimwe imvugo yabaga yatoye ikocamye ari nako barushaho kumufasha gukoresha Ikinyarwanda gikwiye. Bakarushaho

kumwerekera ibikorwa bikwiye mu bantu, ari nako bamusobanurira ibidakwiye.

Ni muri iki kigero rero umwana w'umuhungu yatangiraga kwiga kwivuga utwivugo duto tw'amahomvu. Umukobwa wo muri iki kigero na we agahora iruhande rwa nyina yiga uturimo dutandukanye twa gikobwa ari nako nyina agenda amusobanurira ibikwiye kwitabwaho n'uko iyo mirimo ikorwa. Kwigishwa muri iki kigero ntibavuga, bavuga byababaga ishingiro kuko abana bo muri iki kigero bababaga batangiye guhura n'ibindi bintu bitandukanye n'ibyo bari basanzwemo. Ikeshamvugo rikongerwamo ikibatsi ku buryo abo bana bo muri icyo kiciro batangira kwitwararika mu mvugo bakoresha. Muri iki kigero kandi abana barangwaga no gusobanuza cyane bagamije kumenya ibikwiye.

Hejuru y'iki kigero twagaragaje ko hatagaho ikiciro cy'imyaka 12 kugera kuri 15. Mu by'ukuri, kikaba cyari ikigero cy'abana bamaze guca akenge; ikigero umwana w'umuhungu noneho yashoboraga gukurikirana ibiganiro by'abakuru rimwe na rimwe mu biganiro byateguwe mu buryo bwo guteza imbere umuryanngo, agahabwa umwanya hagamijwe kugira ngo barebe urwego agezeho akoresha imvugo inoze, uko arema interuro n'uburyo akoresha icengerangingo mu mivugire ye. Ku ruhande rw'abakobwa, umukobwa agatangira gutozwa no kwerekwa imirimo y'umutegarugori, agakurikiranwa mu migenzereze kandi agatozwa kuvuga atuje,; adasukiranya amagambo nka gasuku, akamenya aho agomba kuvuga n'aho agomba kumira ijambo. Kuri uru rwego iby'inozamvugo n'ikeshamvugo byababaga bimaze kugera ku rwego rushimishije.

Muri iyo nyandiko kandi tugaragaza ko hejuru y'iki kiciro, ari ho twavuga ko umuntu yabaga amaze kumenya iby'Ikinyarwanda. Umusore n'inkumi bo

muri icyo kiciro barangwaga no kunoza imvugo. Bakamenya aho kuvuga n'aho guceceka. Bari bazi neza ko imvugo isobanura nyirayo ko kandi ukuri kose kutavugwa kuko bakuraga barabwiwe kenshi ko Nyir'akarimi kabi yatanze umurozi gupfa. Bityo bagahora baharanira kuvuga ukuri, ibikwiye, kumenya icyo bavuga n'uwo bakibwira.

Birumvikana ko rero mu Rwanda rwo hambere imikoreshereze y'Ikinyarwanda yari ifite integuro kuko, umwana kuva atangiye kwiga kuvuga kugeza ageze mu kigero cy'ubusore yabaga yaratojwe imvugo iboneye. Umuco yakuriragamo ubwawo ntiwamwemereraga kujya kure y'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda. Kuvuga neza Ikinyarwanda byari ishema ndetse n'umutungo buri Munyarwanda yifuzaga gutunga. Kuganira mu bandi byagiraga umwihariko wabyo, gusangira n'abandi bikagira umwihariko wabyo, gutebya mu rungano bikagira uko bikorwa.

Iyakare (2007) agaragaza ko Ikinyarwanda cyasigasigarwaga kandi kikarindwa binyuze mu itorero no mu bitaramo byo hambere, aho cyabaga kigeze ku rwego rwo kwiga kukinoza. "Aha ni ho Ikinyarwanda kitabwagaho, kikanozwa, cyane cyane mu mvugo. Ni na ho bamenyeraga ko kuvuga iki kizira cyangwa kitazira, bityo umwana akabikurana. Ni ryo ryari ihuriro ry'abato n'abakuru kuko igitaramo cyabagaho abantu bakitse imirimo bari hamwe bose. Bahungukiraga rero ibintu byinshi cyane byakungahazaga ururimi: Imigani (imigufi n'imiremire), ibisakuzo, ibisigo, ibitekerezo n'ibindi. Mbese muri make bahungukiraga ubumenyi ku rurimi n'umuco bya Kinyarwanda."

Iyakare (yavuzweho) akomeza agaragaza ko nanone kuvuga neza byatorezwaga mu itorero; "Mu Rwanda rwo ha mbere kandi itorero ryari ku rwego nk'urw'amashuri yisumbuye ariko y'abahungu gusa. Kugira ngo

umwana yoherezweyo yagombaga kuba ari umuhungu…, Muri iryo shuri higishwagamo kumasha no kuvuga neza. Abasore bagombaga kuvayo bafite Ikinyarwanda cyuzuye muri bo. Ni ukuvuga ururimi n'umuco. Baharaniraga kwitwa abagabo bakirinda kwitwa abanyamusozi, ibyo bikagaragazwa n'ukuntu bakenetse imvugo."

Uku kurinda Ikinyarwanda nanone Bizimana na bagenzi (1998) babigaragaza muri iyi mvugo: "Kuva kera hose Abanyarwanda bari bakomeye ku rurimi rwabo, bagaharanira ko runoga, banarwunguraga amagambo igihe rwabaga rushyikiranye n'umuco w'ahandi. Iyo umwana yamaraga gukura, ubumenyi bw'ururimi yabunononsoreraga mu bandi bantu, cyane cyane mu buhake no mu matorero no mu bitaramo. Abategetsi bashyigikiraga Ikinyarwanda, bagateza imbere ubuhanzi, cyane cyane ubw'ibyivugo n'ibisigo n'amazina y'inka."

Uku kwita ku mvugo iboneye ku banyarwanda bo hambere, usanga ari byo Kamanzi (yavuzweho) agarukaho mu nyandiko ye, aho yongera gusanisha imvugo n'umuco mu mibereho y'Umunyarwanda, agashimangira ko imvugo "ari ikoraniro ry'amagambo yihunza ibintu bimwe na bimwe bitewe n'ubwoba cyangwa ubupfura." agasobanura ko "amagambo yihunza ibintu bimwe na bimwe," bishatse kuvuga ko  umuntu atagomba kwivugira ibyo yishakiye byose, uko abibonye. Ku bwe yemeza ko aha umuco nyarwanda uhafite uruhare rukomeye kuko kwivugira ibyo wishakiye bitajyana kenshi n'ubupfura buranga umunyarwanda wiyubashye. Si n'ibyo gusa, hari n'ibindi byinshi umuntu aba adashobora kuvuga nu ruhame kuko wa muco nyarwanda utabitwemerera

Iyakare (yavuzweho) mu guhamya umwanya wo kunoza imvugo mu Rwanda rwo ha mbere avuga ko "Mu Rwanda rwo hambere, cyane cyane mbere

y'umwaduko w'abazungu, ikintu k'ibanze cyarangaga umunyarwanda cyari Ikinyarwanda. Kuvuga ururimi kavukire babihaga agaciro ndetse bigahesha n'ishema nyirarwo. Ururimi rw'Ikinyarwanda rero rwararindwaga ndetse abakuru bakarutoza abato ngo rutazavaho rubacika." Ibi bikaba bishimangira nanone ko imvugo mu banyarwanda bo hambere yagombaga kurindwa uhereye mu muryango muzi kugera ku banyarwanda bose muri rusange bagize urubumbambaga umunyarwanda aherereyemo.

Ntaganira (Yavuzweho) asubiramo magambo ya Mbonimana mu kwerekana imvano yo kuvuga imvugo inoze mu Banyarwanda agira ati: "Hari abantu bumva ubuhanga buri mu bisigo, mu mazina y'inka no mu byivugo, mbese ubusizi buhanitse bw'inwami, bakibwira ko ibyo byatangiriye ibwami gusa nta fatizo riturutse ahandi. Ubwo buhanga bugaragarira mu kivugwa no mu isesekazamutima, bya bindi ngo akuzuye umutima gasesekara ku munwa." Iyi mvugo iragaragaza ko usibye imvugo ya rubanda isanzwe kandi nayo yagombaga kwita cyane ku kivugwa, uwo ukibwira, aho ukivugiye n'uburyo ukivuzemo; n'ibwami imvugo iboneye yari mu byangombwa byitabwaho cyane. Gusa imvano yo kuvuga imvugo iboneye ikaba ahanini yari ishingiye ku mwami n'ingoma, ku nka n'ibijyana nayo byose ndetse no ku butwari bw'ingabo. Ariko ibi bibiri bya nyuma bikaba byari bihuriweho n'ibwami ndetse no muri rubanda. Aha rero tukaba dushimangira ko imvugo iboneye yari mu mibereho ya buri munsi y'Umunyarwanda.

### 2.3 Ivangandimi mu Banyarwanda

Nyuma y'uko u Rwanda rwugururiye indimi mvamahanga amarembo; izo ndimi zigahabwa agaciro, na zo ntizahwemye gucengera mu bene gihugu, aho

Ikinyarwanda cyagiye gisa n'igishaka kumirwa n'indimi mvamahanga. Iki kibazo ariko cyaje gukomera ndetse gihindura isura nyuma y'ihagarikwa rya Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994, ubwo igihugu cyari kimaze kubohorwa n'ingabo zahoze ari iza RPF inkotanyi. Uku gutsinda urugamba kw'inkotanyi kwahesheje Abanyarwanda bari barahungiye mu bihugu bitandukanye by'isi gutahuka mu rwababyaye, maze bagarukana umuco ndetse n'indimi z'aho babaye mu gihe kitari gito. Birumvikana neza ko ya mvugo iboneye y'Ikinyarwanda kuri bamwe yari itagishoboka bitewe n'igihe kitari gito babaye hanze y'u Rwanda ndetse n'uko babashije guhura n'Ikinyarwanda mu mibereho ya bo.

Mu Banyarwanda batashye harimo abatarabashaga kuvuga Ikinyarwanda, abandi bakakivuga ariko bidashamaje, mu gihe hari n'abatashye bari barahamanye imvugo iboneye y'Ikinyarwanda, hakiyongeraho n'Abanyarwanda bakuriye mu gihugu na bo bashoboraga gukoresha Ikinyarwanda. Ikibazo k'imivugire itandukanye y'Ikinyarwanda cyatumye mu Rwanda haboneka imvugo twavuze ivanga cyane Ikinyarwanda n'indimi mvamahanga aho usanga Ikinyarwanda cyarabaye urusobe rw'Indimi mvamahanga n'Ikinyarwanda, igifefeko; imvugo ikocamye muri rusange noneho bihumira ku mirari aho izo mvugo zahawe ikaze no mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

Ivangandimi mu Rwanda nk'uko rigarukwaho na Karekezi (1989); Ndikumwami (1998); Munyazikwiye (2003); Hakorimana ((2003)); Habyarimana (Habyarimana, 2017); na Niyonsenga (2019) bagaragaza ko ryaba ryaratangiye gukora ku Kinyarwanda igihe u Rwanda rwakiraga indimi mvamahanga ku butaka bwarwo. Ibi bikaba bishimangira ko ivangandimi atari irya none kuko nkuko amateka abigaragaza twahera ku mwaduko

w'Abazungu mu Rwanda ubwo binjiraga mu Rwanda bakoresha indimi z'amahanga nkuko Habyarimana (tumaze kuvuga) abisobanura neza.

Kugeza ubu rero, abashakashatsi n'abahanga mu by'iyigandimi ntibahuza ku mumaro nyakuri w'ivangandimi ku rurimi rwihagije kuko bamwe bagaragaza ko ivangandimi rishimangira ubwisanzure n'iterambere ry'ururimi mu gihe abandi babibonamo inenge ikomeye abenerurimi baba baraga ururimi. Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (twabavuzeho) mu kugaragaza ko ivangandimi rifite umumaro basubiramo imvugo ya Makalela (2016) bagaragaza umumaro wihariye w'ivangandimi aho Makalela ashingira ku mibanire myiza y'indimi maze ururimi rukabwira urundi ruti "Ndiho kubera ko nawe uriho"; "Uriho kubera ko natwe turiho"; "Mugenzi wange ngwino iwange mu nzu kugira ngo nange numve ko nuzuye." bagakomeza bemeza ko Ivangandimi abantu baryishimira ku buryo butandukanye, bamwe bagaragaza ibyiza byaryo mu myigishirize y'indimi, iyo rikoreshejwe neza cyangwa iyo dukoresheje ivangandimi riboneye.

Gumperz (1982) asubirwamo na Gafaranga (Twamuvuzeho) avuga ko mu kuganira, nyakuvuga ntagomba kwita ku cyo umunyendimi yita ururimi ahubwo yita ku buryo akoresha (code). Ku bw'ibyo, ik'ingenzi ni ukumenya neza uburyo n'uko ururimi ruhindura kugira ngo habe havugwa ivangandimi.

Twizeyimana (Twizeyimana, 2021) asubira mu mvugo ya Martin-Jones & Romaine (1986), na Tunaz (2016) avuga ko mu ntangiriro ivangandimi ryari inenge kubera ko muri icyo gihe ryafatwaga nk'impamvu ikomeye y'ihushanoza mu rurimi urwo ari rwo rwose. Uku gutandukana k'umumaro w'ivangandimi ni wo utuma ahanini dushaka kumenya neza icyo ari cyo ivangandimi kugira ngo tubihuze n'icyo turi kwigaho. Gusa muri uyu murimo twafashe ivangandimi turihuriza hamwe n'ihuzandimi, ihinduranyandimi,

iyinjiranandimi ndetse n'itira ritari ngombwa tugamije ahanini kugaragaza uruvangitirane rw'indimi mu rurimi rumwe n'icyo bitwara.

Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (twabavuzeho) basubiramo imvugo ya (Garcia, 2009; Gafaranga, 2015; Makalela, 2016)basobanura ko ivangandimi ari "ugutangira uvuga cyangwa wandika mu rurimi rumwe undi akagusubiza mu rundi rurimi, cyangwa se gukoresha indimi zitandukanye mu nteruro no mu migemo y'izo nteruro."

Ivangandimi mu Rwanda rero ryamaze gushinga imizi kandi nk'uko twabibonye si irya none. Riri mu mivugire yacu ya buri munsi nk'uko Ntakirutimana, Mukama na Niyibizi (Twabavuzeho) babigarukaho muri aya magambo: "Nk'uko bigaragarira buri wese muri iki gihe, ivangandimi rirakoreshwa mu ngeri nyinshi z'imibereho y'abantu, mu mashuri, mu biganiro no mu nyandiko zihererekanywa hagati y'abantu, ubanza tutaba dukabije tuvuze ko muri iki gihe rikoreshwa mu buzima bwa buri munsi, cyanecyane mu bihugu no mu miryango ifite indimi nyinshi. Mu Rwanda naho rirahari kuko dufite Ikinyarwanda mbonera n'indimi shami zacyo, tugakira Icyongereza, Igifaransa, Igiswayire, ndetse n'izindi ndimi zivugwa mu miryango imwe n'imwe cyangwa mu bantu bamwe na bamwe, bityo tukaba twumva ivangandimi rikoreshwa ahantu henshi."

Ku ruhande rwacu rero twibaza cyane niba uku gushyigikira ivangandimi bitakajyanye n'irengayobora mu gihe ururimi rukungahaye kandi urukoresha mu ruhame akaba koko agomba kwita kuri ba nyakubwirwa bose. Ese byaba bifite umumaro nyabaki mu gihe nyakuvuga yakenetse indimi mvamahanga ahinduranya uko yishakiye n'igihe ashaka mu gihe ba nyakubwirwa umubare munini ukoresha cyangwa wumva ururimi rumwe. Aha akaba ari ho abanyamakuru baba bagomba kwitondera cyane mu gihe cyo guhitamo

imvugo bakabanza kwiyumvisha neza ko umubare munini ubakurikira bumva neza Ikinyarwanda kandi ko hari rubanda rubakurikirana rutabashije kwiga no gusobanukirwa indimi mvamahanga.

Ikoreshwa ry'indimi enye zemewe mu butegetsi mu Rwanda rishobora kubonekamo ibibazo mu gihe bidahawe umurongo nyobozi. Muri iki gihe byaragaragaye ko hari bamwe bagenda bakoresha izi ndimi mu buryo butanoze, bakazivanga igihe bavuga cyangwa bandika. Hari n'abakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda nabi mu buryo bushyoma bikangiza imiterere n'umwimerere byarwo, ku buryo bikomeje bityo byazagira ingaruka zikomeye ku rurimi kavukire rw'Abanyarwanda.

## 2.4 Uturango tw'imvugo z'itangazamakuru

Uofa.ru[4] isobanura ko imvugo y'itangazamakuru itandukana rimwe na rimwe n'imvugo yo mu bitabo ndetse n'imvugo y'ururimi rw'umwimerere ariko ikagira aho ihurira cyane n'imvugo nyabugeni, kuko iba igamije gucengeza muri rubanda ibyumviro n'ibitekerezo byayo; umunyamakuru akabigeraho yifashishije imbonezazina, igereranya, ihwanisha n'ubundi buryo nyamizimizo akifashisha amagambo n'interuro nyabubyara kimwe n'amagambo ndemanteruro azimbura imbamutima y'ikivuzwe.

Uofa.ru (yavuzweho) igaragaza ko amagambo akoreshwa mu itangazamakuru ahanini ashingira ku buzima busanzwe bwa rubanda na politiki kandi ko ayo

[4] https://uofa.ru/fr/harakternymi-osobennostyami-publicisticheskogo-stilya-yavlyayutsya-vyvody-po-pervoi/ Yasomwe ku wa 20/2/2022 saa moya na 33 z'ijoro

magambo agenda ahinduka cyangwa akura bitewe n'uburyo bw'itiramagambo, mu ihimba rifatiyeho ry'amagambo mashya no mu ihanga ry'amagambo ya kera ariko afite inyito nshya.

podarilove.ru[5] yo ivuga ko imvugo y'itangazamakuru ishingiye ahanini ku magambo nsuzumamvugo afite imbamutima zihanitse; aho umunyamakuru ashingiye ku mumaro nsesekaza w'itangazamakuru ashobora guhindura amagambo agize ururimi akayaha ireme nsunzumamvugo ku buryo ijambo risanzwe rikoreshwa mu buryo bugenekereje.

Imvugo ishingiye ku gutira, ihimba ry'amagambo adasanzwe ariko yariho kera, n'ubundi buryo bugaragara mu mvugo z'abanyamakuru usanga buvomwa mu kutita cyane ku mvugo inoze kuko nkuko izi mbuga zibigarukaho, ik'ingenzi ku munyamakuru ni uko rubanda rubasha kumva ikivuzwe, ku buryo rubanda ifashwa n'icyo kiganiro.

Hashingiwe ku miterere y'imvugo ikoreshwa mu itangazamakuru biragaragara neza ko umunyamakuru abasha kugena imvugo ituma yumvikana n'abo agenera ikiganiro ariko hagasigara hibazwa uburyo mu Rwanda umunyamakuru atwarwa n'imvugo y'urufefeko cyangwa se akarangwa gusa n'ikinyarwanda kitanoze, ubundi ugasanga n'ikiganiro gikozwe …..

[5] https://podarilove.ru/fr/publicisticheskii-stil-publicisticheskii-stil-eto-stil/ Yasomwe ku wa 20/2/2022 saa moya na 42 z'ijoro

## 2.5 Impamvu, ingaruka n'umuti by'ihushanoza mu bitangazamakuru byo mu Rwanda

Niyomugabo na Twilingiyimana (twabavuzeho) nibo bagerageje kuvuga ku bibazo bijyanye no kudakoresha neza Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda, bagaragaza ko ubushakashatsi bakoze mu bitangazamakuru byagaragaje amakosa ashingiye ku myandikire n'imivugirwe by'Ikinyarwanda, ari yo: amagambo yandikwa kimwe ariko ntavugwe kimwe, kwitiranya imyandikire y'ingombajwi n'ibihekane, gukoresha utwatuzo no gufatanya cyangwa gutandukanya amagambo. Hagaragaye kandi ikibazo k'ivangandimi, itirandimi rihutiyeho, imikoreshereze y'inkuro z'indimi z'amahanga mu kinyarwanda, kutaboneza imyandiko, kutizera ubuhame bw'Ikinyarwanda, ihushanoza n'ikoresha ry'imvugo zihariye, uburebure bukabije bw'interuro, ikibazo cy'isanisha n'itondaguranshinga, kudakoresha amagambo n'interuro byabugenewe, interuro nyobyamvugo n'imvugo zikocamye.

Nanone, ubushakashatsi bwa Niyomugabo na Twilingiyimana (bavuzweho) bagaragaza ko abatanze amakuru bagaragaje ko impamvu z'ingenzi zitera imivugire idahwitse zishingiye ku: kamenyero gake ko kuvuga no kwandika mu kinyarwanda, gushaka gusobanura neza igitekerezo mu kinyarwanda, ubumenyi budahagije mu kinyarwanda, kudaha agaciro Ikinyarwanda kubera ipfunwe, ubwirasi cyangwa ubusirimu, ubunebwe bwo gushaka amuga yabugenewe, amateka yatumye bamwe mu Banyarwanda bavukira bakanakurira mu mahanga, ubukene bw'Ikinyarwanda mu gusobanura inshoza zimwe na zimwe no kutagenera umwanya uhagije itegura ry'ibiganiro.

Muri raporo ya MHC (yavuzweho), yo igaragaza ko impamvu zishingiye ku ihushanoza mu binyamakuru zishingiye ku: Ubumenyi buke bw'Ikinyarwanda,

gusuzugura Ikinyarwanda, kugendana n'ibigezweho; ugakururwa n'abagukurikiye cyane cyane urubyiruko, ingaruka z'mateka yatumye abanyamakuru bamwe batavukira mu Rwanda, ubuhwituzi buke ku makosa akorwa mu bitangazamakuru, kwiga nabi indimi, ubunebwe bw'abanyamakuru, ubusirimu bukabya bw'abanyamakuru n'ingaruka z'ikusanyabukungu, kudasobanukirwa neza imiterere y'Ikinyarwanda, kubana n'abantu batazi neza Ikinyarwanda, amahugurwa make ku rurimi rw'Ikinyarwanda, abanyamakuru batazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda, kutabona ibyo gusoma byanditse mu kinyarwanda cyiza, kuba abanyamakuru bakora ibyo batize, akamenyero ko kuvanga indimi, ubukene bw'Ikinyarwanda, kwibagirwa amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda, kubura inkoranyamagambo z'Ikinyarwanda n'ababyeyi badatoza abana kuvuga Ikinyarwanda kiboneye.

Ku bijyanye n'ingaruka zazaturuka ku kibazo k'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru raporo ya MHC (yavuzweho) igaragaza ko imikoreshereze y'Idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru bizitira ubutumwa bugenewe abumva Ikinyarwanda gusa, bikenesha Ikinyarwanda, bidindiza ubumenyi bw'abumva n'abasoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda, bituma ubutumwa butumvikana neza no gutesha agaciro Ikinyarwanda

Mu miti y'ibibazo by'imikoreshereze y'Ikinyarwanda kitanoze igaragazwa na raporo ya MHC (yavuzweho) harimo amahugurwa y'abanyamakuru, guha agaciro Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco no gushyiraho utunama two kugenzura ibitangazwa, ibiganiro by'Ikinyarwanda kujya bikorwa n'abazi neza urwo rurimi, abanyamakuru bagomba gukorerwa urutonde rw'amagambo yabugenewe mu itangazamakuru, abanyamakuru n'abahabwa ijambo mu bitangazamakuru, bagomba kwikuramo igitekerezo cy'uko Ikinyarwanda ari ururimi rukennye, rudashobora kuvuga inshoza zo mu bumenyi bwose,

abanyamakuru n'abahabwa ijambo mu bitangazamakuru, bagomba kumva ko kuvuga no kwandika Ikinyarwanda mu buryo bukwiye bidateye ipfunwe, atari ikimenyetso cy'uko umuntu atize, atazi indimi z'amahanga cyangwa atari umusirimu, buri munyamakuru yajya abanza agasubira mu kiganiro cyangwa inkuru yateguye mbere yo kuyitangariza rubanda, buri kinyamakuru gikwiye gushyiraho akanama k'ibonezamwandiko no guhugurwa ku myandikire n'imivugire y'Ikinyarwanda

Nubwo iyi raporo ya MHC ndetse n'inyandiko ya Niyomugabo afatanyije na Twilingiyimana byashyize ahagaragara impamvu, ingaruka n'imiti biva ku kibazo cy'ihushanoza mu bitangazamakuru, dusanga ingingo ihatse imivugirwe idahwitse mu bitangazamakuru byo mu Rwanda itararashweho mu buryo bwagutse. Twavuga ko ibibazo byagaragaye biva ku munyamakuru wageze mu kazi ariko tugasanga ibibazo bikomeye biri mu irambagizwa by'umunyamakuru ndetse n'inzira zigoranye abanyamakuru bacamo mu rwego rwo gushaka ubumenyi by'umwihariko imyigire yabo y'Ikinyarwanda.

### 2.6 Umwihariko w'ubu bushakashatsi

Kuri twe, ingingo y'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru twasanze ifite izindi ngingo z'ingenzi zavugwaho maze ikibazo kiri mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru kigakomeza gushyirwa ahagaragara. Kugaruka ku byakozwe ugamije kubinoza cyangwa kubyungura, Mukama na Nkusi (bavuzweho) babivuga muri ubu buryo "Uko umushakashatsi agenda acukumbura ibyanditswe mbere, ni ko agenda abona ko hari ibishobora kuba bitaranditswe ku nsanganyamatsiko ari kwigaho. Ashobora no gusanga ibyanditswe bitarasobanuye ku buryo bwimbitse ingingo

runaka. Birashoboka ko ashobora no gusanga hari ingingo ikocamye noneho akiyemeza kuyigaho. Iyo rero umushakashatsi amaze kubona icyuho agiye kuziba, cyangwa se ingingo agiye gukosora, cyangwa se kuyigaho kuko itavugwa mu byanditswe mbere, yandika igitekerezo shingiro kandi agategura ibibazo by'ubushakashatsi".

Akaba ari yo mpamvu ubu bushakashatsi buzafatira ku mirimo yakozwe ariko bwo bwagure impamvu zitera itangazamakuru gukoresha Ikinyarwanda kitaboneye kugeza aho bisa n'aho byemewe gukoresha Ikinyarwanda gikocamye mu bitangazamakuru byo mu Rwanda by'umwihariko ibitangazamakuru by'ishami ry'imyidagaduro bya RBA. Ibyo kandi bizatuma ubushakashatsi bukomeza kureba ingaruka izi mpamvu zishobora guteza mu Banyarwanda ndetse no mu itangazamakuru muri rusange ari na ko hashakwa n'imiti ikwiriye ibyo bibazo.

## 2.7 Amahange nyobozi azifashishwa

Ihange nkuko risobanurwa n'inkoranya y'Igifaransa Larousse ni amahame, imiyoboro n'inkingi ngenderwaho z'ubumenyi zigamije kwerekana no gusobanura ibintu. Iby bisonaburo kandi bishyigikirwa na TUKI (2004) , nayo isobanura ko ihange ari ibitekerezo, ibisobanuro cyangwa umuyoboro washyizweho hagamijwe gusobanura gukemura cyangwa gushira mu bikorwa ikintu runaka.ku bw'ibyo natwe dushingiye kuri ibi bisobanuro turavuga ko ihange ari amahame n'imisingi nyobozi bigenga umushakashatsi kugira ngo

abashe kunoza umurimo we. Muri uyu murimo twifashishije ihange ry'ubwumvane[6], twifashisha kandi ihange ry'isasu ry'amayobera[7]

### 2.7.1 Ihange ry'ubwumvane

Ihange ry'ubwumvane ni ihange ryamamaye cyane ahagana mu myaka ya za 1945 na 1950; ariko kandi nanone kwamamara muri iyo myaka ntibyakuraho ko igikorwa ubwacyo cy' ubwumvane (Communication) twasanga inshoza y'ubwumvane n'umumaro wayo mu itumanaho byarabayeho kera ugereranyije n'uko abantu babayeho bakoresha imvugo mu kuganira kwabo, mu kungurana ibitekerezo, mu buryo bakoreshaga bavuga cyangwa biyunguraga ubumenyi. Aha akaba ariho twagarukago ku itumanaho ryo mu Rwanda rwo hambere; aho kenshi wasangaga Abanyarwanda barakataje mu gahanahana amakuru binyuze mu nzira nyishi. Nk'urugero rw'ihembe, ikembe n'ingoma byakoreshwaga mu buryo bunyuranye no mu nzira zinyuranye mu itumanaho rihuza urubumbambaga nyarwanda. Tutagiye kure cyane rero, twahamanya n'abemeza ko iri hange ryo mu mujyo mushya rishingiye ahanini ku mumaro w'itangazamakuru hamwe n'inzira itangazamakuru rikoresha mu gusakaza ubutumwa n'ubumenyi.

Iri hange ryagiye rivugwaho n'abahanga batandukanye baba ari abamenyekanye mu by'itangazamakuru n'itumanaho cyangwa se abamenyekanye mu by'iyigandimi. Ni muri urwo rwego nka Shannon na

[6]Ihange ry'ubwumvane ryasobanuwe nka Théorie de la communication/ theory of communication

[7] Ihange ry'isasu ry'amayobera ryasobanuwe nka Magic bullet theory

Weaver (1948)[8] bavuga ko ihange ry'ubwumvane ari ingenzi cyane kuko rishyira ahagaragara inzitizi zishobora gutuma ubwumvane butagerwaho hamwe no guteza ingorane isobokora n'urusaku bikoreshwa mu nzira y'ubwumvane. Ku rundi ruhande, Palo (1950)[9] we avuga ko ubwumvane ari igikorwa cy'ubuzima bwa muntu, kandi cya ngombwa mu rwego rwo kwimakaza umuco.

Jakobson (1960)[10] na we yunga mu rya Lasswell[11] aho yemeza ko ubwumvane bushingiye ku mumaro w'ibintu 6 bikurikira:

1. Nyakuvugwa (Emetteur): Utanga ubutumwa

2. Ubwirwa (Recepteur): uwakira ubutumwa

3. Imvugiro (Contexte): ishingiye ku mibereho y'abantu

4. Imvugiro (Message): Ubutumwa butangwa

5. Ihura cyangwa isizana (Contact): Igihuza uvuga n'ubwirwa

[8]https://www.printbasprix.com/blog/theories-de-la-communication/#la-rhetorique-des-anciens Yasomwe ku wa 12/2/2022 saa moya z'ijoro

[9]https://www.printbasprix.com/blog/theories-de-la-communication/#la-rhetorique-des-anciens Yasomwe ku wa 12/2/2022 saa moya n'iminota 7 z'ijoro

[10]https://www.printbasprix.com/blog/theories-de-la-communication/#la-rhetorique-des-anciens Yasomwe ku wa 12/2/2022 saa moya n'iminota 12 z'ijoro

[11]https://www.printbasprix.com/blog/theories-de-la-communication/#la-rhetorique-des-anciens Yasomwe ku wa 12/2/2022 saa moya n'iminota 37 z'ijoro

6. Urusobe rw'utunyamvugo: Ururimi nyirizina

7. Kuri Lasswell (Twamuvuzeho) nk'umwe mu nkomarume mu bijyanye n'ubumenyi bw'itumanaho, yagaragaje ko igikorwa cyose cy'itumanaho cyangwa gishingiye ku bwumvane kigomba gushingira ku bintu bitanu by'ingenzi:

1. Nde: Kumenya uvuga n'ikimutera kuvuga

2. Iki: ubutumwa nyirizina cyangwa ikivugwa

3. Mu yihe nzira cyangwa mu wuhe muyoboro: Uburyo bukoreshwa mu gutambutsa ubutumwa

4. Kuri nde: Abagenerwabutumwa (Imyaka ya bo, igitsina …)

5. Izihe ngaruka: Ingaruka z'ubutumwa ku bo bugenewe

Nkuko rero umurimo wacu ugamije kwiga ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda; aho twifuza gucukumbura impamvu, zitera ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro, tukaba tugomba kandi kugaragaza ingaruka n'umuti w'ikibazo giterwa n'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda; dusanga iri hange ry'ubwumvane rizadufasha cyane igihe cyo gusesengura imbonwa zizakusanywa mu rwego rwo gushaka impamvu, ingaruka n'umuti by'ihushanoza.

Imvugo ikoreshwa, abayikoresha, uburyo ikoreshwamo, abayigenewe, ingaruka igira kuri rubanda ruyikurikira n'aho itangirwa ariho kuri radiyo na Tereviziyo Rwanda byose bikubiye muri iri hange. Byumvikane neza ko iri hange riteganya uburyo nyakuri bukoreshwa kugira ngo ubwumvane bubashe kugera ku ntego yabwo ariyo mpamvu ibyigwa mu murimo wacu bishingie cyane kuri iri hange. Ibi bibazo bitanu birafasha cyane mu gusesengura

imbonwa z'ubu bushakashatsi kuko zishingiye mu kumenya nyakuvuga n'icyo avuga, uburyo akivugamo, inzira akoresha ndetse n'ingaruka ubutumwa bugira kubabukurikirana. Ni nako kandi imbwona zisubiza ku kibazo cy'umuti nazo zishingira ku munyamakuru (Ni inde) yakabaye ari muntu ki? Bigasanishwa n'ikerekezo cya Jackobson (twamuvuzeho mbere) aho nanone ubwumvano bushimangira n'ururimi nyirizina rukoreshwa

### 2.7.2 Ihange ry'isasu ry'amayobera

Iri ni ihange rikomoka mu gitabo cya Harold Lasswell cyo mu 1927 kiswe "Propaganda technique in the world war" aho mu ntambara y'isi, itangazamakuru ryagize uruhare rukomeye mu isakazamatwara cyangwa propaganda bya Amerika n'Ubudage ku myumvire y'abaturage. Muri icyo gihe Hitireri (Hitler) yabashije gukora filimi zerekana ubuhangange bwe, ibyo bikaba byaragize uruhare runini mu kwigarurira ibitekerezo by'Abadage. Nyuma Amerika yifashishije ikigo cya Hollywood yasohoye filime yise "Its Happened one night", "It's a wonderful life" bisobanuye ngo " byabaye ijoro rimwe", Ni ubuzima bw'agahebuzo. Izi filime mu kuri nazo zigaruriye imitima y'Abanyameruka, bituma bagira imyumvire ishingiye kuri izo firimi. Ibi bikaba bigaragaza uruhare rutaziguye itangazamakuru rigira ku bakira amakuru. (Nwabueze na Okonkwo (2018)[12]. Iri hange ryaje kwamamara cyane mu myaka ya 1930, 1940 na 1950 aho usanga abanyeshuri benshi bo mu itangazamakuru bararyibanzeho,

[12] communicationtheory.org, study.com

Iri hange muri make rigaragaza uburyo umunyamakuru ari umuntu rubanda yumva kandi icyo avuze aba ari nk'isasu ryinjira mu mubiri rikawumunga bityo kuwukiza igikomere bikagora. Iri hange rero rizifashishwa muri uyu murimo hagamijwe gusesengura ingaruka z'imvugo zidahwitse abanyamakuru bakoresha ku Kinyarwanda ndetse rinafashe igihe cyo gusesengura amakuru ajyanye n'umuti wo kurinda Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru aho imvugo y'umunyamakuru kuri rubanda igomba kuba imvugo iboneye kandi rubanda rwigiraho buri gihe imvugo nyakuri dore ko icyo avuze kibasigaramo kuko rubanda imufata nk'umuntu w'ikitegererezo mu rubumbambaga.

## 2.8 Umwanzuro

Muri uyu mutwe wa kabiri, twabashije kugaruka ku makuru dukesha imirimo yakozwe mbere y'ubu bushakashatsi dushingiye ku ngingo z'ingenzi ubu bushakashatsi bwubakiyeho. Twagaragaje uko abandi bavuze ku: Inozamvugo n'ihushanoza, inozamvugo mu Banyarwanda bo ha mbere, ivangandimi mu Banyarwanda n'impamvu, ingaruka n'umuti by'ihushanoza mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Muri uyu mutwe kandi twashyize ahagaragara amahange nyobozi azafasha mu isesengura ry'imbonwa ubu bushakashatsi bushingiyeho. Ayo mahange ni aya akurikira: ihange ry'ubwumvane n'ihange ry'isasu ry'amayobera.

# UMUTWE WA GATATU: IYOBORAMIKORERE

## 3.1 Intangiriro

Nkuko Ngarambe, Mulindahabi na Mukama (2019) babivuga "Kugira ngo ubushakashatsi bugere ku musaruro wifuzwa, hari inzira z'ingezi zigomba gukurikizwa. Uhereye ku gitekerezo kiba cyatumye umuntu abona ko ari ngombwa gukora ubushakashatsi kugeza igihe habonekeye amakuru agasesengurwa ku buryo busubiza ibibazo byari byayoboye ubushakatsitsi, ni ngombwa ko umushakashatsi akurikira iyoboramikorere risobanutse". Ibi kandi bigashimangirwa na Kothari (2008) aho avuga ko ubushakashatsi bwose buri mu rwego rwa gihanga ari ihame ko bukorwa bugendeye ku nzira cyangwa imiyoboro runaka y'ubushakashatsi kugira ngo umusaruro wabwo ubashe kwizerwa. Ku bw'ibyo natwe tugendeye kuri ibi bisobanuro turavuga ko iyoboramikorere ari inzira, uburyo n'amahame bigenga umushakashatsi kugira ngo abashe kugera ku makuru akeneye.

Tugendeye kuri ibi bisobanuro kandi, uyu mutwe uzibanda ku bice bikurikira: Imbata y'ubushakashatsi, imiterere y'ubushakashatsi, aho ubushakashatsi bwakorewe, aho ubushakashatsi bwakorewe, itsinda nshingirwaho ry'ubushakashatsi, ugutoranya itsinda nkeshwamakuru, ubwoko bw'amakuru yakusanyijwe, ikusanyamakuru n'uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru n'amahame ngengamyitwarire y'ubushakashatsi.

### 3.2 Imiterere y’ubushakashatsi

Dushingiye ku bumenyi twakuye mu ishuri twavuga ko imiterere y’ubushakashatsi ari uburyo umushakashatsi yegeranya ndetse akanakoresha imbonwa z’ubushakashatsi kugira ngo amakuru akenewe aboneke mu buryo buboneye. Imiterere y’ubushakashatsi ifasha kwerekana uburyo ubushakashatsi bwakozwemo, igihe cyo gusuzuma ikibazo cy’ubushakashatsi no gusubiza ibibazo byabwo. Imbata y’ubushakashatsi ikubiyemo uburyo amakuru azakusanywa, ibizifashishwa mu gukusanya amakuru no kuyasesengura. Tugendeye rero kuri ibi bisobanuro, twafata ko imiterere y’ubushakashatsi ari uburyo, inzira cyangwa se umuyoboro wemewe mu buryo bwa gihanga, uyobora umushakashatsi igihe arimo gukora ubushakashatsi bwe.

Imiterere y’umurimo wacu rero ishingiye ku nyigo icukumbuye ku kintu aho ubushakashatsi bwacu bugamije bwize ku ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, hagendewe ku gushaka impamvu, ingaruka n’umuti wabyo; bityo hafatwa urugero rw’ibiganiro by’imyidagaduro bya RBA nk’ifatizo ry’ubushakashatsi. Ubu buryo bukoresha inyigo icukumbuye ku kintu bufasha umushakashatsi gukoresha igihe gito n’ubushobozi buke kandi amakuru abonye akifashishwa mu buryo nyakuri bugaragaza ireme ry’ikibazo kigwaho muri rusange, akaba ari yo mpamvu natwe twafashe urugero rw’ibiganiro by’imyidagaduro bya RBA tugambiriye ko amakuru azaboneka yazaba nk’ikegeranyo k’ikibazo kigwa ku ihushanoza mu Rwanda. Bityo; abakeshwamakuru batoranyijwe muri uyu murimo hagamijwe kubona amakuru ajyanye n’impamvu, ingaruka n’umuti byagaragazwa bakazahagararira abandi bakabaye batanga amakuru mu rwego nk’urwabo.

Ubu buryo bw'inyigo icukumbuye ku kintu runaka bwafashije cyane imigendekere y'ubushakashatsi kuko iby'amakuru y'ihushanoza mu itangazamakuru, umushakashatsi yabishakiye ku banyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro n'abayobozi bo mu Kigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA) kugira ngo bahagararire abandi banyamakuru bo mu biganiro by'imyidagaduro mu Rwanda, Umushakashatsi kandi akoresha amakuru avanye mu ishuri ry'itangazamakuru, ahitaweho abanyeshuri bo mu mwaka usoza ikiciro ngo bahagararire abandi banyeshuri bose biga itangazamakuru; ibi umushakashakatsi akaba yarabikoze yemera ko bizamufasha kubona amakuru yizewe kandi ya ngombwa nkuko Yin (1994) abishimangira mu mvugo ye aho asobanura inyigo icukumbuye ku kintu runaka "Ni ubwoko bw'imiterere y'ubushakashatsi, aho umushakashatsi ahitamo igice cyangwa ikintu runaka muri byinshi biriho akagikorera ubushakashatsi agamije kugera ku ntego z'ubushakashatsi bwe".

### 3.3 Aho ubushakashatsi bwakorewe

Ahantu ubushakashatsi bukorerwa twavuga ko ari ahantu umushakashatsi ahitamo kuzakorera ubushakashatsi kugira ngo hamufashe kubona imbonwa zizamufasha gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi bwe. Muri uyu murimo rero, twahisemo ko tuzakorera ubushakashatsi bwacu mu Mujyi wa Kigali, aho tuzashakira amakuru kuri RBA ndetse no mu Ntara y'Amajyepfo aho twifuza kuzashakira amakuru y'ubushakashatsi muri Kaminuza y'u Rwanda (UR), ahazashakirwa amakuru mu Ishuri ry'Itangazamakuru n'Itumanaho.Twahisemo no kuzifashisha Abanyarwanda batandukanye bo muri izo ntara ebyiri bakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA. Impamvu y'iri hitamo rero ni uko twumvaga aha hantu, mu buryo

budashidikanywaho hazaduha imbonwa zizewe zizadushoboza gusubiza ibibazo by'ubu bushakashatsi.

### 3.4 Guhitamo itsinda nkeshwamakuru

Nkuko Kothari (2004) abivuga, guhitamo itsinda nkeshwamakuru ni gahunda ikorwa kugira ngo haboneke abakeshwamakuru bavuye mu itsinda ry'abantu runaka. Iyi gahunda isaba uburyo ndetse n'inzira umushakashatsi yifashisha igihe ahitamo abakeshwamakuru. Dushingiye ku bivuzwe haruguru; iyi gahunda isaba ubushobozi kuko iba igamije gutoranya umubare cyangwa ingano y'abantu cyangwa abakeshwamakuru bake bazabasha gufasha gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi.

Mukama na bagenzi be (Twabavuzeho) nabo bavuga ko kugira ngo ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu no mu mibanire y'abantu bugire ireme, ari ngombwa ko amakuru atanzwe aba yavuye ku bantu bayafite kandi akaba yizewe. Guteganya uko uzatoranya itsinda nkeshwamakuru bikorwa kare, mu gihe cyo gutegura umushinga w'ubushakashatsi. Byongeye, umushakashatsi agomba kumenya ibiranga itsinda nshingirwaho rigizwe n'abantu cyangwa ibintu bitoranywamo itsinda nkeshwamakuru.

Nkuko rero ubushakashatsi bwacu bubigaragaza twimirije gushyira ahagaragara ibibazo by'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ariko dushaka kumenya cyane impamvu zituma iryo tangazamakuru ryarimitse imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye. Ubushakashatsi kandi bwacu binyuze mu bakeshwamakuru batoranyijwe bazadufasha gushyira ahagaragara ingaruka ndetse n'umuti w'ibi bibazo by'Ikinyarwanda kitaboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Ku bw'ibyo itsinda shingirwaho muri ubu

bushakashatsi ni abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro bo mu Rwanda, abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu w'itangazamakuru muri Kaminuza y'u Rwanda i Huye n'abaturage basanzwe bakurikira ibiganiro kuri RBA

Ku rundi ruhande ariko ntibyakorohera umushakashatsi uwo ari we wese gukora ubushakashatsi ahereye ku tsinda shingirwaho, ariyo mpamvu hakenerwa ko buri bushakashatsi bwo mu rwego rwa gihanga bugomba gushaka abakeshwamakuru bavuye muri iryo tsinda ryagutse. Kothari (twamuvuzeho haruguru) asobanura ko abakeshwamakuru ari itsinda rito ry'abakorerwaho ubushakashatsi rivanwa mu itsinda ryagutse, iryo tsinda rito akaba aririyo umushakashatsi abonamo imbonwa zimugeza ku myanzuro y'ubushakashatsi.

Mu gukora ikusanyamakuru ry'ubu bushakashatsi, twahisemo kwifashisha itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku guhitamo. Uburyo bwo guhitamo iri tsinda nkuko bisobanurwa na Mukama na bagenzi be (twabavuzeho haruguru) bavuga ko umushakashatsi ahitamo uzamuha amakuru kubera ko nyine ari we ayashakaho nta wundi. Mu gihe mu matsinda nkeshwamakuru ashingiye kuri tombora buri muntu aba afite amahirwe yo gutoranywa ngo arishyirwemo, aha ho umuntu runaka bamutoranya babizi neza kandi babishaka ko ari we nyirizina bashaka ko atanga amakuru. Ni muri urwo rwego kandi abakeshwamakuru bacu batoranyijwe hagendewe ku ihitamo rishingiye ku mpamvu.

Iri hitamo Mukama na bagenzi be (twabagarutseho) barivuga bagaruka ku mvugo ya Kumar (2005) aho asobanura ko umushakashatsi ashaka abantu ahamya ko bafite amakuru akenewe kandi abo bantu bakaba bafite ubushake bwo kuyatanga. Iri tsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu rero, nk'uko Kumar abishimangira, rikoreshwa iyo umushakashatsi ashaka gucukumbura

ukuri gushingiye ku mateka no gusobanura ibintu abantu batari bafiteho amakuru ku buryo bwimbitse.

Ubu bushakashatsi rero bwifashije abakeshwamakuru bagizwe n'abanyamakuru 8 bakorera Ikigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA), umuyobozi 1 wa porogaramu kuri Radiyo Rwanda, umuyobozi 1 wa porogaramu kuri tereviziyo Rwanda, abanyeshuri 20 biga itangazamakuru muri Kaminuza y'u Rwanda n'Abanyarwanda 20 basanzwe ariko bakurikirana Ibiganiro bitandukanye by'imyidagaduro kuri RBA. Muri rusange rero itsinda nkeshwamakuru ry'ubu bushakashatsi rigizwe n'abantu 50. Nkuko twabivuzeho, aba bakeshwamakuru batoranyijwe hashingiwe ku mpamvu zacu ahanini nazo zishingiye kukuba abatoranyijwe twariyumvishaga ko amakuru bazatanga ku bushakashatsi bwacu azaba afatika ku buryo asubiza ibibazo by'ubushakashatsi twibajije mu ntangiriro.

## 3.5 Ubwoko bw'imbonwa

Kothari (twamuvuzeho) avuga ko hariho ubwoko bw'ingenzi bubiri bw'imbonwa. Hari imbonwa z'ibanze n'imbonwa nyunganizi. Bityo, natwe mu rwego rwo kunoza ubu bushakashatsi tuzifashisha ubu bwoko bwombi bw'imbonwa.

### 3.5.1 Imbonwa z'ibanze

Imbonwa z'ibanze nkuko zisobanurwa na Goods (1966) avuga ko ari za mbonwa ziba aribwo bwa mbere zikusanyijwe, zikaba ari imbonwa

z'umwimerere mu kuri zitigeze zikusanywa n'undi muntu mu rwego rw'ubushakashatsi. Ngarambe, Mulindahabi na Mukama (bavuzweho) nabo bunga mu rya Goods bavuga ko imbonwa z'ibanze ari amakuru umushakashatsi yishakira ku giti ke akayahabwa n'itsinda nkeshwamakuru yatoranije. Iri tsinda rishobora kuba rigizwe n'inyandiko, abantu, inyamaswa ndetse n'ibindi biremwa byakorwaho ubushakashatsi.

Ni muri urwo rwego rero natwe tuvuga ko imbonwa z'ibanze zigomba kuba ari umwimerere kugira ngo zibashe kuzana agashya. Akaba ariyo mpamvu, muri ubu bushakashatsi imbonwa z'ibanze zakusanyijwe hagambiriwe gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi. Imbona z'ibanze muri ubu bushakashatsi zakusanyijwe ni izavuye mu matsinda nkeshwamakuru akurikira: abayobozi ba porogaramu babiri, abanyanyamakuru 8 ba RBA b'ibiganiro by'imyidagaduro abanyeshuri 20 biga itangazamakuru muri kaminuzay'u Rwanda ndetse n'Abanyarwanda 20 basanzwe bakurikirana ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA.

### 3.5.2 Imbonwa nyunganizi

Bitandukanye n'imbonwa z'ibanze; imbonwa nyunganizi ni iziba zaramaze gukorwaho ndetse zaranacapishijwe. Ngarambe, Mulindahabi na Mukama (tumaze kubavugaho) bavuga ko imbonwa nyunganizi ari amakuru umushakashatsi agenda akura mu nyandiko ku bushakashatsi bwakozwe n'abandi zijyanye n'igitekerezo cyangwa ikibazo arimo gukoraho ubushakashatsi.

Dushingiye ku ntego ndetse n'ibibazo by'ubu bushakashatsi, uburyo twifashishije mu gukusanya imbonwa nyunganizi z'ubu bushakashatsi ni

ubushingiye ku isomero ndetse n'uburyo bw'ikoranabuhanga rikoresha murandasi. Ubu buryo bubiri bwafashije umushakashatsi w'uyu murimo kubasha kugera ku mbonwa zamaze kujya ahagaragara, akaba ariho imbonwa muri iki kiciro zari zigizwe n'ibitabo by'abashakashatsi n'abahanga banyuranye, imirimo n'inyandiko zo mu rwego rwa gihanga na raporo; byose byamuritswe cyangwa bigashyirwa ahagaragara.

Izi mbonwa nyunganizi, zafashishe umushakashatsi w'uyu murimo mu rwego rwo kugira amakuru ahagije ku bijyanye n'ubushakashatsi twarimo gukora, ziduha gusoma no kumenya aho abandi bakoze ku nsanganyamatsiko ziri mu mujyo umwe n'ubu bushakashatsi bagereje bityo tubasha kubona ikerekezo cy'aho natwe twatanga umuganda wacu, twuzuza ibyakozweho ari na ko kandi twongeramo ingingo nshya.

### 3.6 Ikusanyamakuru

Ngaramba, Mulindahabi na Mukama (twabavuzeho) bavuga ko mbere y'uko umushakashatsi akusanya amakuru, abanza guhitamo ikerekezo nyamukuru ashaka guha ubushakashatsi bwe. Ategura uburyo n'ibikoresho azifashisha mu kuyakusanya ashingiye ku mpamvu atekereza ko ubwo buryo ari bwo buboneye kandi ari bwo buzamuha amakuru yizewe. Ateganya aho azakura amakuru n'abazayamuha ndetse n'igihe azayakusanyiriza. Bityo ku bwacu tukemeza ko ikusanyamakuru rigizwe n'uburyo bwo gushaka amakuru agize ubushakashatsi kandi yizewe.

Vithal na Jansen (1997) basubirwamo Ngaramba, Mulindahabi na Mukama (twabavuzeho haruguru) bashyize hamwe ingingo z'ingenzi zafasha

umushakashatsi gutegura ikusanyamakuru. Muri izo ngingo harimo izi zikurikira:

1. Mu gutegura uko ikusanyamakuru rizakorwa, umushakashatsi ashobora guhanga uburyo bukwiye azakoresha mu gutara ayo makuru. Byongere, umushakashatsi agomba kuzirikana ko buri buryo ashobora gukoresha mu gutara amakuru bugira ibyiza byabwo ariko na none bukagira inzitizi bwihariye.

2. Uburyo bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi bugomba kuba bugamije gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi. Isano hagati y'uburyo bwo gukusanya amakuru n'ibibazo by'ubushakashatsi igomba kugaragazwa. Ikibazo runaka cy'ubushakashatsi gishobora gukenera uburyo runaka bwo gukusanya amakuru. Buri kibazo ni umwihariko n'ubwo kigomba kuba gitanye isano n'ibindi mu bushakashatsi runaka.

3. Umushakashatsi ashobora guhanga ibikoresho azakoresha mu gutara amakuru; ashobora gukoresha ibyahanzwe n'abandi bashakashatsi; ashobora kandi no kubakira ku bikoresho byakozwe n'abandi.

4. Ibikoresho by'ubushakashatsi bikenera kubanza kugeragezwa kugira ngo umushakashatsi amenye niba ibibazo byubatse ku buryo bwumvikana kimwe ku batangamakuru bose. Ibi umushakashatsi ashobora kubigeraho, agerageza ibikoresho byo gukusanya amakuru ku itsinda ry'abantu bake ariko bahuje ibirango n'itsinda nkeshwamakuru.

5. Uburyo burenze bumwe bushobora gukoreshwa mu gukusanya amakuru ku kibazo kimwe cy'ubushakashatsi. Gukomatanya uburyo bwo gutara amakuru bite akamaro kanini kuko bituma umushakashatsi acengera kurushaho ingingo

iri kwigwa. Byongeye ibyagaragajwe n'uburyo bunyuranye bwo gutara amakuru byongera ubwemerwe.

6. Mu guteganya uko amakuru azakusanywa, ni ngombwa no guteganya ingingo zijyanye no kubahiriza amahame y'ubushakashatsi. Ibi bikubiyemo ingingo zijyanye no kudatangaza amazina y'uwaguhaye amakuru, gusaba abatangamakuru uruhushya rwo kwemera ku bushake kujya mu itsinda nkeshwamakuru, guteganya uburyo uzafasha abatangamakuru bashobora guhungabanywa n'amakuru batanze n'ibindi.

Dushingiye rero kuri izi ngingo, ikusanyamakuru ry'ubu bushakashatsi ryifashishije uburyo bw' ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo n'iganirabaza.

### 3.6.1 Ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo

Kothari (twamuvuzeho) agaragaza ko ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo ari ryo pfundo ubushakashatsi bwubakiyeho. Avuga ko ari uburyo umushakashatsi akora urutonde rw'ibibazo byanditse.hanyuma bigashyikirizwa abatangamakuru kugira ngo bo ubwabo bisubirize. Ibibazo byo muri iki kiciro bishobora gusubizwa mu magambo make ajyanye n'uburyo utanga amakuru yumva neza ikibazo cyabajijwe; agafashwa gusa gusubiza yego cyangwa oya.ku rundi ruhande ibibazo by'ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo rishobora kuba rifunguye, aho utanga amakuru asabwa kwirekura agatanga amakuru uko abyumva

Nkuko Ngaramba, Mulindahabi na Mukama (twabavuzeho haruguru) babivuga; mu gukora urutonde rw'ibibazo, umushakashatsi agomba gufata

intego zihariye z'ubushakashatsi bwe akazihinduramo ibibazo byihariye bizatanga ibisubizo ku bibazo by'ibanze ubushakashatsi bwashingiyeho.

Muri uyu murimo rero, ubu buryo bwombi bushingiye ku ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo bwarakoreshejwe. Hamwe twifuzaga ko ubazwa asubiza mu buryo twagennyemo ibisubizo; aha akaba ariho ibibazo bifunze byakoze muri uyu murimo, ariko na none hakaba hari aho twakeneraga amakuru kuburyo bwimbitse nk'aho umushakashatsi yifuzaga ibisubizo bigusha ku mpamvu, ingaruka ndetse n'umuti by'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda; aha ibibazo bikaba byari bifunguye. Ubu buryo rero bw'ibaza, muri uyu murimo bwakoreshejwe ku banyeshuri 20 hamwe n'abanyamakuru 8 bakora ibiganiro by'imyidagaduro kuri radiyo cyangwa tereviziyo y'Igihugu (RBA).

### 3.6.2 Iganirabaza

Bumwe mu buryo bwamamaye kandi butanga umusaruro mu ikusanyamakuru ni iganirabaza, Babbie (1999) bavuga ko iganirabaza ari uburyo bukoreshwa mu bushakashatsi aho umushakashatsi ahura n'umukeshwamakuru imbonankubone bakagirana ikiganiro kigamije kugeza umushakashatsi kumbonwa z'ubushakashatsi.

Muri uyu murimo, umushakashatsi yateguye ibibazo bigenewe abayobozi 2 mu Kigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA) ndetse n'Abanyarwanda 20 basanzwe bakurikirana ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA; agamije kugera ku makuru yizewe kandi ya ngombwa kuri ubu bushakashatsi aho ikibazo cyane cyane cyo kumenya impamvu itangazamakuru ryo mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro. Ibazaganiriza

rishingiye ku bibazo bifunze byagize ijanisha rito cyane muri iki kiciro k'ibaza kuko ahanini umushakashatsi yashakaga ukwirekura kw'abayobozi ku bibazo byababajijwe. N'ahenshi hakoreshwaga ibibazo bifunze byasabaga ko umukeshwamakuru agerageza gusobanura impamvu.

Ubu buryo rero bw'ibaza bwateguwe gusa ku bayobozi n'Abanyarwanda basanzwe bakurikirana ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA hashingiwe ku gihe gito, bari bafite ndetse no kugira ngo umushakashatsi abe yabasha kongera ku bibazo yapanze ibindi hagamijwe kugera ku makuru afatika kandi yizewe. Byongeye kandi, nko ku banyarwanda basanzwe, twifuzaga gufasha n'uwaba atazi kwandika cyangwa se adakunda gukoresha inyandiko kwishyira akizana mu kiganiro dore ko cyakorwaga mu gihe gito ku buryo ntawe byari kubangamira.

### 3.7 Isesenguramakuru

Ngarambe, Mulindahabi na Mukama (bauzweho) bavuga ko mbere yo gutangira isesenguramakuru, bitewe n'imiterere y'ubushakashatsi, bwaba nyamimerere cyangwa nyamubaro, ni ngombwa kumenya ubwoko bw'amakuru yakusanyijwe. Umushakashatsi ashobora kuba akeneye kumenya ibisobanuro byimbitse ku makuru yabonye icyo gihe akoresha uburyo bw'isesenguramimerere. Naho iyo ashaka kumenya ku buryo bubarika ibyavuzwe cyangwa ababivuze, hakoreshwa isesesengura nyamubaro.

Ubusanzwe rero iki gice k'isesenguramakuru kiza nyuma y'ikusanyamakuru, aho umushakashatsi aba yamaze kwegeranya amakuru yose akeneye ku bushakashatsi arimo gukora hanyuma agatangira ikiciro cyo kuyasesengura. Gusesengura amakuru ni ikiciro gisaba ubwitonzi n'ubushishozi ari nako

bisaba kumenya uburyo n'inzira bifasha umushakashatsi koroherwa n'uburyo bwa gihanga bwo gusesengura amakuru yashyizwe hamwe. Birumvikana ko gukusanya amakuru ari intambwe ya mbere ariko kuyasesengura bikaba ingenzi cyane kuko ukusanyije amakuru ntubashe kuyasesengura ni nko guhunika imyaka mu mutiba itazatunga bene yo.

Isesenguramakuru muri uyu murimo ryifashishije cyane uburyo bw'isesenguramimerere; akaba ari naryo sesengura riyoboye uyu murimo, ariko kandi nanone ku rundi ruhande biba ngombwa ko twiyambaza n'isesesengura nyamubaro; aho ubusesenguzi henshi bwifashishaga imbonerahamwe hagamijwe kwerekana ingano y'abakeshwamakuru n'ikegeranyo cy'amakuru yatanzwe.

Ubu buryo bwombi rero twahamya ko bwadufashije kubera ko bwafashije umushakashatsi w'uyu murimo kubasha gusobanura neza ibibazo by'ubushakashatsi no kugera ku mwanzuro usobanutse.

### 3.8 Amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi

Kugira ngo tubashe kunoza ikiciro cy'ikusanyamakuru, byabaye ngombwa ko tubanza gusobanurura abakeshwamakuru bose b'uyu murimo amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi kugira ngo na bo ku ruhande rwabo bashobore kutatwishisha kandi baduhe amakuru y'ukuri dukeneye. Ruterana (2019) avuga ko ari ngombwa ko abakora ubushashatsi bamenyeshwa ibijyanye n'uko ukora ubushakashatsi yitwara kugira ngo bafate ibyemezo bazi ibyo bakora kandi bamenye ingaruka z'amahitamo bikoreye ubwabo. Kubera izo mpamvu, abashakashatsi bagomba kubahiriza amahame ngengamyitwarire nta kuyarengaho uko biboneye.

Muri rwego rwo kubahiriza amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi; mbere y’uko dutangira ikusanyamakuru twandikiye ubuyobozi b’ibigo, tuzakoreramo ubushakashatsi; nyuma yo gusubizwa, abakeshwamakuru basobanuriwe kandi bahabwa amakuru ku bushakashatsi basabwa kugiramo uruhare. Nyuma bandikiwe urwandiko ru bagaragariza uburenganzira bwabo kandi banamenyeshwa ko gutanga amakuru ari ubushake bw’umukeshwamakuru. Abakeshwamakuru basobanuriwe kandi ko igihe cyose bumvise ari ngombwa ko bafite uburenganzira bwo kwivana mu bushakashatsi. Basobanuriwe kandi ko amakuru bazatanga ari ibanga kandi ko nta kindi azakoreshwa usibye kuzayifashisha mu gusubiza ibibazo by’ubushakashatsi bukorwa n’umunyeshuri urangiza Kaminuza. Abakeshwamakuu bahawe umwanya wo gutekereza kuri icyo gikorwa cyo gufasha mu bushakashatsi, hanyuma baza kybyemera basinya urupapuro rwateguwe ko bemeye ubutanye mu bushakashatsi.

### 3.9 Umwanzuro

Muri uyu mutwe wa gatatu, twabashije kuvuga ku nzira z’ingenzi zafashishe iyoramikorere ry’uyu murimo. Twabashije kuvuga no gusobanura imiterere y’ubushakashatsi (Research design), tugaragaza aho ubushakashatsi bwakorewe, tuvuga uburyo twakoresheje mu guhitamo itsinda nkeshwamakuru, tuvuga ku bwoko bw’imbonwa zafashije uyu murimo gusubiza ibibazo by’ubushakashatsi, tuvuga uko twakoze ikusanyamakuru n’uburyo twakoresheje tuvuga ku isesenguramakuru n’ubuhanga buzariyobora dusoreza ku mahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi.

# UMUTWE WA KANE: ISESENGURAMAKURU

## 4.1 Intangiriro

Uyu mutwe ugamije gusesengura imbonwa zavuye mu bakeshwamakuru b'ubu bushakashatsi zagaragazaga impamvu zitera ihushanoza mu itangazamakuru ry'ibiganiro by'imyidagaduro mu Rwanda ndetse n'izavuze ku ngaruka hamwe n'umuti by' iki kibazo k'ihushanoza ryibasiye itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda. Nyuma y'uko tumaze gukusanya imbonwa zose z'ubu bushakashatsi ndeste no kuzishyira mu matsinda ashingiye ku ntego z'ubu bushakashatsi, umukoro wakurikiye wari uwo gusesengura izo mbonwa. Imbonwa zimwe zamuritswe nk'uko zagaragajwe n'abakeshwamakuru mu gihe izindi zasesenguwe hisunzwe imbonerahamwe hagamijwe gufasha gukora isesengura mu buryo bworoshye.

Nkuko twabivuzeho mu mutwe ubanziriza uyu, ibibazo by'ubu bushakashatsi bimwe byari bifunze mu gihe hari n'ibyari bifunguye kandi mu kuri n'ubwo ubu buryo bw'ibazwa twabukomatanyije, ahenshi ibibazo bifunze byakurikirwaga no gushaka gusobanura icyo gitekerezo ku burebure bityo akaba ariyo mpamvu isesengura ryacu ryegamiye cyane ku isesenguramimerere cyane hanyuma rikitabaza ku ruhande rundi isesenguranyamubaro hagamijwe kwerekana ingano y'ibisubizo ku kibazo runaka.

Uburyo bukomatanyije twasanze butanga umusaruro nkuko Mukama na Nkusi (twabavuzeho) babishimangira: "Muri iki gihe, hari abashakashatsi bafata impu zombi, maze bagakoresha icyarimwe ubushakashatsi nyamubaro n'ubushakashatsi nyamimerere. Gukoresha ubu buryo bwombi mu bushakashatsi bumwe ni byo byitwa uburyo rukomatanyo. Ibi rero bifite

akamaro kuko bituma haba ubwuzuzanye mu bigaragazwa n'ubushakashatsi nyamubaro na nyamimerere. Ubwo bushakashatsi bushobora kandi gutuma ikigwa bagicengera ku buryo bwimbitse".

## 4.2 Impamvu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza

Muri iki gice, twibanze cyane ku gushyira ahagaragara ibyavuye mu bushakashatsi bishingiye ku kibazo cya mbere cy'ubushakashatsi cyabazaga ngo: Ni izihe mpamvu zaba zitera ihushanoza mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda. Kugira ngo umushakashatsi abashe kugera ku bisubizo by'iki kibazo yitabaje uburyo bubiri bw'ibaza; uburyo bw'ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo n'uburyo bw'iganirabaza. Uburyo bwa mbere bwakoreshejwe ku banyamakuru hamwe n'abanyeshuri mu gihe uburyo bwa kabiri bwakoreshejwe ku bayobozi bo mu kigo cy'itangazamakuru hamwe n'Abanyarwanda basanzwe.

Kuri iki kibazo cyo gushaka kumenya impamvu zaba zitera ihushanoza mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda, umushakashatsi w'uyu murimo yabanje kubaza ibibazo bifunze agamije gushyira ahagaragara zimwe mu mpamvu abantu badakunze gutekereza kandi zifite aho zihuriye bya hafi n'ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda. Ubu buryo ahanini bwabazaga abanyamakuru ndetse n'abanyeshuri biga itangazamakuru mu mwaka wa gatatu wa Kaminuza ikibazo kigamije kumenya niba mu mashuri yisumbuye barigaga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze.

Ubu buryo kandi bwongeye gukoreshwa ku kindi kibazo cyabazaga abanyamakuru niba barize Itangazamakuru muri kaminuza ndetse n'ikibazo gishingiye kukumenya niba ishami ry'ibiganiro by'imyidagaduro muri RBA hari umukozi ushinzwe by'umwihariko Ikinyarwanda ku buryo afasha kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda. Ku banyeshuri kimwe n'abanyamakuru nanone babajijwe niba uburyo Ikinyarwanda kigwamo muri kaminuza babona bukwiye cyangwa buhagije k'umunyamakuru uzakoresha Ikinyarwanda nk'ururimi nyagihugu ariko bafungurirwa no kuvuga icyakorwa. Abayobozi ba porogaramu kandi na bo bagomba gusubiza ikibazo kigamije kumenya niba abanyamakuru ba RBA bo mu ishami ry'ibiganiro by'imyidagaduro baba bakora ikizami cyo kuvuga mu Kinyarwanda.

Umushakashatsi w'uyu murimo kandi mu gushaka amakuru ku kibazo gishingiye ku kugaragaza impamvu zitera ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda hari aho yatanze ibisubizo yakekaga ko bitera impamvu ku giti ke ariko yifuza ko niba ibyo bisubizo ari byo koko, abakeshwamakuru babyemeza bakoresheje ijambo yego cyangwa oya. Iki kibazo cyabajiwe abayobozi ba pororgamu, abanyamakuru n'abaturage basanzwe ariko hakongerwaho uburyo bufungura ibitekerezo bwo kugena izindi mpamvu abakeshwamakuru babona ko zitavuzweho.

Umushakashatsi kandi yateguye ikibazo cyasabaga abakeshwamakuru bo mu rwego rw'ubuyobozi bwa porogaramu kwisanzura ubwabo bagatondekanya ibiherwaho iyo harambagiza umunyamakuru wo mu ishami ry'Ikinyarwanda by'umwihariko umunyamakuru w'imyidagaduro?

Ibyavuye mu bushakashatsi byagombaga gusubiza ikibazo cyabazaga niba koko hari impamvu zaba zitera ihushanozamvugo mu bitangazamakuru

by'imyidagaduro mu Rwanda. Ibisubizo bikurikira nibyo byasesenguwe biduha umwanzuro.

### 4.2.1 Kutiga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze mu mashuri yisumbuye ku banyamakuru benshi bo mu Rwanda

**Imbonerahamwe 1: Impamvu z'ihushanoza zishingiye ku myigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye**

| Abakeshwa makuru | Ingano | Ibisubizo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Iimyigishirize ikwiye y'Ikiny. birafasha | % | Iimyigishirize y'Ikiny. ntibifasha | % | Nta gisubizo | % |
| Abanyeshuri biga itangazamakuru | 20 | 7 | 35 | 13 | 65 | 0 | 0 |
| Abanyamakuru | 8 | 3 | 37.5 | 5 | 62.5 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Amakuru agaragazwa n'iyi mbonerahamwe aragaragaza ko abanyeshuri 7 bangana na 35% bahamya ko imyigire n'imyigishirize by'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye ifasha abanyeshuri mu kuboneza imvugo mu gihe 13

bangana na 65% by'abanyeshuri babajijwe biga itangazamakuru bo basanga imyigire n'imyigishirize by'Ikinyarwanda bidafasha umunyeshuri bikwiye ku mikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda. Ku rundi ruhande, abanyamakuru 3 bangana na 37.5 by'abakeshwamakuru babajijwe bavuga ko imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye ifasha abiga kuboneza imvugo mu gihe abanyamakuru 5 banganana na 62.5% bo bagaragaje ko iyo myigire n'imyigishirize bidafasha uko bikwiye kuboneza imvugo y'Ikinyarwanda.

Ibyavuye mu bushakashatsi birerekana ko hari abanyamakuru bagirwaho ingaruka zo kutiga Ikinyarwanda bikwiye mu mashuri yisumbuye bityo bikaba impamvu ku banyamakuru bamwe na bamwe yo kutaboneza imvugo kuko isomo ry'Ikinyarwanda ryakabaye ribafasha gukosora ibitagenda neza mu mvugo zabo hamwe bataryiga ahandi bakaryiga bisa no kwikiza.

Ibi ku rundi kandi ruhande bihurirana no kuba abanyeshuri bo mu Rwanda barahuye n'inzitizi zikomeye zo kwiga bisanzuye mu rurimi kavukire mu mashuri abanza kuko politiki y'imyigishirize mu Rwanda ubu iteganya ko ururimi rwigishwamo mu mashuri abanza n'ayisumbuye ndetse na Kaminuza ari Icyongereza, aho Ikinyarwanda kigwa nk'isomo mu yandi. Politiki mu kuri ihabanye n'ikerekezo cya UNESCO aho ishishikariza abatuye isi kwigisha abana bakiri bato amasomo yose mu rurimi rwabo kavukire kugeza byibuze bageze mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza kuko bibafasha kumva neza ibyo biga UNESCO (2008)

### 4.2.2 Kutagira umukozi ushinzwe kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro

**Imbonerahamwe 2: Impamvu z'ihushanoza ziterwa no kutagira umukozi ushinzwe kubungabunga Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Nta mukozi uhari | % | Umukozi arahari | % | Nta gisubizo | % |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abanyamakuru bose 8 bangana na 100% babajijwe bagaragaje ko nta mukozi ushinzwe kwita ku mivugire y'Ikinyarwanda ku buryo n'ukoresha ihushanoza yacyaha. Ibi bikaba imwe mu mpamvu zikomeye zitera ihushanoza kuri radiyo na televiziyo kuko igihe kinini amakosa twumva y'imivugire mu banyamakuru ntawe uyacyaha. Abayobozi b'igitangazamakuru batita ku munyamakuru uvuga rero bituma umunyamakuru na we adashishikazwa no kugorora imvugo bityo buri gihe ibiganiro by'imyidagaduro kuri radiyo cyangwa televiziyo bigahora bikoresha Ikinyarwanda kitaboneye ndetse ahandi kidasobanutse. Abanyamakuru bamwe bagaragaje ko igishishikaje mu kiganiro k'imyidagaduro atari imikoreshereze y'Ikinyarwanda ahubwo ari uburyo umunyamakuru ashyushya ikiganiro kabone n'ubwo yavangavanga indimi ariko ikiganiro cyabashije gushyuha; ubwo rero bikumvikana ko n'umunyamakuru waba ushishikajwe cyane no

kwita ku migendekere myiza, atibanda ku ihushanoza ahubwo yita cyane k'uburyo ikiganiro cyashyushye.

Ibi ahanini ugasanga aribyo bituma abanyamakuru benshi batihatira kwita ku muga yahanzwe mu ngeri runaka bakoramo ikiganiro ahubwo igihe kinini bakiyambaza indimi mvamahanga mu Kinyarwanda kugira ngo boroherwe kuko muri ibi biganiro, wa mukozi wakabakebuye ku mikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda aba ataratekerejweho.

### 4.2.3 Imyigishirize y'Ikinyarwanda iri ku rwego rwo hasi muri kaminuza no mu mashuri makuru

**Imbonerahamwe 3: Impamvu z'ihushanoza ziterwa n'imyigishirize y'Ikinyarwanda iri hasi muri kaminuza no mu mashuri makuru**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Imyigishirize y'Ikiny. iri hasi | % | Nta kibazo imyigishirize ifite | % | Nta gisubizo | % |
| **Abanyeshuri biga itangazamakuru** | 20 | 19 | 85 | 1 | 15 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Abayobozi ba porogaramu** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi birerekana ko abanyeshuri 19 bangana na 95% bagaragaje ko imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri makuru na kaminuza byigisha itangazamakuru bidafasha umunyeshuri gukoresha Ikinyarwanda kiboneye kuri radiyo na tereviziyo, mu gihe umunyeshuri 1 ungana na 5% we yagaragaje ko abona imyigire y'Ikinyarwanda ntacyo itwaye muri kaminuza zigisha itangazamakuru. Ku rundi ruhande abanyamakuru bose uko ari 8 bangana na 100% by'abakeshwamakuru bagaragaje ko imyigishirize y'Ikinyarwanda igomba kuvugururwa; Ikinyarwanda kigahabwa umwanya ukwiye ku buryo abanyeshuri babona igihe gihagije cyo kwita ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda.

Ni nako abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100% by'abakeshwamakuru mu rwego rw'abayobozi nabo bagaragaje ko uburyo bw'imyigishirize y'Ikinyarwanda muri za Kaminuza zigisha itangazamakuru buri hasi bugomba kongerwamo ikibatsi kugira ngo bafashe abanyeshuri barangiza mu itangazamakuru kuba intyoza mu Kinyarwanda

Ibitekerezo by'abasubije ko imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru ifite ikibazo bigaragaza ko porogaramu y'Ikinyarwanda muri ayo mashuri yahaye Ikinyarwanda umwanya muto ku buryo ubumenyi ngiro ku isomo ry'Ikinyarwanda ari buke. Nko muri Kaminuza y'u Rwanda honyine abanyeshuri bagaragaje ko Ikinyarwanda atari isomo ryigenga, ahubwo ari isomo ryabumbiwe hamwe n'andi masomo y'indimi nk'Igiswahili

n'Igifaransa maze bihabwa amasaha mbarwa kuburyo umwarimu adashobora kwigisha iminsi irenze itatu mu mwaka umwe.

Kuba rero abanyeshuri batabasha kwiga Ikinyarwanda mu buryo butuma bagira ubumenyi ngiro ku isomo ry'Ikinyarwanda cyane cyane ku bijyanye n'imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame bigaragara ko ari impamvu ifatika itera ihushanoza mu banyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro bo mu Rwanda.

### 4.2.4 Kuba uburyo abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro bahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye

**Imbonerahamwe 4: Impamvu z'ihushanoza ziterwa n'itangwa ry'akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Hitabwaho Ikiny kiboneye | % | Ntikitabwaho | % | Nta gisubizo | % |
| Abayobozi | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| Abanyamakuru | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| Abaturage basanzwe | 20 | 18 | 90 | 0 | 10 | 2 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Iki kegeranyo k'ibyavuye mu bushakashatsi kiragaragaza ko abanyamakuru bose uko ari 8 bangana na 100% bemeje ko uburyo abanyamakuru bahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye. Ibi kandi bikaba byarashimangiwe n'abayobozi ba porogaramu 2 bangana na100% b'ababajijwe. Mu gihe ku ruhande rw'abaturage basanzwe, abakeshwamakuru babajijwe 17 bangana na 90% bemeje ko imivugire y'abanyamakuru mu biganiro by'imyidagaduro igaragaza ko uburyo abanyamakuru bahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye mu gihe 2 bangana na 10% bo ntacyo batanzeho igisubizo.

Muri rusange, abakeshwamakuru bacu ku ruhande cyane cyane rw'abaherereye mu itangazamakuru bagaragaje ko irambagizwa ry'umunyamakuru w'ikiganiro k'imyidagaduro mu ishami ry'Ikinyarwanda ahanini ritagombera cyane uburyo umunyamakuru yakenetse Ikinyarwanda ahubwo bita cyane ku buryo ashyushya ikiganiro ndetse azakiryoshya, nkuko. Kutita rero ku mvugo ibumbatiye Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo guha umunyamakuru akazi bifite ingaruka zikomeye mu ikoreshwa ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro kuko bimwe byimirijwe imbere ko umunyamakuru yafasha rubanda kwiyungura ubumenyi bushingiye ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda bitazigera bibaho mu gihe bikimeze gutyo.

Ubusanzwe umunyamakuru yagombye kuba afatwa nk'umwarimu mu kiganiro yateguriye rubanda, kuko baba bagomba kumukuraho amasomo menshi atandukanye aho n'Ikinyarwanda cyasugirira mu mikoreshereze inoze y'umunyamakuru. Gukoresha neza Ikinyarwanda mu itangazamakuru kandi bikumvikana ko bitakwica uburyohe bw'ikiganiro ahubwo byatuma n'abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro biyongera kuko usanga ibyinshi bikurikirwa n'abanyamugi cyane noneho babandi bo mu byaro akenshi biheza

kubwo kutanyurwa n'imvugo yaganjwe n'ivangandimi bakaba batangira kwitabira ibyo biganiro. Maze umunyamakuru akajya atira aho biri ngombwa atari ukuvangira ururimi mu rundi uko abonye.

#### 4.2.5 Uburyo abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo zikoreshwa muri ibyo biganiro

**Imbonerahamwe 5: Impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo zikoreshwa muri ibyo biganiro**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Bakunda imvugo zikoreshwa | % | Nta gisubizo | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 7 | 87.5 | 1 | 12.5 |
| **Abaturage basanzwe** | 20 | 14 | 70 | 6 | 30 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi birerekana ko abakeshwamakuru benshi mu babajijwe bemera ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro mu Rwanda bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro, Abayobozi babajijwe bose uko ari 2 bangana na 100% bemeje ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo

biganiro. Ku ruhande rw'abanyamakuru, 7 bangana na 87.5% babajijwe, bemeje ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro. Mu gihe umunyamakuru 1 ungana na 12.5% iyi mpamvu atayigarutseho. Mu gihe abaturage 14 bangana na 70% basubije ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro ariko 6 bangana na 30%bo ntibagusha kuri iyo mpamvu.

Aya makuru yasobanuwe mu buryo butandukanye agaragaza ko hakiri ikibazo cy'uko hari rubanda rukunze imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru mu gihe hari urundi ruhande rutishimiye iyi mvugo, Abanyamakuru bashyigikiye koa bakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro bashingira ku bitekerezo babona bishima uko ikiganiro cyagenze bivuye mu bakurikira ibiganiro. Bagashimangira kandi ko n'ababakurikira babasha gutanga ibitekerezo baba bakoresha ahaniniimvugo yashyuhije ikiganiro.

Abanyamakuru kandi bavuga ko umunyamakuru ategura ikiganiro agendeye kubazagikurikira bityo bagatanga urugero bamwe rw'ikiganiro kigenewe abasore bo mu mugi, cyangwa ikigenewe abitwa abakarasi ko imvugo izakoreshwa izatandukana n'imvugo y'ikiganiro cyakorewe abanyacyaro, bati umunyamakuru agomba ahanini kwisanisha n'imbaga abwira.

Abanyamakuru n'abandi batemeranyijwe n'imvugo ivuga ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro bo bashingira ahanini ku kuba radiyo cyangwa tereviziyo bitumvwa n'igice runaka cy'abantu bamwe. Ngo wumve ko niba uri mu kiganiro uzumvwa n'abo mu mugi gusa kuko aribo watekerejeho ukora ikiganiro. Bemeza ko radiyo na tereviziyo by'igihugu byumvwa cyane

n'Abanyarwanda batandukanye ariko by'akarusho abo mu cyaro kuko batagira ibintu byinshi bibahuza. Bityo guhusha inozamvugo kuri radiyo; ukavanga indimi, ugakoresha urufefeko, uburimi se cyangwa ugashyoma biba biri kwica ibonezamvugo kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo.

Ikindi cyagarutsweho mu bitekerezo byashimangiraga ko harimo kwibeshya iyo bavuga ko abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru muri ibyo biganiro ari uko nk'uvangavanga indimi mu kiganiro yagombye gutekereza ko hari umubare munini umukurikiye utazi zimwe mu ndimi ari gukoresha mu ivangavanga ry'indimi.

Kubera rero ko hari abakeshwamakuru bagaragaje ko mu kuri hari umubare utari muto wikundira imvugo ikoreshwa n'abanyamakuru mu biganiro by'imyidagaduro twasanze iyi nayo ari impamvu itera itangazamakuru ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro,

### 4.2.6 Uburyo abanyamakuru bakunda uruzungu ntibahe agaciro Ikinyarwanda

**Imbonerahamwe 6: Impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo abanyamakuru bakunda uruzungu ntibahe agaciro Ikinyarwanda**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Gukunda gukoresha uruzungu kurusha Ikiny | % | Ntibakunda gukoresha uruzungu kurusha Ikiny | % | Nta gisubizo | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Abaturage basanzwe** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100% bemeje ko abanyamakuru benshi bahusha kuboneza imvugo bitewe n'uko abanyamakuru benshi bo mu biganiro by'imyidagaduro bakunda indimi z'amahanga cyane kandi ari nazo ziborohera iyo bari mu biganiro by'imyidagaduro k'uburyo boroherwa cyane no kuvanga Ikinyarwanda n'indimi z'amahanga, ahandi bigahuza n'uko bumva kuvanga cyane indima aribwo busirimu. Ibi babihurizaho n'abanyamakuru aho muri ubu

bushakashatsi, abanyamakuru 8 bangana na 100% by'abakeshwamakuru babajijwe mu itsinda nkeshwamakuru bemeje ko uburyo abanyamakuru benshi bakora ibiganiro by'imyidagaduro bakunda uruzungu bituma badaha agaciro Ikinyarwanda bityo bigatera kumvikana batakivuga mu buryo busanzwe ahubwo bagishakira amagambo y'amahanga ngo bagisanishe n'uruzungu.

Ku ruhande rw'abaturage basanzwe, 20 banga na 100% by'ababajijwe bemeza ko iyi ari impamvu ikomeye itera ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Ahanini bashingira ku kuba ibiganiro byinshi usanga Ikinyarwanda kivangirwa indimi mvamahanga kandi mu kuri amuga ahari yakabaye akoreshwa. Ugasanga nta munyamakuru ushishikajwe no gukora interuro y'Ikinyarwanda kidatiriye amagambo nk'atatu cyangwa ane. Ibi abaturage basanzwe bakabishyira mu rwego rwo kutamenya agaciro Ikinyarwanda gifite muri bene rwo.

Nko kubanyamakuru bo basobanura ko byagorana gukora Ikiganiro k'imyidagaduro kiri mu Kinyarwanda gusa kuko ahanini ibiganiro by'imyidagaduro byinshi biba bikomatanya imico itandukanye bityo no kubikora uvanga indimi byoroho kubabikurikira. Aha ariko abaturage bo bagaragaza ko bitaba impamvu yo kuvangitiranya indimi kuko hari ibiganiro byiza kandi byishimirwa by'Icyongereza kitavangiwe, by'Igifaransa cy'umwimerere yemwe n'iby'igiswayire cy'umwimerere, ariko byagera ku Kinyarwanda ugasanga kibuze amajyo. Bityo abaturage bakemeza ko indimi zigomba kwisanzura kimwe, abanyamakuru babona ikiganiro kizakundwa n'abumva icyongereza bakagikora mu cyongereza, nkuko basanze abakunze ikiganiro baherereye ku gice kinini cy'urundi rurimi byaba byiza arirwo bagikoramo.

Abakeshwamakuru kuri iyi mpamvu bagaragaje ko iyi mpamvu ihatse n'izindi zisa no gushaka kwerekana ko abavanga Ikinyarwanda kuri radiyo cyangwa tereviziyo ari abasirimu kuko bavanze Ikinyarwanda n'indimi z'amahanga; batakivuze mu buryo buboneye. Uku kuri ko gukunda gukoreshwa indimi mvamahanga cyane ku banyamakuru bo mu Rwanda kugaragazwa nanone n'ubushakashatsi bwakozwe na Niyomugabo na Twilingiyimana (Twabakomojeho mbere) aho mu bushakashatsi bwabo aho bagaragaje impamvu z'ibanze zituma abanyamakuru bakoresha amagambo y'indimi z'amahanga ataramenyerwa mu kinyarwanda ari uko abanyamakuru benshi bafite akamenyero ko kuvanga indimi ndetse no kumva baba bashaka kurushaho gusobanura neza ibyo bavuga. Mbese ko kubivuga mu Kinyarwanda gusa ababakurikira batabyumva neza. Iyi raporo kandi igaragaza ko impamvu zituma abanyamakuru bakoresha amagambo y'indimi z'amahanga ataramenyerwa mu kinyarwanda harimo n'ubwirasi. Ibi rero bigatuma iyi mpamvu twatahuye ituma Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, gihura n'ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro.

### 4.2.7 Kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru

**Imbonerahamwe 7: Impamvu z'ihushanoza ziterwa n'uburyo imvugo zikoreshwa ntawe zibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru**

| **Abakeshwamakuru** | **Ingano** | **Ibisubizo** | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **Zirabangama** | **%** | **Nta gisubizo** | **%** |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **Abayobozi** | 2 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 6 | 75 | 2 | 25 |
| **Abaturage basanzwe** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abayobozi ba porogaramu bose uko ari 2 bangana na 100%, nta cyo bavuze ku mpamvu y'uko imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru, mu gihe abanyamakuru 6 bangana na 75% bemeza ko kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru ari impamvu itera ihushanoza mu Kinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Mu gihe abanyamakuru 2 bangana na 25 % iyi mpamvu batayikomojeho.

Ku ruhande rw'abaturage basanzwe, 20 bangana 100% basanga imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru kuko habaye ko abayobozi b'ibitangazamakuru babangamirwa n'iki kibazo; nta kabuza ikibazo cyakemuka. Ibi byo kuba Ikinyarwanda kitanoze mu biganiro by'imyadagaduro ntawe bishishikaje mu bayobozi b'ibitangazamakuru dusanga mu kuri ari zimwe mu mpamvu zikomeye zituma ibitangazamakuru byo mu Rwanda bikora ibiganiro by'imyidagaduro bitazapfa gutana n'ikibazo k'ihushanoza.

Ibitekerezo byavuye mu banyamakuru bishingiye kuri iyi mpamvu byagaragaje ko abayobozi batita ku ihushanoza cyangwa Ikinyarwanda kiboneye mu biganiro by'imyidagaduro, ahubwo bita cyane ku buryo umunyamakuru mu kiganiro yisanishije n'abo yageneye ikiganiro, bityo

amakosa yose yakorwa ntabe yafatwa nk'amakosa y'ururimi. Aha akaba ari na ho abaturage basanzwe bavuze ko bigaragarira buri wese ko imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru by'umwihariko mu biganiro by'imyidagaduro bya RBA, kuko hari n'ibiganiro bimwe na bimwe by'imyidagaduro byagaragaye ko bikorwa n'abanyamakuru batazi neza Ikinyarwanda; bazi indimi zo hanze y'u Rwanda, uburyo bavugamo Ikinyarwanda bigasa no kugoreka Ikinyarwanda cyangwa kuvuga uburimi.

Abakeshwamakuru kuri iyi ngingo bemeje ko kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru bitiza umurindi abakoresha nabi Ikinyarwanda mu itangazamakuru ku buryo bemeza ko kuba Ikinyarwanda ntawe ukivugira ngo aharanire ikoreshwa ryacyo mu buryo bukwiye bitera abanyamakuru kutita ku mvugo bakoresha ahubwo bakita ku bikurura ababatega amatwi. Ibi rero bigatuma iyi mpamvu iba imwe mu mpamvu twemeza ko itera ihushanoza mu Kinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu Rwanda.

## 4.3 Ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda

Umushakashatsi w'uyu murimo yagomaba nanone gushaka imbonwa zimufasha gusubiza ikibazo cy'ubushakashatsi gishingiye ku ntego yihariye ya kabiri y'ubu bushakashatsi ariyo: Kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu itangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda.

Mu rwego rwo gukusanya amakuru; umushakashatsi kuri iyi ngingo yo kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda yakoresheje uburyo bw'ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo, aho nkuko twabivuzeho abanyeshuri 20 n'abanyamakuru 8 aribo babajijwe muri ubu buryo, mu gihe abayobozi 2 ba porogaramu n'abaturage basanzwe 20 babajijwe mu buryo bw'iganirabaza.

Abakeshwamakuru bahawe ibibazo bifunguye hagambiriwe kugira ngo abakeshwamakuru bisanzure maze bagaragaze ingaruka bumva ko ziteza ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro mu Rwanda. Ahenshi rero abakeshwamakuru batangaga n'impamvu kuri buri ngaruka bavuze.

Ibyavuye mu bushakashatsi rero byagaragaje ingaruka zikurikira: Kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda, gupfa k'ururimi rw'Ikinyarwanda, gutuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye no gutesha agaciro Ikinyarwanda ku buryo hazagera igihe ababyiruka ntibagikunde

### 4.3.1 Kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda

**Imbonerahamwe 8: Uko ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatera kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Amwe mu magambo azazimira | % | Nta kibazo kirimo | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 18 | 90 | 2 | 0 |
| **Abaturage** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi biragaragaza ko imwe mu ngaruka zizaterwa n'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ari uko hazabaho kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda. Mu bakeshwamakuru bo ku ruhande rw'abayobozi ba porogaramu babajijwe; 2 bangana 100% kimwe n'abanyamakuru 8 bangana na 100% by'abanyamakuru babajijwe ndetse n'abaturage basanzwe 20 bangana na 100%; basubije bagaragaza ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizatuma habaho kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda. Iyi ikazaba ingaruka ikomeye, ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizateza ururimi rw'Ikinyarwanda.

Ku rundi ruhande, abanyeshuri 18 bangana na 90 ku ijana basubije bagaragaza ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizatuma habaho kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda. Mu gihe hari abanyeshuri 2 bangana na 10% batagize icyo bavuga kuri iyi mpamvu.

Abasubije bahamya ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizatuma habaho kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda bagiye bagaruka ku mpamvu bashingiyeho ko ari uko abanyamakuru muri ibyo biganiro bagenda bihimbira amuga atazwi mu Kinyarwanda, ahandi bakitabaza urufefeko, mu gihe abandi bahitamo gukoresha cyane amagambo y'Icyongereza cyangwa Igifaransa kandi ubusanzwe iryo jambo risanzwe rifite iryuga ryaryo mu Kinyarwanda. Ikindi n'uko abandi bagaragaje ko itangazamakuru nkuko rifite umumaro wo kwigisha rubanda, bihuza n'uko abantiu bakurikira ibiganiro by'imyidagaduro baba bafata abanyamakuru nk'abantu b'ikitegererezo maze ibivuzwe bigafatwa nk'ihame, ya magambo bakoresha akaba ariyo rubanda rugenda rusigarana, ibyo bigatuma amagambo y'umwimerere agenda akendera.

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi ku bijyanye n'ikendera ry'amwe mu magambo y'Ikinyarwanda kandi bishimangirwa n'ubushakashatsi bwakozwe na Niyomugabo na Twilingiyimana (Twabavuzeho) aho na bo imwe bagaragaje ko Ikinyarwanda kizakena kuko kizagera aho kibura amagambo ahagije mu bene rurimi biturutse ku kuba amenshi azaba yarazimiye bityo kige kitabaza amatirano kenshi.

### 4.3.2 Gutuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye

**Imbonerahamwe 9: Uko abakeshwamakuru bagaragaza uburyo ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Nta muhate | % | Nta gisubizo | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 2 | 8 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 19 | 95 | 1 | 5 |
| **Abaturage** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi biragaragaza ko abakeshwamakuru b'ubu bushakashatsi, abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100% kimwe n'abanyamakuru 8 bangana na 100% ndetse n'abaturage basanzwe 20 bangana na 100% bameje ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda bizatera urubyiruko kutagira umuhate n'ubushake bwo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye. Mu gihe umunyeshuri 1 ungana na 5% by'abanyeshuri babajijwe we ntacyo yavuze kuri iyi ngaruka.

Abakeshwamakuru basangiye igitekerezo cy'uko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda bizatera urubyiruko kutagira umuhate n'ubushake bwo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye bagiye bahuriza ku kuba urubyiruko rwinshi basigaye bumva Ikinyarwanda kiboneye ari icy'abantu bakuze, byagera ku bo mu mugi rero bakumva kuvuga Ikinyarwanda neza ari ubunyamusozi. Ibyo bigatuma ahanini bashishikarira kwigana imvugo z'abanyamakuru ziganjemo ihushanoza ry'Ikinyarwanda. Hahandi umunyamakuru yakabaye afasha umwana w'umunyarwanda kuboneza imvugo y'Ikinyarwanda ahubwo akamufasha kwangiza imvugo iboneye dore ko nkuko twabibonye mu ihange

ry'isasu ry'amayobera; umunyamakuru afatwa nk'umuntu udasanzwe ku buryo n'icyo avuze rubanda ruba rwumva ari ihame.

Abakeshwamakuru bahamije ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rikomeje ryazagenda ritesha agaciro Ikinyarwanda mu rubyiruko kuko bemeza ko uko ururimi rugenda ruta agaciro, uko rugenda rushira mu bantu nyuma y'igihe bisanga basigaranye ikintu gisa n'ururimi bari basanganywe. Aho abantu ba kera batazajya bapfa kumvika n'ababyiruka. Ibi kandi bigashimangirwa n'ibitekerezo byerekana ko uko ururimi rurindimuka muri bene rwo bidakorwa akanya gato ahubwo rugenda rwononekara gahoro gahoro bikazagera ubwo ururimi rusigara ari inyito gusa; bikageza ubwo rumizwe n'iryo hushanoza bikagera aho benerwo banaruhunga bakajya bikoreshereza indimi z'amahanga kuko urwo ruba rwarataye umwimerere n'uburyohe bwarwo.

### 4.3.3 Gutesha agaciro Ikinyarwanda ku buryo hazagera igihe ababyiruka ntibagikunde

**Imbonerahamwe 10: Uko ihushanoza mu itangazamakuru ry'imyidagaduro rizatesha Ikinyarwanda agaciro mu babyiruka**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 0 | 0% | 2 | 5 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 7 | 87.5 | 1 | 12.5 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 18 | 90 | 2 | 10 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **Abaturage** | 20 | 17 | 85 | 3 | 15 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi birerekana ko abakeshwamakuru babajijwe ku ruhande rw'abayobozi, 2 ungana na 100% ntacyo batangaje kuri iyi ngaruka. Mu gihe abanyamakuru 7 bangana 87.5% bahamya ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizatuma Ikinyarwanda gita agaciro mu babyiruka ibyo kandi babihuriraho n'abanyeshuri 18 bangana na 90% b'ababajijwe kimwe n'abaturage 17 bangana na 85% b'ababajijwe. Mu gihe umunyamakuru 1 ungana na 12.5 by'ababajijwe mu banyamakuru kimwe n'abanyeshuri 2 bangana na 10% by'abanyeshuri babajijwe ndetse n'abaturage 3 bangana na 15% ntacyo bakomojeho kuri iyi ngaruka.

Ibitekerezo byatanzwe ku bemeje ko ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda rizatuma Ikinyarwanda gita agaciro mu babyiruka bahuriza ku kuba agaciro k'ururimi ari uko rukoreshwa, yaba mu mashuri, mu ngo, mu kazi mu itangazamakuru ndetse n'ahandi rubanda ihurira. Iyo rero urwego nk'itangazamakuru rwakabaye rufasha rubanda guteza imbere ururimi no kurusigasira binyuze mu buryo bakoresha ururimi neza mu biganiro; bataye izo nshingano aho gushishikarira imikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda ahubwo ugasanga ntawitaye ku makosa y'imivugire agaragara cyane mu mvugo z'abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro, ntibagire n'umuhate wo gushaka gukosora ibitagenda neza, birumvikana ko nta kabuze ururimi ruta agaciro binyuze muri ibyo biganiro.

Muri rusange rero dusanga izi ngaruka zishimangira izagaragajwe mu bushakashatsi bwakozwe na Niyomugabo na Twilingiyimana (twabavuzeho); aho bo bagaragaza ingaruka ebyiri z'ingutu ivangandimi rigira ku rurimi rw'ikinyarwanda ubwarwo n'abakurikira ibiganiro mu kinyarwanda. Izo ngaruka ni ukuzitira ubutumwa mu kinyarwanda (77%) no gukenesha ikinyarwanda (33%).

### 4.4 Ingamba zafatwa mu rwego rwo gisigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda

Muri uyu murimo, Umushakashatsi yihatiye gukusanya imbonwa zizamufasha gusubiza ikibazo cy'ubushakashatsi gishingiye ku ntego yihariye ya gatatu y'ubu bushakashatsi ariyo: Gushyira ahagaragara ingamba zafatwa mu rwego rwo gisigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

Umushakashatsimu gushaka amakuru ashingiye ku kugaragaza ingamba zafatwa mu rwego rwo gisigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda; yakoresheje uburyo bw'ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo, aho ubu buryo bwakoreshejwe ku banyeshuri 20 n'abanyamakuru 8, mu gihe abayobozi 2 ba porogaramu n'abaturage basanzwe 20 babajijwe mu buryo bw'iganirabaza.

Abakeshwamakuru bahawe ibibazo bifunguye hagambiriwe kugira ngo bisanzure maze bagaragaze icyo bumva cyaba nk'umuti w'ikibazo k'ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro mu Rwanda. Abakeshwamakuru bose bagiye batanga umuti bumva ko ariwo ukwiye ariko bakagerekaho no gusobanura impamvu bumva ariwo muti ukwiye.

Amakuru yatanzwe yakorewe ikegeranyo maze hashyirwa hamwe ingamba zikurikira: Kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda, kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye, guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda, abayobozi b'ibitangazamakuru gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda, Minisiteri ifite umuco mu nshingano gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame no gushyiraho itegeko ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru.

### 4.4.1 Kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda

**Imbonerahamwe 11: Uko abakeshwamakuru babona umuti ushingiye ku kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **Abaturage** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bugaragaza ko abayobozi 2 bangana na 100%, abanyamakuru 8 bangana na 100%, abanyeshuri 20 bangana na 100% kimwe n' abaturage 20 bangana na 100% bose bahurije ku kintu cyo kwita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda. Abakeshwamakuru mu gusobanura ibi, bagaragaza ko ubundi bitagakwiye kumva umunyamakuru kuri radiyo y'igihugu cyangwa tereviziyo y'igihugu uvuga uburimi, imvugo ikocamye, imvugo ye igizwe gusa no kuvanga indi, ndetse umunyamakuru utazi Ikinyarwanda ubwacyo. Ariko bitewe n'uko abakoresha batita ku mvugo iboneye biba impamvu y'uko ibitangazamakuru bigira abanyamakuru batazi Ikinyarwanda ahubwo bazi gushyushya igitaramo.

Abakeshwamakuru kuri iki kibazo cyo guha akazi abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda usanga babifata nk'ikibazo gikomeye maze bakemeza ko uburyo bwo kwirinda icyo kibazo, ari ukwita ku muntu uboneza imvugo igihe k'ikizami k'ivugabaza, Iki kizami ubwacyo kigiye gitangwa hagamijwe umunyamakuru w'intyoza mu Kinyarwanda byabasha gusubiza iki kibazo. Byongeye kandi abakeshwamakuru bari ku ruhande rwo kunenga itangwa ry'akazi ridashingiye ku bumenyi bw'Ikinyarwanda bavuga ko irambagiza ry'umunyamakuru w'ibiganiro by'imyidagaduro mu Kinyarwanda, ritagombye kwitwaza kuryoshya imvugo mu ndimi z'amahanga nk'aho Ikinyarwanda kitagira imvugo ishyushya igitaramo cyangwa abayumva baryoherwe mu kiganiro gikozwe mu mvugo iboneye y'Ikinyarwanda.

Abakeshwamakuru benshi kuri iyi ngingo yo kwita ku bushobozi bw'ushaka akazi k'ubunyamakuru bushingiye k'uburyo bwo kuboneza imvugo no gukeneka Ikinyarwanda mu mvugo iboneye, bavuga ko bishyizwemo ingufu, ku buryo n'ujya gushaka akazi wese icyo kintu aba akizi, ikibazo k'ihushanoza mu banyamakuru b'imyidagaduro cyacogora.

### 4.4.2 Kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye

**Imbonerahamwe 12: Uko abakeshwamakuru babona umuti ushingiye ku kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100% by'abayobozi babajijwe, abanyamakuru 8 bangana na 100% b'abajijwe, abanyeshuri 20 bangana na 100% b'abajijwe; bemeje ko kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye ari umwe mu miti yo guca

ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro byo mu ishami ry'Ikinyarwanda mu Rwanda.

Abakeshwamakuru bahurije ku ngingo y'uko uburyo Ikinyarwanda kigishwa bidaha amahirwe umunyamakuru yo kunoza imivugire y'Ikinyarwanda, abakeshwamakuru kuri iyi ngingo bemeje ko Ikinyarwanda kimeze nk'aho kitigwa kubera umwanya muto cyahawe. Ni muri icyo kerekezo kandi abakeshwamakuru, kuri iyi ngingo bagaragazaga ko amashuri yigisha itangazamakuru yagombye kujya yakira byibuze abana bize indimi kugira ngo byoroshye ikibazo. Bagaragaza ko itangazamakuru ryigwa n'abantu bize amashami atandukanye bityo ugasanga imyigire y'Ikinyarwanda idahabwa ingufu kugira ngo batabangamira ababa batarize Ikinyarwanda.

Abakeshwamakuru kandi bavuga ko amasomo yagombye gukarishywa, Ikinyarwanda kikongererwa amasaha, aho kugiha imbumbanyigisho ibumbiyemo izindi ndime  ebyiri ahubwo bakagiha ubwisanzure wo kugira imbumbanyigisho kihariyeho cyonyine maze ubumenyi ngiro mu Kinyarwanda bugashyirwamo ingufu kugeza umunyeshuri ashoje amasomo ya kaminuza. Ibi, abakeshwamakuru b'ubu bushakashatsi kuri iyi ngingo, bakemeza ko byazafasha kuzagira abanyamakuru bashobora gukoresha Ikinyarwanda kiboneye cyangwa se bagerageza gukoresha imvugo iboneye, idakocamye cyangwa se ivananga indimi ritanyuze mu buryo mu biganiro bakora.

### 4.4.3 Guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda

**Imbonerahamwe 13: Uko abakeshwamakuru babona umuti wo guha agaciro kisumbuyeho isomo ry'Ikinyarwanda mu burezi bwo mu Rwanda muri rusange**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 8 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 19 | 95 | 1 | 5 |
| **Abaturage** | 20 | 20 | 100 | 0 | 0 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko umuyobozi wa porogarmu 2 bangana na 100% babonye ko guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda byafasha itangazamakuru kugira abanyamakuru babasha gukoresha imvugo iboneye mu Kinyarwanda.

Ubushakashatsi kandi bugaragaza ko abanyamakuru 8 bangana na 100% nabo babonye ko guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda byafasha itangazamakuru kugira abanyamakuru babasha gukoresha imvugo iboneye mu Kinyarwanda.

Ubushakashatsi kandi bwagaragaje ko abanyeshuri 19 bangana na 95% bavuze ko guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda byafasha itangazamakuru kugira abanyamakuru babasha gukoresha imvugo iboneye mu Kinyarwanda. Mu gihe umunyeshuri 1 ungana na 5% uyu muti atawukomojeho.

Ku rundi ruhande kandi abaturage basanzwe 20 bangana na 100% bagaragaje ko guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda byafasha itangazamakuru kugira abanyamakuru babasha gukoresha imvugo iboneye mu Kinyarwanda.

Muri rusange, abakeshwamakuru batanze ingingo ishimangira ko guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda byafasha itangazamakuru kugira abanyamakuru babasha gukoresha imvugo iboneye mu Kinyarwanda, bagashingira ko Ikinyarwanda mu mashuri kidahabwa umwanya w'ibanze ahubwo usanga indimi mvamahanga zigenda zikubira umwanya Ikinyarwanda cyakabaye gihabwa. Kugeza aho bamwe mu bakeshwamakuru bagaragaje ko hari aho badatinya gushyiraho ibihano ku banyeshuri bavuze Ikinyarwanda mu mashuri abanza. Ibi bikaba bidaha umwana w'umunyarwanda harimo n'uyu uzaba umunyamakuru kutagira ubushobozi bwo gukoresha Ikinyarwanda hakiri kare; ibintu bizakomeza kumugira ho ingaruka.

Abanyeshuri biga, bakeneye kwigishwa Ikinyarwanda byimbitse kugira ngo batangire guhangana n'ibyonnyi by'Ikinyarwanda birekereje kandi byiteguye guhangamura ireme ry' Ikinyarwanda mu Rwanda. Abana mu mashuri bagombye gushishikarizwa gukoresha Ikinyarwanda, bagahabwa umwanya wo kugikoresha kandi bagafashwa no kubona uburyo basigasira Ikinyarwanda

mu mashuri, bategurirwa amarushwa y'Ikinyarwanda mu ngeri zinyuranye, bategurirwa ibitabo, imikino n'ibindi bibakundisha Ikinyarwanda.

### 4.4.4 Abayobozi b'ibitangazamakuru gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda

**Imbonerahamwe 14: Uburyo abakeshwamakuru babona umuti w'uko abayobozi b'ibitangazamakuru bagomba gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 7 | 87.5 | 1 | 12.5 |
| **Abanyeshuri biga itangazamakuru** | 20 | 15 | 75 | 5 | 25 |
| **Abaturage** | 20 | 16 | 80 | 4 | 20 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza ko abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100 babona ko bikwiye ko abayobozi b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda bakwiye gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda. Ku rundi ruhande, abanyamakuru 7 bangana na 87.5 na bo bemeje ko abayobozi b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda bashyizeho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru bayoboye byaba umuti ufatika wo

kurandura ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Mu gihe umunyamakuru 1 ungana na 12.5% ntacyo yavuze kuri uyu muti.

Ibyavuye mu bushakashatsi kandi byerekana ko abanyeshuri biga itangazmakuru 15 bangana 75% na bo bavuze ko abayobozi b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda bakwiye gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda nk'umuti wo guhashya ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ryahashywa naho abanyeshuri 5 bangana na 25% bo ntibagize icyo bavuga kuri uyu muti.

Ku rundi ruhande kandi, abaturage basanzwe 16 bangana na 80% nabo basanze ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ryahashywa n'uko abayobozi b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda bakwiye gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda. Mu gihe abaturage 4 bangana na 20% ntacyo bakomojeho kuri iyi ngingo.

Kuri iyi ngingo ivuga ko abayobozi b'ibitangazamakuru byo mu Rwanda bakwiye gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda nk'umuti wo guhashya ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, abakeshwamakuru bagaragaje ko bikwiye ko Ikinyarwanda mu itangazamakuru, mbere na mbere kirindwa na ba nyiri ibitangazamakuru. Bagahora bashishikajwe n'uko Ikinyarwanda kidahungabana nk'uko n'izindi ndimi zibungwabungwa mu bitangazamakuru.

Bamwe mu bakeshwamakuru kandi bifuje ko habaho ijisho rireba umunyamakuru bamwe bagereranyije n'inkoni, ku buryo utana bya bindi bimunga ururimi rw'igihugu acyahwa kugeza ubwo yafatirwa n'ibihano. Abenshi bagaragaje ko buri gitangazmakuru cyagombye kuba gifite umuntu w'inzobere mu Kinyarwanda ufasha imigendekere myiza y'Ikinyarwanda ari nako akirinda abacyonona nkana, bemeza ko uyu mukozi agiyeho agahabwa n'ingufu byakemura byinshi ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru.

### 4.4.5 Minisiteri ifite umuco mu nshingano gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame

**Imbonerahamwe 15: Uko abakeshwamakuru babona umuti w'uko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 0 | 0 | 2 | 100 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 4 | 50 | 4 | 50 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 11 | 55 | 9 | 45 |
| **Abaturage** | 20 | 8 | 40 | 12 | 60 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi biragaragaza ko abayobozi ba porogaramu bose uko ari 2 bangana 100% ntacyo bavuze kuri uyu muti mu gihe abanyamakuru

4 bangana na 50% bagaragaje ko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame nk'umuti wo kurwanya ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro. Mu gihe abandi banyamakuru 4 bangana na 50% ntacyo bakomoje kuri iyi ngingo.

Ku rundi ruhande kandi abanyeshuri 11 bangana na 55% bashimangiye ko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame nk'umuti wo kurwanya ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro. Mu gihe abanyeshuri 9 bangana na 45 bo batagize icyo bavuga kuri uyu muti

Nanone kandi abaturage basanzwe 8 bangana na 40% nibo bagaragaje ingingo ihamya ko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame nk'umuti wo kurwanya ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro, mu gihe abaturage 12 bangana na 60% bo batagize icyo bavuga kuri iyi ngingo.

N'ubwo bigaragara ko hamwe na hamwe uyu muti abakeshwamakuru batawuvuze ariko ntibyatubuza no kuwugarukaho kuko hari umubare utari muto wawukomojeho. Abagize iki gitekerezo cy'uko Minisiteri ifite umuco mu nshingano igomba gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame nk'umuti wo kurwanya ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro bavuga ko umwera uturutse i bukuru bucya wakwiriye hose, bityo aya mabwiriza yazafasha kurinda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru; aho n'abayobozib'ibitangazamakuru babonaga ko ariko bigomba kugenda batangira gushaka uko banoza imikoreshereze y'Ikinyarwanda.

Ibi kandi abakeshwamakuru babigarukaho bagaragaza ko aya mabwiriza agiyeho yatuma n'abanyamakuru baharanira kwita ku Kinyarwanda ndetse n'abandi bashaka gukoresha itangazamakuru mu konona Ikinyarwanda bakaba bakomwe mu nkokora n'ayo mabwiriza. Ibi kandi byazaca wa muco w'abatumirwa mu biganiro basanzwe bakoresha Ikinyarwanda bagera mu itangazamakuru bagashaka konona Ikinyarwanda bakivangira n'aho bitari ngombwa.

### 4.4.6 Gushyiraho ibwiriza ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru

**Imbonerahamwe 16: Uko abakeshwamakuru babona umuti wo gushyiraho ibwiriza ryo kurinda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru**

| Abakeshwamakuru | Ingano | Ibisubizo | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Abayemeje | % | Abatarayivuze | % |
| **Abayobozi** | 2 | 2 | 100 | 0 | 0 |
| **Abanyamakuru** | 8 | 5 | 62.5 | 3 | 37.5 |
| **Abanyeshuri** | 20 | 15 | 75 | 5 | 25 |
| **Abaturage** | 20 | 15 | 75 | 5 | 25 |

Isoko: Imbonwa z'ubushakashatsi, 2022

Ibyavuye mu bushakashatsi biragaragaza ko abayobozi ba porogaramu 2 bangana na 100% bavuga ko gushyiraho ibwiriza ririnda ubusugire

bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru byaca ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Mu gihe abanyamakuru 5 bangana na 62.5 nabo bagaragaje ko iri bwiriza ryaca ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Abanyamakuru 3 bangana na 37.5 by'ababajijwe ntacyo bavuze kuri uyu muti.

Ku rundi ruhande, abanyeshuri 15 bangana na 75% by'ababajijwe bagaragaje ko gushyiraho ibwiriza ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda byazaca ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Mu gihe abanyeshuri 5 bangana na 25% by'ababajijwe ntacyo bavuze kuri uyu muti.

Muri ubu bushakashatsi kandi, abaturage basanzwe 15 bangana na 75% by'ababajijwe bemeje ko gushyiraho ibwiriza ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru byaca ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, mu gihe abaturage basanzwe 5 bangana na 25% by'ababajijwe batagize icyo bavuga kuri uyu muti.

Muri rusange rero, abakeshwamakuru bahurije kuri uyu muti bagaragaje ko iri bwiriza ariryo muti w'ibanze mu rwego rwo guhashya ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Abenshi bavugaga ko abanyamakuru batinya konono Ikinyarwanda igihe bavuga bigatuma kandi n'abakoresha babo bagira umurongo ngenderwaho ushyira mu bikorwa ibiteganywa na ririya tegeko.

Ku rundi ruhande kandi, ubushakashatsi bwakozwe na Niyomugabo afatanyije na Twilingitimana (twabavuzeho), bo bagaragaza imiti yafasha guhashya

ikibazo cy'ivangandimi mu bitangazamakuru muri ubu buryo: bahereye ku kifuzo cy'uko abanyamakuru bajya bakora akazi bigiye bifite 63%, bataho kugenera abanyamakuru amahugurwa n'inyigisho mu mikoreshereze y'ikinyarwanda cy'umwimerere bifite 61%, gushyiraho uburyo bwo gushakira hamwe amuga muri buri gitangazamakuru bifite 39% no gushakira abanyamakuru amuga y'ikinyarwanda mu by'itangazamakuru bifite 39%.

### 4.5 Umwanzuro

Uyu mutwe wa kane wabashije gushyira ahagaragara imbonwa z'ubu bushakashatsi no kuzisengura. Imbonwa z'ubu bushakashatsi zabonetse hagendewe ku ntego n'ibibazo by'ubu bushakashatsi bishingiye ahanini ku kugaragaza impamvu, ingaruka n'umuti by'ihushanoza ry'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro byo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda

Imbonwa z'ubu bushakashatsi zavuye mu bayobozi babiri ba pororgaramu bakorera RBA , abanyamakuru 8 bakora ibiganiro by'imyidagaduro muri RBA, abanyeshuri 20 biga itangazamakuru muri Kaminuza y'u Rwanda (UR) n'abaturage 20 basanzwe bakurikira ibiganiro by'imyidagaduro; bose hamwe bangana na'abakeshwamakuru 50. Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru ry'uyu murimo byakozwe hagendewe ku bibazo by'ubu bushakashatsi. Uburyo bwo kugera ku makuru yasesenguwe bwari uburyo bushingiye ku ibaza rishingiye ku rutonde rw'ibibazo ndetse n'uburyo bw'iganirabaza. Muri ubu bushakashatsi kandi hitawe ku bwoko bw'ibibazo bifunze ku ruhande rumwe ndetse n'ubw'ibibazo bifunguye. Uburyo bwifashishijwe mu gusesengura amakuru y'ubu bushakashatsi muri uyu mutwe wa kane n'uburyo bwakomatanyije isesenguramimirere n'iseesengura nyamubaro.

# UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE

## 5.1 Intangiriro

Uyu mutwe wa gatanu ari na wo mutwe usoza umurimo w'ubushakashatsi bufite umutwe wiswe: "ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA" uribanda ku bice bine by'ingenzi bikurikira: inshamake y'ubushakashatsi, ibyagezweho mu bushakashatsi, ibyifuzo by'umushakashatsi n'umwanzuro.

## 5.2 Ibyagezweho mu bushakashatsi

Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi yari ukugaragaza no gusesengura ibibazo by'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Ubu bushakashatsi bwakorewe mu Mujyi wa Kigali ahabajijwe by'umwihariko abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro mu Kigo k'Igihugu k'Itangazamakuru (RBA) ndetse n'abaturage basanzwe bakurikirana ibiganiro by'imyidagaduro. Ubushakashatsi kandi bwakorewe no mu Ntara y'Amajyepfo ahabajijwe abanyeshuri biga muri Kaminuza y'u Rwanda (UR); mu Ishuri ry'Itangazamakuru n'Itumanaho (SJC). Muri iyi ntara kandi habajijwe bamwe mu baturage basanzwe bakurikirana ibiganiro bya RBA ariko by'umwihariko ibiganiro by'imyidagaduro.

Kugira ngo intego nyamukuru z'ubu bushakashatsi zigerweho; uyu murimo wihaye intego eshatu zihariye arizo: Kugaragaza impamvu itangazamakuru

ry’imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n’ihushanoza; kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by’imyidagaduro mu Rwanda; gushyira ahagaragara ingamba zafatwa mu rwego rwo gisigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda.

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi ni umusaruro w’amakuru yaturutse mu bakeshwamamakuru 50 hamwe n’ibyasomwe bifitanye isano n’ubu bushakashatsi. Imbonwa z’ubu bushakashatsi zabonetse hifashishijwe uburyo bw’iganirabaza n’urutonde rw’ibibazo. Isesenguramakuru ry’ubu bushakashatsi ryakozwe ryisunze intego zabwo zihariye maze rikoresha uburyo rukomatanyo mu isesenguramakuru hashingiwe ku mumaro w’ubushakashatsi nyamubaro n’ubushakashatsi nyamimerere impamvu y’iri hitamo ryagendeye ku kerekezo cya Mukama na Nkusi (bavuzweho) aho bagaragaza umumaro w’ubushakashatsi rukomatanyo: “Ibi rero bifite akamaro kuko bituma haba ubwuzuzanye mu bigaragazwa n’ubushakashatsi nyamubaro na nyamimerere. Ubwo bushakashatsi bushobora kandi gutuma ikigwa bagicengera ku buryo bwimbitse. Byongeye bushobora gutuma abanyakuri mpame bakorana kandi buzuzanya n’ababandasobanura”.

Ubu bushakashatsi kandi bwagendeye ku mahame ngengamyitwarire y’ubushakashatsi bwa gihanga, bunayoborwa n’amahange nyobozi abiri ariyo: ihange ry’ubwumvane n’ihange ry’isasu ry’amayobera. Aya mahange yafashije ubushakashatsi gutera imbere mu rwego rw’isesenguramakuru kuko yaduhaye ikerekezo nyakuri cyo kubasha gusesengura neza impamvu mu Rwanda itangazamakuru ry’imyidagaduro ryibasiwe n’ihushanoza, adufasha kandi gutahura neza ingaruka n’umuti by’ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda by’umwihariko mu bitangazamakuru bya RBA.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko inkeko z'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda zihura n'ibyavuye mu bushakashatsi**.** Nkuko uyu murimo ubigaragaza; ubu bushakashatsi bwakozwe hagamijwe kugaragaza no gusesengura ibibazo by'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Muri rusange rero, turemeza ko ubu bushakashatsi bwageze ku ntego zabwo.

Intego ya mbere yihariye y'ubu bushakashatsi yagombaga kugaragaza impamvu itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza; iyi ntego yari yubakiye ku kibazo cy'ubushakashatsi kibaza ngo: Ni izihe mpamvu zaba zitera ihushanoza mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda?

Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko hari impamvu zitandukanye, itangazamakuru ry'imyidagaduro mu Rwanda ryibasiwe n'ihushanoza. Impamvu ubu bushakashatsi bwashyize ahagaragara zitera ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda by'umwihariko mu biganiro by'imyidagaduro ni izi zikurikira: Kutiga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze mu mashuri yisumbuye ku banyamakuru benshi bo mu biganiro by'imyidagaduro bo mu Rwanda; kutiga itangazamakuru muri Kaminuza kw'abanyamakuru benshi bo mu biganiro by'imyidagaduro; kutagira umukozi ushinzwe kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro mu bitangazamakuru byo mu Rwanda; imyigishirize y'Ikinyarwanda iri ku rwego rwo hasi muri kaminuza no mu mashuri makuru; kuba abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro mu Kinyarwanda badakora ikizamini cyo kuvuga mu Kinyarwanda gusa; uburyo abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro bahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye; uburyo abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda imvugo zikoreshwa muri ibyo biganiro; uburyo abanyamakuru

bakunda uruzungu ntibahe agaciro Ikinyarwanda no kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi b'ibitangazamakuru.

Intego ya kabiri yihariye y'ubu bushakashatsi yagombaga kugaragaza ingaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda. Muri ubu bushakashatsi, iyi ntego yari yubakiye ku kibazo cy'ubushakashatsi cyabazaga ngo: Ni izihe ngaruka ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda?

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko mu kuri hari ingaruka zitandukanye ziterwa no gukoresha abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda mu bitangazamakuru by'imyidagaduro mu Rwanda. Ingaruka zashyizwe ahagaragara n'abakeshwamakuru b'ubu bushakashatsi ni izi zikurikira: Kuzimira kw'amagambo amwe n'amwe y'Ikinyarwanda, gupfa k'ururimi rw'Ikinyarwanda**,** gutuma urubyiruko rutagira umuhate wo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye no gutesha agaciro Ikinyarwanda ku buryo hazagera igihe, ababyiruka ntibagikunde.

Intego ya gatatu yihariye y'ubu bushakashatsi yagombaga gushyira ahagaragara ingamba zafatwa mu rwego rwo gusigasira Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Muri ubu bushakashatsi, iyi ntego yari yubakiye ku kibazo cy'ubushakashatsi kibaza ngo: Ni izihe ngamba zafatwa mu rwego rwo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda?

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hari ingamba zitandukanye zafatwa kugira ngo hasigasirwe Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Ingamba ubu bushakashatsi bwagaragaje ni izi zikurikira: Kwita ku bumenyi

bw'Ikinyarwanda kiboneye igihe cyo gutanga akazi ku munyamakuru w'ibiganiro bizakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda, kuvugurura imyigire y'Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru hagamijwe guha Ikinyarwanda umwanya ukwiye, guha agaciro isomo ry'Ikinyarwanda n'Ikinyarwanda muri rusange mu burezi bwo mu Rwanda, abayobozi b'ibitangazamakuru gushyiraho umurongo ngenderwaho wo gusigasira imikoreshereze y'Ikinyarwanda, Minisiteri ifite umuco mu nshingano gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame no gushyiraho itegeko ririnda ubusugire bw'Ikinyarwanda mu itangazamakuru.

### 5.3 Inama n'ibyifuzo by'umushakashatsi

Dutekereza gukora kuri uyu murimo, twari dufite intego nyamukuru yo kugaragaza no gusesengura ibibazo by'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda. Nyuma yo kwinjira mu bushakashatsi no kubona amakuru ahagije yashingirwaho mu rwego rwo kwerekana ikibazo Ikinyarwanda gifite mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, by'umwihariko mu biganiro by'imyidagaduro; tumaze kubona neza ko ihushanoza ryafashe indi ntera mu kwica imvugo iboneye ndetse no kuba itangazamakuru ritiza umurindi mu konona Ikinyarwanda; ibyo ubwabyo bikaba bifite ingaruka mbi ku iterambere ry'Ikinyarwanda mu Banyarwanda.

Tumaze kubona ko impamvu z'ihushanoza ari impamvu zakumirwa habaye hafashwe ingamba zifatika kugira ngo imikoreshereze y'ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda ihagarikwe; tumaze kubona kandi ko hatagize igikorwa mu maguru mashya Ikinyarwanda cyazazimirira mu ndimi mvamahanga cyangwa kikisanga ari ururimi rudafite ikerekezo ibintu ahanini biganisha ururimi mu izimira ryarwo; twifuje gutanga inama n'ibyifuzo

byafasha guhashya ndetse no guca imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda by'umwihariko mu biganiro by'imyidagaduro.

Inama zacu n'ibyifuzo bikaba byerekeza ku buyobozi bufite mu nshingano guteza imbere Ikinyarwanda, ku bigo bifite mu nshingano guteza imbere Ikinyarwanda, ku buyobozi bw'ibigo by''itangazamakuru bikoresha Ikinyarwanda mu biganiro by'imyidagaduro, ku banyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro no ku mashuri makuru na Kaminuza byigisha itangazamakuru mu Rwanda.

### 5.3.1 Ibyifuzo n'inama kuri Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo

Minisiteri ifite mu nshingano umuco (MYCULTURE) ni na yo mu by'ukuri ishinzwe ubusugire bw'Ikinyarwanda bityo tukaba tujya inama ko yafata iya mbere mu gukebura abakoresha Ikinyarwanda mu buryo budakwiye. Ibi ikabikora ishyiraho itegeko ririnda imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame cyane cyane mu biganiro bica ku ma radiyo na tereviziyo mu Rwanda. Iri tegeko tukifuza ko ryakorwa mu buryo abafite ibitangazamakuru babona ikerekezo gishya igihe bashyira mu myanya abanyamakuru bakoresha Ikinyarwanda, ndetse rikababafasha buri gihe guhora batekereza ku mukozi ukurikiranira hafi ikoreshwa ry'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru bayoboye; bityo utitwaye neza agacyahwa cyangwa akanafatirwa ibihano mu rwego rw'akazi.

Iri tegeko ryafasha kandi n'ushaka gukora umwuga w'itangazamakuru kubaha ururimi rw'Ikinyarwanda kuko yaba azi neza ko Ikinyarwanda gifite itegeko

rikirengera igihe cyangijwe nkana; bityo amakosa aterwa no kutagira gikurikirana na kirengera akaba agiye ku ruhande.

Iri tegeko kandi ryafasha n'abatumirwa mu biganiro kujya bitwararika kuko igihe kinini batwara Ikinyarwanda uko bashatse bitewe n'uko buri wese yumva ntacyo bitwaye kuvuga uko ashaka Ikinyarwanda mu ruhame; bityo umunyamakuru akajya atumira umutumirwa azi neza ko azi Ikinyarwanda neza yaba atakizi agahabwa amahirwe yo gukoresha ururimi yisangamo. Ibi kandi bizafasha n'abanyamakuru batazi Ikinyarwanda neza kutavogera Ikinyarwanda ahubwo bakimurira ibiganiro byabo mu ndimi bisangamo.

### 5.3.2 Ibyifuzo n'inama kuri Minisiteri ifite amashuri abanza mu nshingano

Mu kuri hakomeje kuvugwa cyane uburyo Ikinyarwanda kigomba guhabwa umwanya mu myigire y'Umunyarwanda w'ejo hazaza. Mu bushishozi bwacu dusanga kwigisha indimi zitandukanye mu Rwanda bifite agaciro gakomeye ku iterambere ry'u Rwanda, ariko dusanga hagenwe politiki ihamye y'imyigire y'indimi mvamahanga n'Ikinyarwanda mu mashuri abanza; ahagenwa umwanya w'ibanze ku Kinyarwanwa, izindi ndimi zikaza gufasha umunyarwanda gutera imbere no gusobanukirwa kurushaho imico n'iterambere by'ahandi kandi dukeneye, byafasha cyane umunyeshuri wiga ndestse n'Ikinyarwanda kigakomeza kubungwabungwa mu benegihugu.

Nkuko bamwe mu bakeshwamakuru bacu babikomojeho, hari amashuri menshi yo mu Rwanda yashyize imbere imikoreshereze y'indimi mvamahanga ku buryo kuvuga Ikinyarwanda biba ari ikosa. Ibi nabyo tukajya inama y'uko

byacika kugira ngo wa mwana akomeze ahabwe urubuga rugari rwo gukoresha Ikinyarwanda. Uwiga wese tukaba twifuza ko yahabwa amahirwe yo guhitamo ururimi akoresha igihe yumva ko ari rwo yifuza gukoresha mu bandi.

Dusanga kandi byaba ari iby'agaciro gakomeye cyane Ikinyarwanda gihawe umwanya mu mashuri abanza kikigishwa mu masomo yose kuko byagaragaye ko umunyeshuri wo mu rwego rw'amashuri abanza yumva neza amasomo atanzwe mu rurimi rwe kavukire kurusha uko yayakurikira mu ndimi mvamahanga. Nkuko bizwi kandi ururimi rukoreshwa mu myigishirize y'umwana rugira uruhare rukomeye mu guha umwana ibyo yiga mu buryo bworoshye cyangwa se rukaba impamvu yo kumuvutsa ayo mahirwe ku buryo duhamya ko umwana wize mu rurimi yisanzuyemo arusha amahirwe yo kumva neza amasomo wa wundi wiga mu ndimi atamenyereye. Ibi bikaba byagarutsweho na Nelson Mandela wakomojweho na Tucker (2003) aho yavuze ati: "Iyo uvuze mu rurimi yumva, uba ubwira umutwe. Iyo ukoresha ururimi rwe kavukire uba ubwira umutima we"

Ibi byazafasha n'abanyeshuri bamwe bagana amashuri y'itangazamakuru kugira aho bahera dore ko byagaragaye ko hari abiga itangazamakuru batarigeze biga Ikinyarwanda. Bikaba byanafasha mu rwego rwo kugabanya amwe mu makosa akorwa n'abanyamakuru aterwa n'uko batigeze biga Ikinyarwanda bakiri bato cyangwa ngo bagire aho bagikoresha mu buto bwabo.

Mu rwego rwo kuzahura imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri y'Itangazamakuru twifuje ko Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye (MINEDUC) ibinyujije mu Nama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC) byakora ubugenzuzi ku myigishirize y'Indimi mu mashuri y'itangazamakuru

mu Rwanda kugira ngo ibone aho ihera ishyiraho umurongo ngenderwaho hagamije kuvugurura imyigishirize y'indimi muri ayo mashuri muri rusange no guha umunyeshuri urubuga rwo kwiga indimi azakoresha mu buryo buboneye aho twifuza ko Ikinyarwanda cyahabwa agaciro kandi porogaramu yacyo ikazahurwa hagamije kubaka umunyamakuru w'ejo hazaza ukoresha Ikinyarwanda kiboneye.

Kubera kandi ibibazo byagaragajwe n'abakeshwamakuru muri ubu bushakashatsi bijyanye n'ingorane ziterwa no kwiga mu ishuri ry'itangazamakuru; umunyeshuri atarize indimi, twifuje ko mu gihe cyo guha imyanya abanyeshuri biga itangazamakuru mu mashuri makuru na kaminuza; hajya hatoranywa abanyeshuri bize mu mashami y'indimi kandi bakaba baragize amanota meza muri ayo mashami bityo, bigafasha imigendekere myiza y'amasomo y'indimi by'umwihariko Ikinyarwanda mu mashuri yigisha itangazamakuru.

### 5.3.3 Ibyifuzo byacu ku Nteko y'Umuco

Inteko y'umuco (RCHA) nka kimwe mu bigo bifite mu nshingano zacyo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco w'u Rwanda n'indangagaciro zawo; twifuza ko yashyira cyane ingufu ku nshingano yihaye yo gukora ibikorwa by'ubukangurambaga ku kuvuga neza Ikinyarwanda no gukwirakwiza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda binyuze mu miyoboro itandukanye yitumanaho irimo radiyo, tereviziyo n'itangazamakuru ryanditse. Ibi tukumva byakorwa byunganira rya tegeko ryavuzweho hagamije gufasha itangazamakuru guhindura imyumvire n'ikerekezo ryihaye ku Kinyarwanda.

Inteko y'umuco, twifuza ko yagira umukozi ushinzwe by'umwihariko imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru binyuranye, umukozi wajya unafasha iyubahirizwa rya rya tegeko ndetse na gahunda y'ubukangurambaga ku mikoreshereze iboneye y'Ikinyarwanda. Uyu mukozi kandi mu mikorere ye ya buri gihe tukifuza ko yahabwa ubushobozi bwo kwihanangiriza no gusabira ibihano umunyamakuru wica nkana Ikinyarwanda.

Inteko y'umuco muri iki kerekezo cyo kubungabunga Ikinyarwanda twifuza ko ku bufatanye na Minisiteri y'umuco byashyiraho uburyo buhoraho abanyamakuru babonamo amahugurwa y'igihe gito afasha abanyamakuru bo mu ishami ry'Ikinyarwanda kunoza imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame. Aya mahugurwa akajya aba mu bihembwe ku buryo byajya bifasha abayakurikira guhozaho bityo bakazagera ku rwego rwifuzwa mu gihe runaka bakanabiherwa ikemezo cyangwa impamyabumenyi.

Inteko kandi mu gukomeza intego yo kubungabunga ikoreshwa ry'Ikinyarwanda, twifuza ko yashyiraho ibihembo bitandukanye ku banyamakuru babasha gukoresha Ikinyarwanda neza bityo bikaba byatera n'abandi umuhate n'ubushake bwo gukoresha Ikinyarwanda kiboneye igihe bari mu kiganiro. Ibihembo kandi bikazamuka bikajya bigenerwa n'igitangazamakuru cyahize ibindi kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu itangazamakuru.

### 5.3.4 Ibyifuzo n'inama kuri ba nyir'ibitangazamakuru byo mu Rwanda

Urugamba rwo kubungabunga Ikinyarwanda mu bitangazamakuru ruzafashwa n'ubushake ndetse no guhindura imyumvire kwa ba nyir'ibitangazamakuru n'abayobozi b'ibitangazamakuru. Twifuza ko ba nyir'ibitangazamakuru bafata

iya mbere mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyubahirizwa ry'imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye mu bitangazamakuru byabo.

Twifuza ko ibitangazamakuru byajya biha akazi k'ubunyamakuru mu ishami ry'Ikinyarwanda, umukozi wakoze ibizami mu rurimi rw'Ikinyarwanda kandi akabitsinda. Ba nyir'ibitangazamakuru bagafasha guca ikoreshwa ry'abanyamakuru batazi Ikinyarwanda cyangwa batakenetse Ikinyarwanda mu biganiro by'Ikinyarwanda cyane cyane ibiganiro by'imyidagaduro dore ko aribyo byagaragaje cyane gukoresha abakozi batazi Ikinyarwanda, bavuga uburimi, cyangwa se bakivuga mu mvugo itaboneye ku bwende.

Twifuza gutanga inama y'uko abayobozi b'ibitangazamakuru bagomba gushyira gahunda ifasha kubahiriza imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byabo; Ikinyarwanda kikubahwa kimwe n'indimi mvamahanga, nkuko bitemewe gukora amakosa mu ndimi z'amahanga n'Ikinyarwanda bikaba uko. Ibiganiro by'Ikinyarwanda bikagenerwa umukozi ushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye mu itangazamakuru. Uyu mukozi akaba ari na we ufasha guhwitura abakoresha imvugo idahwitse, n'abandi bakora amakosa y'imivugire mu Kinyarwanda.

### 5.3.5 Ibyifuzo n'inama ku banyamakuru bakora ibiganiro by'imyidagaduro

Abanyamakuru b'ibiganiro by'imyidagaduro turifuza ko baba aba mbere bita ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye, bagashishikazwa no gukoresha Ikinyarwanda kiboneye kabone n'ubwo ababakurikira baba badakunda

Ikinyarwanda kiboneye cyangwa ntibite ku buryo bica Ikinyarwanda mu mvugo zabo. Aba banyamakuru twifuza ko bakwihatira kwiga imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu ruhame dore ko uburyo umunyamakuru ashyushya ikiganiro mu rurimi rumwe ari na ko yabikora mu rundi rurimi, apfa kuba aruzi neza. Abanyamakuru bagomba guhitamo gukora ibiganiro mu rurimi bakenetse kurusha uko bifuza gukora ibiganiro mu Kinyarwanda batazi neza bityo ikiganiro kiri mu Kinyarwanda kikaba umwihariko k'umuntu wakenetse Ikinyarwanda.

Abanyamakuru twifuza ko bamenya ko uko bica Ikinyarwanda mu itangazamakuru ari na ko abababakurikira bihatira gukurikiza imvugo ya bo kuko baba babafata nk'abantu b'ikitegererezo, bagahora bazirikana ko ubunyamakuru ari ishuri rubanda yigiramo amasomo anyuranye y'ubuzima n'imikoreshereze y'Ikinyarwanda kiboneye Ikinyarwanda kirimo, mu gihe umunyamakuru aba ari we mwarimu w'urwo rubumbambaga, bityo kwita ku mvugo nyayo y'abenerurimi bikaba intego kuri buri munyamakuru.

### 5.3.6 Ibyifuzo n'inama ku mashuri yigisha itangazamakuru

Amashuri yigisha itangazamakuru muri kaminuza no mu mashuri makuru agomba kwihatira gukora porogaramu nshya yashyikirizwa Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC); aha tukaba twifuza ko aya mashuri yashyira imbere imyigishirize ikwiye y'indimi hagamijwe gufasha abanyeshuri gukoresha indimi zinyuranye mu itangazamakuru. Tukifuza kandi nanone ko Ikinyarwanda cyahabwa umwanya uhagije kuva mu mwaka wa mbere wa Kaminuza mu mashuri yigisha itangazamakuru kugeza mu mwaka usoza

ndetse no mu imenyerezakazi, abanyeshuri bakajya bakurikiranwa n'abarimu b'indimi, kugira ngo bite ku mikoreshereze y'indimi mu itangazamakuru.

Aya mashuri makuru na Kaminuza yigisha itangazamakuru twifuza ko yajya yakira abanyeshuri bize indimi mu mashuri yisumbuye kugira ngo birinde aabasaba kwiga itangazamakuru kandi badashobora gukoresha neza indimi kuko batazize. Ibi bikazafasha imyigire ihamye y'indimi muri ayo mashuri by'umwihariko ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 5.4 Umwanzuro

Muri ubu bushakashatsi twabonye ko hari impamvu nyinshi, zitera ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda, tubona ko hari ingaruka zitandukanye iri hushanozamvugo ritera ndetse ubushakashatsi bugaragaza n'ingamba zafawa mu rwego rwo guhashya ihushanoza mu itangazamakuru ryo mu Rwanda. Twasanze kandi koko impamvu, ingaruka n'ingamba byagaragajwe n'abakeshwamakuru zishimangira izari mu nkeko zacu mbere yo gutangira ubu bushakashatsi. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi byahamije inkeko zacu twari dufite dutangira ubu bushakashatsi.

# INDANGASOKO

Babbie, E. (1999). *The Basics of Social Research.* Wadsworth: Belmont.

Bizimana, S., & et, a. (1998). *Imiterere y'ikinyarwanda.* Butare: IRST.

Goods, G. V. (1966). *Essentials of Educational Research.* New York : Murdith Publication Co.

Guverinoma y'u Rwanda. (2017). *Imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 15 yo ku wa 18 na 19 Ukuboza 2017.* Kigali: Primature.

Habyarimana, H. (2017). *An Analysis of the Socio-Pragmatic Motivations for Code-Switching In Rwanda (MA Thesis).* Pretoria: University of South Africa.

Hakorimana, J. P. ((2003)). *Etude Sociolinguistique de l'Alternance de Codes chez les Militaires des Forces Rwandaises de Défense.* Butare: UNR.

Iyakare, E. (2007). *Akamaro k'Imiziro y'Ururimi mu Kwigisha Inyunguramagambo y'Ikinyarwanda mu Kiciro cya Mbere cy'Amashuri Yisumbuye.* Huye: Kaminuza y'u Rwanda.

Kalinda, V. (1989). *Rwanyeganyeze.* Kigali: ORINFOR.

Kamanzi, T. (2007). *Uruhare rw'umuco mu kubaka umuryango nyarwanda.* Butare: Editions de l'Université Nationale du Rwanda.

Kanimba, S. (2007). *La Problematique de la Liberté de la Presse au Rwanda.* Huye: UNR.

Karani, J. B. (1979). *Contribution à l'étude des langues en contact: Rwandisation et Langue Administrative. Exemples du Journal Officiel .* Butare: UNR.

Karekezi, E. (1989). *Code-Switching among Kinyarwanda-English Bilingual Social Groups in Rwanda: A Sociolinguistique Perspective.* Ruhengeri: NUR.

Kothari, C. R. (2004). *Research Methodology: Methods and Techniques.* New Dehli: New Age International Publishers.

Massamba, D. P. (2004). *Kamusi ya Isimu na Falsafa ya Lugha.* Dar es Salam: Taasisi ya Uchunguzi wa Kiswahili.

Mukama, E., & Nkusi, L. (2019). Iriburiro: Imizi y'Ubushakashatsi. In E. Mukama, & L. Nkusi, *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu* (pp. 1-13). Cape Town: African Minds.

Munyakazi, L. (1992). Amabango y'Ikinyarwanda atanaze. *Etudes Rwandaises , Volume 2*, p.233-246.

Munyazikwiye, M. (2003). *A Sociolinguistic Analysis of Code-Switching in Some Kinyarwanda Political Speeches.* Butare: NUR.

Ndikumwami, J. D. (1998). *The Influence of English in the Rwandan Military Speech Community: A Sociolinguistic Approach.* Butare: NUR.

Ngarambe, T., Mulindahabi, C., & Mukama, E. (2019). Iyoboramikorere: Ikusanyamakuru n'Isesenguramakuru. In E. Mukama, & L. Nkusi, *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu* (pp. 102-123). Cap Town: African Minds.

Niyirora, F. (2010). *Imyandikire y'Ikinyarwanda mu Itangazamakuru* . Kigali: KIE.

Niyomugabo, C., & Twilingiyimana, C. (2012). *Imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu Bitangazamakuru byo mu Rwanda. Kigali.* Kigali.

Niyonsenga, E. (2019). *The Impacts of Code Switching on the Process of Interpreting: The Case Study of Religious Preachers (BA dissertation).* Huye: University of Rwanda.

Nkejabahizi, J. C. (2018). *Isesenguranyandiko n'Ijoranyandiko mu Kinyarwanda.* Butare: Eds of University of Rwanda.

Ntaganira, H. (1987). *Imikoreshereze y'Ikinyarwanda mu Nzego Nkuru za Leta.* Ruhengeri: UNR.

Ntakirutimana, E., Mukama, E., & Niyibizi, E. (2018). Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu. In E. Mukama, & L. Nkusi, *Ubushakashatsi, Ururimi n'Uburezi* (pp. 17-18). Cape Town: African Minds.

Ruterana, P. C. (2019). Amahame Ngengamyitwarire mu Bushakashatsi. In E. Mukama, & L. Nkusi, *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu* (pp. 62-72). Cape Town : African Minds.

Saleh, A. A. (2016). *Changamoto za Kutumia Istilahi Mbili kwa Dhana Moja Katika Kufundisha Isimu na Fasihi Shule za Sekondari:Mifano Kutoka Mkowa wa Kusini- Pemba OPen University of Tanzania.* Tanzania. Dar es Salam: OPen University of Tanzania.

Sekamana, A.-K. (2021). Uruhare rw'Ubwanditsi mu Rubyiruko no Gukungahaza Ikinyarwanda. In RCHG, *Umurage* (pp. 161-181). Kigali: Inteko y'Umuco.

TUKI. (2004). *Kamusi ya Kiswahili Sanifu.* Nairobi: Oxford University Press.

Twizeyimana, T. (2021). *Impact of Code Switching on the Quality of Interpreting: The Case of Rwandan Parliament.* Huye: University of Rwanda.

UNESCO. (2008). *La langue maternelle, a compte ! La langue locale, clé d'un apprentissage efficace.* Paris: Unesco.

Wardhaugh, R. (2006). *An introduction to Sociolinguistics* (fifth ed.). Oxford: Blackwel.

Yin, R. K. (1994). *Case Study Research Design and Methods: Applied Social Research and Methods Series* (2 ed.). Thousand Oaks: Sage Publications Inc.

Yuen, C. R. (1970). *Language et systèmes symboliques.* Paris: Payot.

# IMIGEREKA

## UMUGEREKA WA 1

### AMUGA YAKORESHEJWE

Amahange: Theories

Ihitamo rishingiye ku mpamvu: Purposive sampling

Ihushanoza: Hypocorrection

Ikiganiro nyobora: Interview

Imbonwa: Data

Inkeko: Hypothesis

Inozamvugo: Elocution/ Eloquence

Itsinda nkeshwamakuru: Target population

Ivangandimi: Code mixing Literature review: Isesengura ry'ibyanditswe mbere

Nyamimerere: Qualitative research

Nyamubaro: Quantitative research

Rishingíye ku guhítamó: Non-probability samples

Rukomatanyo: Mixte Method

Ubushaakashatsi: Research

Ubwumvane: Communication

Ugutoranya (itsinda nkeshwamakuru): Sampling

**UMUGEREKA WA 2**

UNIVERSITY of RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

Itariki………………………

Bwana/Madamu/Madamazera……………………………………..

Nitwa SEKAMANA Abdoul-khaliq; ndi umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda Koreji y'Uburezi mu kiciro cya gatatu cya Kaminuza mu kwigisha Ikinyarwanda. Ndi gukora ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko igira iti: "**Ihushanozamvugo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA"**

Ubu bushakashashatsi bugamije guhesha agaciro Ikinyarwanda mu itangazamakuru ryo mu Rwanda hashingiwe ku kugaragaza ibyashingirwaho kugirango haboneke umunyamakuru w'umwuga kandi wakenetse

Ikinyarwanda kuko nkuko tubizi ururimi rukoreshejwe neza benerwo barwungukiramo kandi n’ururimi ubwarwo rugakungahara.

Mwatoranyijwe nk’abantu tubona ko mwadufasha gutanga ibitekerezo ku bibazo byateguwe kuri ubu bushakashatsi. Ibitekerezo byanyu ni ingirakamaro kandi bizafasha kunoza imyigire n’imyigishirize y’izina ntera mu mashuri yisumbuye.

Ndabasaba kumfasha mugasubiza ibibazo nabajije ku nshoza y’izina ntera. Igisubizo icyo ari cyo cyose kizakirwa. Musabwa gutanga ibitekerezo byanyu uko mubishaka. Ibisubizo mwatanze bizaguma ari ibanga, nta hantu na hamwe tuzagaragaza umwirondoro wanyu. Ibisubizo bizakoreshwa muri ubu bushakashatsi gusa. Nta nkurikizi ku bisubizo mwatanze.

Nimwuzuza iyi nyandiko, muraba mwemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi. Mwemerewe kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose mwumva bibaye ngombwa.

Nishimiye ubufatanye bwanyu muri ubu bushakashatsi.

Murakoze.

## UMUGEREKA WA 3

**IBIBAZO BIGENEWE ABANYESHURI BIGA MU MWAKA WA GATATU W'ITANGAZAMAKURU**

**Umwirondoro w'utanga amakuru**

**Ikigo wigaho: ………………………………….**

**Umwaka wigamo: …………………………….**

**Imyaka ufite……………………………………**

**Itariki ubarijweho:…………………………….**

1. Mu mashuri yisumbuye, waba warize mu ishami ryigisha Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze? (yego cyangwa oya)

….………………………………………….

2. Muri Kaminuza se ubona uko wize Ikinyarwanda byafasha umunyeshuri wiga itangazamakuru kuzavuga Ikinyaranda kiboneye kuri radiyo na tereviziyo? (yego cyangwa oya)

….……………………………………….

3. Niba igisubizo ku kibazo cya gatatu ari oya, wumva hakorwa iki kugira ngo umunyeshuri wiga itangazamakuru azasoze Kaminuza ari intyoza mu Kinyarwanda

….……………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………………

4. Iyo wumva umunyamakuru avuga imvugo itaboneye mu Kinyarwanda kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo wumva nta ngaruka bigira ku Kinyarwanda? (yego cyangwa oya)

..……………………………….

5. Niba igisubizo ari yego, watubwira zimwe mu ngaruka zazava mu kugira abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda, bakora mu biganiro by'Ikinyarwanda

….………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………

6. Ni iki utekereza cyaca iki kibazo cyo kutaboneza imvugo mu biganiro by'imyidagaduro bikorwa mu Kinyarwanda.

….………………………………………………………………………
….………………………………………………………………………
….………………………………………………………………………

Murakoze

## UMUGEREKA WA 4

## IBIBAZO BIGENEWE ABANYAMAKURU B'IKIGANIRO K'IMYIDAGADURO

**Umwirondoro w'utanga amakuru**

**Ikigo ukoramo: ……………………..**

**Ikiganiro ukora: …………………………….**

**Aho utanga ikiganiro (Radiyo cyangwa tereviziyo): ……………………………**

**Imyaka umaze ukora ikiganiro: ……………………………………**

**Ishami wize: …………………………………..**

**Itariki ubarijweho: …………………………….**

1. Mu mashuri yisumbuye, waba warize mu ishami ryigisha Ikinyarwanda nk'isomo ry'ibanze? (yego cyangwa oya)

….……………………………………………

2. Muri Kaminuza se waba warize itangazamakuru? (Yego cyangwa oya)…………………………..

3. Niba warize itangazamakuru muri kaminuza, ubona uko wize Ikinyarwanda byafasha umunyamakuru gukoresha Ikinyarwanda kiboneye kuri radiyo na tereviziyo? (yego cyangwa oya)

….………………………………………….

4. Niba igisubizo ku kibazo cya gatatu ari oya, wumva hakorwa iki kugira ngo umunyeshuri wiga itangazamakuru azasoze Kaminuza ari intyoza mu Kinyarwanda

…………………………………………………………………………………

5. Bizwi neza ko ikiganiro cyanyu gikunzwe kandi gikurikirwa n'abanyarwanda benshi. Mwatubwira umubare munini w'ababakurikira ikiciro barimo? (abana, urubyiruko, abakuze)

6. Muri izi mpamvu twashyize ahagaragara garagaza izo ubona ko ari impamvu nyakuri zitera ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro byo mu Rwanda. hanyuma ugende ugira icyo uvuga kuri buri mpamvu wagaragaje

- Uburyo umunyamakuru ahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye
- Imyigire y'Ikinyarwanda yazambye muri Kaminuza zigisha itangazamakuru
- Abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda cyane izo mvugo
- Gukunda uruzungu ntuhe agaciro Ikinyarwanda
- Kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi
- Izindi waba wumva tutashyize kuri uru rutonde:
- ….……………………………………………………
- ….…………………………………………………….

7. Ese mu ishami ryanyu hari umukozi ushinzwe by'umwihariko Ikinyarwanda ku buryo afasha kubungabunga imikoreshereze y'Ikinyarwanda? (yego cyangwa oya) Ese wumva ko uwo mukozi yaba akenewe? Niba akenewe wumva yafasha yabungabunga Ikinyarwanda ate

…..…………………………………………………………………………………
……………………………………………………………………………………….

8. Iyo umunyamakuru avuga imvugo itaboneye mu Kinyarwanda kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo wumva hari ingaruka cyangwa ikibazo byateza Ikinyarwanda? (yego cyangwa oya)

..……………………………….

9. Niba igisubizo ari yego, watubwira zimwe mu ngaruka zazava mu kugira abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda, bakora mu biganiro by'Ikinyarwanda, ndetse n'impamvu wumva zaba ari impamvu zifatika

…..…………………………………………………………………………

10. Ni iki utekereza cyaca iki kibazo cyo kutaboneza imvugo mu biganiro by'imyidagaduro bikorwa mu Kinyarwanda.

…..…………………………………………………………………………………
…………………………………………………………………………

Murakoze

## UMUGEREKA WA 5

## IBIBAZO BIZAYOBORA IKIGANIRO KIZAKORWA HAGATI Y' ABAYOBOZI BA POROGARAMU/ISHAMI RY'IKINYARWANDA

**Umwirondoro w'utanga amakuru**

**Ikigo ukoramo: ………………………………….**

**Umwanya w'akazi: …………………………….**

**Imyaka umaze ukora kuri uwo mwanya: ……………………**

**Itariki ubarijweho:…………………………….**

1. Ni iki muheraho iyo mujya kurambagiza umunyamakuru wo mu ishami ry'Ikinyarwanda by'umwihariko umunyamakuru w'imyidagaduro?

2. Ese abanyamakuru ba RBA bo mu ishami ry'ibiganiro baba bakora ikizami cyo kuvuga mu Kinyarwanda?

3. Muri izi mpamvu twashyize ahagaragara garagaza izo ubona ko ari impamvu nyakuri zitera ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro byo mu Rwanda. hanyuma ugende ugira icyo uvuga kuri buri mpamvu wagaragaje

- Uburyo umunyamakuru ahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye

- Imyigire y'Ikinyarwanda yazambye muri Kaminuza zigisha itangazamakuru
- Abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda cyane izo mvugo
- Gukunda uruzungu ntuhe agaciro Ikinyarwanda
- Kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi
- Izindi waba wumva tutashyize kuri uru rutonde:
- …………………………………………………
- ………………………………………………….

4. Iyo wumva umunyamakuru avuga imvugo itaboneye mu Kinyarwanda kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo wumva nta ngaruka bigira ku Kinyarwanda? (yego cyangwa oya)

5. Niba igisubizo ari yego, watubwira zimwe mu ngaruka zazava mu kugira abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda, bakora mu biganiro by'Ikinyarwanda

6. Ni iki utekereza cyaca iki kibazo cyo kutaboneza imvugo mu biganiro by'imyidagaduro bikorwa mu Kinyarwanda.

Murakoze

## UMUGEREKA WA 6

## IBIBAZO BIGENEWE ABANYARWANDA BASANZWE BAKURIKIRANA IBIGANIRO BY'IMYIDAGADURO KURI RBA

**Umwirondoro w'utanga amakuru**

**AHO UBARIZA:**

**Imyaka ufite……………………………………**

**Itariki ubarijweho:…………………………….**

1. Ese waba ukurikirana ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA? (yego cyangwa Oya)

…………………………………………………..

2. None se iyo ukurikirana ibiganiro by'imyidagaduro kuri Radiyo Rwanda cyangwa TVR, wumva abanyamakuru bakoresha Ikinyarwanda kiboneye? (Yego cyangwa oya?)

………………………………………………….

3. Ubaye wumva kitaboneye, ubona ku bwawe hari icyo bitwara ikiganiro? Yego cg oya?

…………………………..

7. Muri izi mpamvu twashyize ahagaragara garagaza izo ubona ko ari impamvu nyakuri zitera ihushanoza mu biganiro by'imyidagaduro byo mu Rwanda. hanyuma ugende ugira icyo uvuga kuri buri mpamvu wagaragaje

- Uburyo umunyamakuru ahabwamo akazi butita ku bumenyi bw'Ikinyarwanda kiboneye
- Imyigire y'Ikinyarwanda yazambye muri Kaminuza zigisha itangazamakuru
- Abakurikira ibiganiro by'imyidagaduro bakunda cyane izo mvugo
- Gukunda uruzungu ntuhe agaciro Ikinyarwanda
- Kuba imvugo ikoreshwa ntawe ibangamira mu bayobozi
- Izindi waba wumva tutashyize kuri uru rutonde:
- ….…………………………………………………

8. Iyo umunyamakuru avuga imvugo itaboneye mu Kinyarwanda kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo wumva hari ingaruka cyangwa ikibazo byateza Ikinyarwanda? (yego cyangwa oya)

….…………………………..

9. Niba igisubizo ari yego, watubwira zimwe mu ngaruka zazava mu kugira abanyamakuru batakenetse Ikinyarwanda, bakora mu biganiro by'Ikinyarwanda

….……………………………………………………………………………

10. Ni iki utekereza cyaca iki kibazo cyo kutaboneza imvugo mu biganiro by'imyidagaduro bikorwa mu Kinyarwanda.

- ….………………………………………………………………………

Murakoze

## UMUGEREKA WA 7

**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**

**MED/ Kinyarwanda/ UR-CE**

sekamanaa@yahoo.fr

Tel: 0788561856

Kigali, ku wa 8/03/2022

Bwana Umuyobozi w'Ubushakashatsi na Inovasiyo,

Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi

Binyujijwe:

**Mwarimu NIYOMUGABO Cyprien**

niyomugabocyprien@gmail.com

Umuyoboziw'Ubushakashatsi

Umukono: 

**Email : niyomugabocyprien@gmail.com; niyocy@yahoo.fr**

**Tel. (+250)788430759, . (+250)738430759**

Impamvu: Gusaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi

Bwana Muyobozi;

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa mbasaba ubproblemrerenganzira bwo gukusanya amakuru ku mushinga w'ubushakashatsi bwange bufite umutwe nise "**Ihushanozamvugo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA.**" Ubu bushakashatsi tukaba twarahisemo ko buzakorerwa muri Kaminuza y'u Rwanda; Ishuri ry'itangazamakuru (UR/SJC), muri RBA, mu ishuri Gatorika ry'Itangazamakuru rya Kabgayi no mu Banyarwanda basanzwe bakurikirana ibiganiro bya RBA.

Mu by'ukuri rero Bwana Muyobozi, ndi umunyeshuri wa Kaminuza y'u Rwanda, usoza amasomo ye y'ikiciro cya gatatu muri Koreji y'Uburezi (Masters of Education Kinyarwanda Education, UR/CE). Nkaba nifuza urwandiko rwa Kaminuza runyemerera gukusanya amakuru ku bushakashatsi kuko ngomba kuzarwereka abakeshwamakuru nzahitamo kugira ngo mbone amakuru nkeneye mu bushakashatsi bwange.

Mbaye mbashimiye uburyo mudahwema kutwunganira.



**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**

**Umunyeshuri uri mu bushakashatsi**

## UMUGEREKA WA 8

**SECTION A: Project Information**

<table>
<tr><td colspan="4">Project title: Imyigire n'imyigishirize y'inshoza y'izina ntera mu mashuri yisumbuye</td></tr>
<tr><td>Investigator:</td><td colspan="3">SEKAMANA Abdoul-Khaliq</td></tr>
<tr><td>Student No.</td><td colspan="3">220017837</td></tr>
<tr><td colspan="4">Co-Investigators (if applicable):</td></tr>
<tr><td colspan="4">Supervisor: Prof. Cyprien NIYOMUGABO<br><br>Co-Supervisor: Dr Valentin UWIZEYIMANA</td></tr>
<tr><td>Contact details of Investigators:</td><td>Phone<br><br>0788561856</td><td>Fax</td><td>E-mail:<br><br>sekamanaa@yahoo.fr</td></tr>
<tr><td>Degree enrolled in</td><td colspan="3">Masters of Education in Kinyarwanda Education</td></tr>
<tr><td>Project location:</td><td colspan="3">Akarere ka Huye, Akarere ka Muhanga, Akarere ka Nyarugenge</td></tr>
<tr><td>Project duration:</td><td colspan="3">Amezi Ikenda (9)</td></tr>
</table>

**SECTION B: Ethical Review Application (***To be filled by Applicant (s))*

**Please answer all of the following questions**

| 1. **Who are the research participants and how will they be recruited?** |
|---|
| Abazagira uruhare muri ubu bushakashatsi ni<br><br>➢ Abanyamakuru bo mu biganiro by'imyidagaduro bo mu ishami ry'Ikinyarwanda ba RBA<br>➢ Abayobozi ba porogaramu y'Ikinyarwanda muri RBA<br>➢ Abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu mu ishuri ry'Itangazamakuru n'itumanaho muri Kaminuza y'u Rwanda<br>➢ Abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri y'Itangazamakuru n'itumanaho muri Kaminuza y'u Rwanda na Kaminuza Gatolika ya Kabgayi<br>➢ Abanyarwanda batoranyijwe basanzwe bakurikirana ibiganiro bya RBA<br><br>Abo bose bakazatoranywa hagendewe ku bushake bw'umushakashatsi mu gihe azabona ko aribo bazamuha amakuri akeneye |
| |
| **Provide a brief summary of the project:** Ubushakashatsi bwange twabuhaye inyito "Ihushanozamvugo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, ingaruka n'umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA." Uyu mushinga watekerejwe hagendewe ku kwibaza impamvu itera ikibazo k'imivugire idahwitse y'Ikinyarwanda mu bitangazamakuru byo mu Rwanda ariko cyane cyane mu biganiro by'imyidagaduro aho usanga radiyo na tereviziyo by'igihugu (RBA) byaratoye iyo njyana. Mu gusesengura neza iki kibazo ariko, twasanze tutagomba gushingira gusa ku munyamakuru uvuga; ahubwo tugomba no gusesengura neza inzira uyu munyamakuru acamo kugira ngo azitwe umunyamakuru w'umwuga mu ishami ry'Ikinyarwanda ku gitangazamakuru icyo aricyo cyose ariko noneho by'umwihariko |

umunyamakuru mu ishami ry’Ikinyarwanda kuri radiyo na tereviziyo by’igihugu (RBA); wa munyamakuru wazafasha abamukurikira kuzamwigiraho gukoresha imvugo iboneye. Uyu mushinga watekerejwe hagamijwe kureba uko umunyamakuru ategurwa mu mashuri, uko ahabwa akazi n’ibigenderwaho kugeza ubwo agera ku rwego rwo gutangaza inkuru cyangwa gutanga ikiganiro ku gitangazamakuru cyo mu Rwanda by’umwihariko mu kigo k’igihugu cy’Itangazmakuru (RBA). Gusesengura neza izi mpamvu ni n’inzira yo kumurika ikibazo kuko uko gikomeza gukura bikomeza kugira ingaruka ku Kinyarwanda cyane cyane ku Kinyarwanda cy’urubyiruko rw’u Rwanda.

1. **Outline the research plan:**

| Nº | Activities | Months | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | May | June | Jully | Aug | Sep | Oct | Nov | Dec | |
| 1 | Gutegura imbanzirizamushinga | V | V | V | V | V | V | V | V | |
| 2 | Gusaba uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi. | | | | | | | | | |
| 3 | Gutegura ibibazo bizabazwa. | | | | | | | | | |
| 4 | Gukusanya amakuru. | | | | | | | | | |

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 5 | Gusesengura amakuru | | | | | | | | | | | | V |
| 6 | Kwandika inyandiko y'ubushakashatsi. | | | | | | | | | | | | V |
| 8 | Kumuika inyandiko. | | | | | | | | | | | | V |

2. **How will informed consent be obtained from participants?**

Umushakashatsi namara kwemererwa, azajya kureba abayobozi b'ibitangazamakuru kugira ngo abasabe uburenganzira bwo kuvugana n'abanyamakuru ndetse n'abayobozi ba porogaramu. Azajya no kureba abayobozi b'amashuri y'itangazamakuru kugira ngo bahe uburenganzira abanyeshuri bwo gutanga amakuru. Abandi bakeshwamakuru bo bazaganirizwa ku giti cyabo.

Abakeshwamakuru bazasobanurirwa impamvu y'ubushakashatsi, ndetse banasabwe kwemera ku bushake gufatanya na twe mu bushakashatsi.

3. **Provide details of procedures for establishing confidentiality and protecting privacy of participants.**

Amakuru azahabwa, umushakashatsi azayabika neza, ayifashishe mu bushakashatsi bwe gusa, nta nkurikizi yindi ku bamuhaye amakuru. Kandi ibi bizamenyeshwa umukeshwamakuru.

4. **Provide details of data collection, security and storage:**

Abakeshwamakuru bamaze kumwemererza gufatanya na twe mu bushakashatsi, umushakashatsi azatanga impapuro z'ibibazo, hanyuma abakeshwamakuru basubize nibarangiza bamusubize impapuro. Aho bizaba

| |
|---|
| ngombwa, umushakashatsi azasiga impapuro, hanyuma nibarangiza gusubiza azagaruke kuzifata.<br><br>Impapuro ziriho amakuru yatanzwe zizabikwa mu myaka itanu, kandi zizabikwa neza. amakuru arimo azifashishwa mu bushakashatsi gusa.<br><br>Ku bazatanga amakuru atanditswe na bo nibamara kutwemerera kuduha ikiganiro kigamije kubabaza, ikiganiro kizabikwa neza mu gihe k'imyaka 5 |
| 5. **Give details of whether and/or how feedback will be available to participants:**<br><br>Kubera ko ubushakashatsi buzibanda kugutahura ibibazo by'ihushanozamvugo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda hagamijwe kwiga ku mpamvu zibitera, ingaruka zaterwa n'ibyo bibazo by'imvugo itanoze ndetse no gushaka umuti warinda ibyo bibazo, ibizava mu bushakashatsi bizafasha abarimu n'abanyeshuri mu gihe bizaba byashyizwe ahagaragara n'umushakashatsi cyangwa kaminuza. Bityo abakeshwamakuru bacu na bo bakaba bashobora kuzabasha kubona ibyanditswe mu isomero rya Kaminuza |
| 6. **Does the project involve any of the following procedures?** |
| |
| b) Participant involvement by any "vulnerable groups." (If YES, give details), **Oya** |
| **c) Does the project involve any other disciplines and/or Ethics Committees?** (If YES, please state which and what approval has already been obtained - attach documentation), **Oya** |
| d) **Will payments to participants be made?** (If YES, state amount and whether payment is for out-of-pocket expenses, or a fee.): **Oya** |
| e) Will the project receive financial support?<br><br>**(i)** If YES, specify the nature and source of the support: If YES, have any restrictions been imposed upon the conduct of the |

| | |
|---|---|
| research? (If YES, specify the nature of the restrictions): **Ntayo** | |
| f) Will any restrictions be placed on the publication of results? (If YES, please state the nature of the restrictions): **Oya** | |
| g) Are there any other points you wish to make in justification of the proposed study? **Oya** | |
| h) **Please complete the items on the checklist shown below.** (Write either YES or NO in the box following each item) | **Yego/Oya** |
| (i) Have you completed all the questions on this form that are applicable to your project? | Yego |
| (ii) Have you attached an informed consent form (see below)? | Yego |
| (iii) Have you attached a sample questionnaire or interview schedule (if applicable)? | Yego |



Signature of Abdoul Khaliq Sekamana: Date: 8Th March 2022

**SECTION C: Ethical Scrutiny by supervisor**

To be completed by supervisor:

[Delete A or B]

A. This research is considered ethically acceptable. It does not involve any of the following:

- research on live animals other than non-intrusive observational studies in the wild
- research involving children under the age of 16, people diagnosed as suffering from a serious physical or mental disease or handicap, people who have undergone what would generally be regarded as traumatic experiences related to the area of research now or in the past, or people who would be judged by any reasonable person to be especially vulnerable
- experiments or clinical trials carried out on human subjects
- a power relationship such as teacher/pupil, doctor/patient, employer/employee etc.
- covert methods or where informed consent cannot or will not be sought, except for research on ‘public situations’ such as the behaviour of crowds or groups of people in circumstances where the researcher has a right to be present.
- research where the identity of the subjects/informants/participants cannot be concealed, unless they are specifically to be make aware of this and provide their signed consent
- research, which might reasonably be judged at risk of causing harm, distress or discomfort to people or groups (including social stigmatization/penalty, commercial disadvantage or environmental damage or degradation)



Signature: …………………… **Name: Prof. Cyprien Niyomugabo**

Date: 08 /03/ 2022

**SECTION D: Ethical Review by Chairperson of Review Committee**

To be completed by chairperson of University or College RESC (whichever applies):

[Ring the identification letter of one statement]

A. This research may proceed without further review

B. This research may not proceed; it clearly breaches ethical guidelines without providing justification, or it contravenes a decision already taken by the RESC.

C. This research should be referred to the full RESC.

Reasons:

Signature:_______________________ Name: _________________________________________

Chairperson University or College RES-C (whichever applies)

Date: ________/___________/ ____________

dd mm yyy

-

To be completed after a full University or College RESC meeting (whichever applies):

[Ring the identification letter of one]

A. This research may proceed

B. This research may proceed if the conditions below are implemented.

C. This research may not proceed.

Reasons (and conditions, if appropriate):

Signature:_________________________ Name: ____________________________________

Chairperson

University or College RES-C (whichever applies)

Date: ________/___________/ ____________

dd mm yyyy

# UMUGEREKA WA 9

UNIVERSITY of RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

RESEARCH AND INNOVATION UNIT

Rukara, 16th March 2022
Réf: 03/DRI-CE/045/EN/gi/2022

**Research recommendation letter for Mr. Abdoul-Khaliq SEKAMANA**

To whom it may concern,

On behalf of the University of Rwanda-College of Education (UR-CE), I introduce Mr. Abdoul-Khaliq Sekamana, a post-graduate student at the School of Education of UR-CE. Mr. Sekamana is writing his thesis on: **"*Ihushanozamvugo mu itangazamakuru ryo mu Rwanda: Impamvu, Ingaruka n'Umuti wabyo. Urugero rw'ibiganiro by'imyidagaduro bya RBA*"** to complete his Master of Education in Kinyarwanda Education.

He wishes to analyze the causes of existing misuses of Kinyarwanda language in oral communication, particularly in sports programs aired on national radio and TV by RB. Thus, he is requesting permission to collect data from your institution. This research concerns different stakeholders involved in sports programs production: from students training in journalism to professionals in RBA studio, etc.

Mr. Sekamana's research project passed successfully through an internal collegial ethical process. Thus, the University of Rwanda-College of Education: Directorate of Research and Innovation confirms that this research adheres to ethical standards and principles. Therefore, we kindly request you to accord him your cooperation in this research.

We very much hope to get your usual cooperation.

Yours sincerely.

COLLEGE OF EDUCATION — UNIVERSITY of RWANDA — RESEARCH AND INNOVATION UNIT

**Digitally signed by UR (Rukara, Directorate of Research & Innovation)**
**Date: 2022.03.17**
**Time: 09:08:13 +2'00**

**Assoc. Prof. Eugene Ndabaga**
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagav@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

**Cc:**

- Principal, UR-CE
- Postgraduate Program Coordinator, School of Education
- Assoc. Prof. Cyprien Niyomugabo (Supervisor)
- Dr. Valentin Uwizeyimana (Supervisor)